



international
alert

Mupaka Shamba Letu: Integanyanyigisho ku buringanire n'ubwuzuzanye

Imfashanyigisho y' ibiganiro ku buringanire
n'ubwuzuzanye mu matsinda



Peace
is within
our power

Ibijyane na Alerte International

Alert International ni umuryango wigenga ukaba umaze imyaka 30 ukora mu rwego rwo kubaka amahoro. Dukorana n'abaturage bahuye amakimbirane **akomeye** kugira ngo dushyigikire ibyifuzo byabo mu kugera ku amahoro.

Ibikorwa bya Alert bishingiye cyane cyane ku bushakashatsi, ku buvugizi, ku kongera ubushobozi, ku biganirwa bidaheza no guha uruhare abagenerwabikorwa. Na none dushaka kugira uruhare mu guhindura politiki n'uburyo bukoreshwa na za guverinoma, imiryango mpuzamahanga nk'Umuryango w'Abibumbye n'ibigo byigenga mu rwego rwo kugabanya ibyago byo kugira amakimbirane no gushimangira ibyifuzo byo kugera ku amahoro.

Ku bindi bisobanuro byo kumenya ibyo Alert ikora mwasura uru rubuga:

www.international-alert.org

© International Alert 2021

Uburenganzira bwihariye ku mutungo w'ubwenge burubahirizwa. Nta gice na kimwe cy'iki gitabo gishobora gusubirwamo, kubikwa mu rwego rw'ubushakashatsi, cyangwa gushyirwa mu bushakashatsi cyangwa guhererekanywa mu buryo ubwo aribwo bwose -haba ikoranabuhanga, uburyo busanzwe, fotokopi, gufata amajwi cyangwa ubundi buryo-utabihereye uburenganzira.

Abanditsi: Bertin Bisimwa Kabomboro et Lana Stade

Gutunganya igitabo: www.NickPurserDesign.com

Amashusho yo ku gifuniko: © International Alert

Amashusho y'imbere: Page 46 © Blickwinkel/Alamy ; Page 47 © Narcissus Zihindula/International Alert, Sven Torfinn (CC BY-NC-ND 2.0), © Dennis Diatel/Shutterstock, © Jean Bizimana/Majority World CIC/Alamy, © Boaz Rottem/Alamy ; Page 48 © Wayne Hutchinson/Alamy ; Page 49 Steve Evans (CC BY-NC 2.0), Sven Torfinn (CC BY-NC-ND 2.0), © Emre Topdemir/Shutterstock ; Page 73 © International Alert ; Page 131 © International Alert ; Page 134 © PJ Collins/Alamy



international
alert

Mupaka Shamba Letu: Integanyanyigisho ku buringanire n'ubwuzuzanye

Imfashanyigisho y' ibiganiro ku buringanire
n'ubwuzuzanye mu matsinda

Ibirimo

Gushimira	5
Intangiriro	10
Insanganyamatsiko ya 1. Kuganira hagamijwe gushimangira uburinganire n'ubwuzuzanye	20
Insanganyamatsiko ya 2. Kuba Umugabo no kuba umugore Gusesengura amahame n'inshingano by'uburinganire n'ubwuzuzanye	43
Insanganyamatsiko ya 3. Gusobanukirwa ibijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo	72
Insanganyamatsiko ya 4. Gusobanukirwa imbaraga z'amakimbirane	83
Insanganyamatsiko ya 5. Ubuyobozi	102
Insanganyamatsiko ya 6. Imishyikirano ifatika	118
Insanganyamatsiko ya 7. Ubumwe rusange no gushimangira amahoro	146

Gushimira

Iki gitabo ni imbuto zavuye mu mbaraga z'abantu bishyize hamwe bagize uruhare mu impinduka zijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye no gushimangira ubumwe rusange, amahoro mu matsinda y'abagore bakora ubucuruzi bucirirtse, abagabo ndetse n'abaturage baturiyeye uduce duhana imbibi n'imipaka hagati ya Epubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi.

Turashimira by'umwihariko abafatanyabikorwa b'umushinga **"Umupaka Isoko y'imibereho yacu"** bakorera muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, mu Rwanda no mu Burundi, harimo GEL, SOFIBEF, LAV, ADPD, CAU, AFRABU, FVA na CEJP, baherekeza amatsinda y'ibiganiro y'abagore bakora ubucuruzi bucirirtse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo.

Turanashimira kandi abafatanyabikorwa b'umushinga *"Tushiriki Wote"* wari wateguye integanyanyigisho ya mbere ku burunganire n'ubwuzuzanye igenewe amatsinda y'ibiganiro y'abanyeshuri bo muri kaminuza zimwe na zimwe n'amashuri makuru yo mu majyaruguru ya Kivu, Kivu y'Amajyepfo na Kinshasa muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo.

Alerte International iranashimira abaterankunga b'ingenzi bakurikira ku bw'ubufasha bwabo: ishami ry'Ubwongereza ryita ku Majyambere mpuzamahanga (UKAID), icyigo cyo muri Suwede kiba ku majyambere mpuzamahanga, Minisiteri y'ububanyi n'amahanga y'u Buholandi; na Minisiteri y'ububanyi n'amahanga n'ubucuruzi ya Irilandi. Ibitekerezo byatanze muri iki gitabo ni inshingano ya Alerte Internationale gusa ntibyakwitirirwa na gato ibitekerezo cyangwa politiki z'abafatanyabikorwa bavuzwe aha.

Liste d'acronymes

ADPD	Action pour le développement des populations défavorisées Ishyirahamwe rigamije guteza imbere imibereho myiza y'abatishoboye
AFRABU	Association des femmes rapatriées du Burundi Ishyirahamwe ry'abagore bahungutse
ASI	Adam Smith International Umuryango mpuzamahanga witiriwe Adam Smith
BA	Business Association Ishyirahamwe ry'ubucuruzi
BCC	Banque centrale du Congo Banki Nkuru ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo
BDF	Business Development Fund, Rwanda Ikigo gifasha mu iterambere ry'ibigo bito n'ibiciriritse
BRB	Banque de la République du Burundi Banki Nkuru y'UBURUNDI
CAF	Collectif des associations féminines Impuzamashyirahamwe y'Abagore
CAP	Comité d'Alert pour la Paix (Alert Peace Committee) Komite iharanira Amahoro muri Alert Internationale
CAU	Collectif Alpha Ujuvi Ishyirahamwe Alpha Ujuvi
CECM	Caisse coopérative d'épargne et de crédit mutuel Isanduku yo kwizigama na kugurizanya
CEDAW	Convention sur l'élimination de toutes les formes de discrimination à l'égard des femmes (Convention on the Elimination of all forms of Discrimination Against Women) Amasezerano yo kurandura burundu ihezwa iryo ariryo ryose rikorerwa Abagore
CEJP	Commission épiscopale Justice et Paix Komisiyo y'Ubutabera n'Amahoro
CEPGL	Communauté économique des pays des Grands Lacs Umuryango w'Ubukungu w'Ibihugu byo mu biyaga bigari
CFCIB	Chambre fédérale de commerce et d'industrie du Burundi (Federal Chamber of Commerce and Industry Burundi) Urugaga rw'Ubucuruzi n'Inganda mu Burundi
COMESA	Marché commun de l'Afrique orientale et australe (Common Market for East and Southern Africa) Isoko rusange ry'Afurika y'Uburasirazuba ndetse n'Iyamajyepfo
COOPEC	Coopérative d'épargne et de crédit Koperative zo Kuzigama ndetse no Kugurizanya
COSOPAX	Commerçantes solidaires pour la paix/Région des Grands Lacs Abacuruzikazi bishyize hamwe baharanira Amahoro mu karere k'Ibiyaga bigari
CRS	Catholic Relief Services Umuryango mpuzamahanga w'Abagatorika

DDR	Désarmement, Démobilisation et Réintégration Kwambura intwaro, Kuvanwa mu gisirikare no Gusubizwa mu buzima busanzwe
DFAP	Development Food Aid Programme Gahunda yo gutanga ibiribwa hagamijwe iterambere
DFID	UK Department for International Development Umuryango w'Abongereza ushinzwe iterambere Mpuzamahanga
DGDA	Direction générale des Douanes et Accises Ubuyobozi bukuru bushinzwe Abinjira n'Abasohoka muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo
DGM	Direction générale de Migration Ubuyobozi bukuru bw'abinjira n'abasohoka muri DRC
EAC	East African Community Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba
FEC	Fédération des Entreprises du Congo Ihuri ry'Inganda ziciriritse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo
FMI	Fonds monétaire international Ikigega Mpuzamahanga
FONAMI	Fonds national de la Microfinance (RDC) Ikigega cy'igihugu gitera inkunga ibigo by'Imari biciriritse (Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo)
FVA	Faith Victory Association Umuryango Nyarwanda uharanira uburenganzira bw'umwana n'umugore ukarengera n'ibidukikije ugateza imbere ubuzima ndetse ugaharanira ihame ry'uburinganire hagati y'umugore n'umugabo
GEL	Guichet d'Economie Locale du Sud Kivu Ishami Nzahurabukungu muri Kivu y'Amajyepfo
GERME	Gérez Mieux Votre Entreprise Porogaramu y'amahugurwa ku gucunga imishinga mito iciriritse
GIZ	Gesellschaft für Internationale Zusammenarbeit Umuryango w'abadage ushinzwe iterambere mpuzamahanga
GLTFP	Great Lakes Trade Facilitation Project Umushinga ugamije koroshya ubucuruzi mu karere k'Ibiyaga bigari
IOM	International Organisation for Migration Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe impunzi
ISSSS	Stratégie de stabilisation, RDC Gahunda yo kugarura umutekano n'amahoro mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo
M&E	Monitoring and Evaluation Ikurikirana n'igenzurabikorwa
MONUSCO	Mission de l'Organisation des Nations Unies pour la Stabilisation en RDC Intumwa z'umuryango w'Abibumbye zigamije kugarura Amahoro muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo
OBR	Office burundais des Recettes Ikigo cy'igihugu gishinzwe gukusanya Imisoro mu Burundi
OCC	Office congolais de Contrôle Ikigo cy'igihugu gishinzwe ubuziranenge

OIT	Organisation internationale du Travail Umuryango mpuzamahanga wita ku murimo
ONG	Organisation non gouvernementale Umuryango utegamiye kuri Leta
ONGI	Organisation non gouvernementale internationale Umuryango mpuzamahanga utegamiye kuri Leta
ONU	Organisation des Nations Unies Umuryango w'Abibumbye
OP	Observatoire de la Parité Ikigo gishinzwe kureba ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye muri Repubulika Iharanira Demukarasi ya Kongo
OSC	Organisation de la société civile Ubumwe bw'Imiryango itegamiye kuri Leta
PAFE	Police de l'air, des frontières et des étrangers, Burundi Ingabo ndindamipaka yo mu kirere no ku butaka mu gihugu cy'Uburundi
PME	Petites et moyennes entreprises Inganda nto n'iziciriritse
PNUD	Programme des Nations Unies pour le développement Ishami ry'umuryango w'Abibumbye rishinzwe iterambere
RAFEJ	Réseau des Associations des Femmes Juristes de l'Est Urugaga rw'amashyirahamwe y'Abagore bize iby'Amategeko mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo
RDC	République démocratique du Congo Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo
REC	Exchange and Consultation Network for Small Cross-Border Trade Women Ihuriro ngishwanama ry'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka
RMDCSSP	Rwanda Multi Donor Civil Society Support Programme Gahunda ihuza Abaterankunga b'Imiryango itegamiye kuri Leta
ROFEJ-GL	Réseau des Organisations des Femmes Juristes de la région des Grands Lacs Ihuriro ry'imiryango y'abagore bize iby'Amategeko mu karere k'Ibiyaga bigari
RWF	Franc rwandais Amafaranga y'u Rwanda
SACCO	Savings and Credit Cooperative Koperative yo kuzigama no kugurizanya
SGBV	Sexual and Gender Based Violence Ihohoterwa rishingiye ku gitsina
SIDA	Swedish International Development Agency Ishami ry'abanyasuwedi ryishinzwe iterambere mpuzamahanga
SIYB	Start and Improve Your Business Programme Gahunda ya "Tangira kandi Uzamure umushinga wawe "
SMICO	Société de Microfinance Congolaise Ishyirahamwe ry'Ibigo by'imari iciriritse muri Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo
SOFIBEF	Solidarité des Femmes de Fizi pour le Bien-être Familial Ishyirahamwe ry'abagore baturuka muri Fizi(Congo)baharanira imibereho myiza y'umuryango

SSR	Security Sector Reform Gahunda y'umuryango w'Abibumbye igamije gushyigikira gahunda zo kugarura amahoro no gushyigikira ibikorwa bya Guverenoma mu kugarura amahoro muri Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo
SSU	Stabilization Support Unit Ishami ry'umuryango w'Abibumbye rigamije gushyigikira gahunda zo kugarura amahoro no gushyigikira ibikorwa bya Guverenoma mu kugarura amahoro muri Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo
STR	Simplified Trade Regime Amasezerano agamije korohereza ibihugu bigize COMESA, gukoresha amahirwe ahari, mu gukora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka, bifashishije amasezerano yasinywe afasha kwinjiza no gusohora ibicuruzwa
TID	Trade Information Desk Inyubako ikubiyemo amakuru ndetse n'izindi serivisi zikenerwa n'abakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka mu bihugu bigize umuryango wa COMESA
TMEA	Trademark East Africa Umuryango mpuzamahanga ushinzwe iterambere ry'ubucuruzi mu karere ka Afurika y'Iburasirazuba
TOR	Terms of Reference Inyandiko nsobanuragikorwa
TOT	Training of Trainer Amahugurwa y'Abahugura
UE	Union européenne Umuryango w'ubumwe bw'ibihugu by'i Burayi
USAID	United States Agency for International Development Umuryango w'abanyamerika ushinzwe iterambere mpuzamahanga
VSLA	Village Saving and Loan Association Amatsinda yo kwizigamira ndetse no kugurizanya
WCP	Women's Citizenship and Participation Gahunda y'umuryango w'Abibumbye ugamije gukangurira Abagore kugira uruhare mu iterambere, mu buringanire bw'abagabo n'abagore ndetse n'Imiyoborere binyuze mu bukoranabushake

Intangiriro

1. Umushinga mu miterere yawo

Kuva mu kwezi kwa mbere 2019, Alerte Internationale, ibitewemo inkunga n'ikigo cyo muri Suwedi gishinzwe iterambere mpuzamahanga (Asdi/Sida), iri gushyira mu bikorwa umushinga "Umupaka ni Isambu Yacu" muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo no mu Karere k'Ibiyaga Bigari, mu gihe cy'imyaka ine kandi bafatanyije n'ibigo umunani bya sosiyete sivile byo muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, mu Rwanda no mu Burundi.

Ikibazo nyamukuru uyu mushinga ushaka gukemura ni ubumwe rusange n'icyizere bidahagije bigaragara muri kominote zihana imbibi n'imipaka hagati ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi ndetse n'ihazwa ry'abagore bakora ubucuruzi buciriritse baturuka ahantu hatandukanye mu nzira zifatirwamo ibyemezo ku bibazo byo muri ako gace bigira uruhare ku mahoro no ku mutekano wabo.

Umushinga ugamije kongerera ubushobozi abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka mu duce mpuzamipaka two muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, two mu Rwanda no mu Burundi, kugirango bibarize hamwe ibibazo bijyanye n'uburinganire bituma habaho amakimbirane muri kominote zabo ndetse no muri ako gace muri rusange, no gukoresha ububasha bwabo mu rwego rwo guteza imbere kurushaho ubumwe rusange n'ubutwererane mu karere.

Ku buryo bwihariye, umushinga ushaka kugira uruhare muri sosiyete idaheza, ku butwererane buteye imbere no ku mahoro arambye mu karere k'Ibiyaga Bigari byo muri Afurika. Umushinga wibanda ku gushimangira uruhare abagore b'abacuruzi batuye muri kominote zegereye imipaka bashobora kugira binyuze mu bucuruzi, mu rwego rwo kurushaho korohereza imyumvire hagati ya za kominote.

Kugirango iyo ntego igerweho, umushinga uzifashisha uruhererekane rw'ingamba zizashyirwa mu bikorwa: gushimangira ubumenyi n'ibiganiro, gushyiraho no guhuza ibikorwa; ndetse n'ubuvugizi.

Kimwe mu bisubizo by'umushinga bishingiye ku guhimba ahantu haboneye hatuma abacuruzikazi bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka bashimangira kandi banakoresha ububasha bwabo mu miryango yabo bwite, no muri kominote zabo, bongera gushyira ahagaragara amategeko n'imigenzo ishingiyeye ku muco bituma abagabo bashyirwa mu rwego rwo hejuru ugereranyije n'abagore.

Umushinga Umupaka ni Isambu Yacu uzafasha mu ishyirwaho ry'amatsinda y'ibiganiro 32 agizwe n'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka, azaba agizwe n'abantu 25 buri tsinda (60% by'abagore bubatse na 40% by'abagore bibana cyangwa ingaragu baturutse mu matsinda y'amoko atandukanye no mu nzego z'ubukungu zitandukanye) mu mijyi umunani yegereye mipaka ariyo Goma, Bukavu, Kamanyora, Uvira muri RDC, Rubavu, Rusizi na Bugarama mu Rwanda na Gatumba mu Burundi. mu rwego rwo kwemerera abagore b'abacuruzi kugira umubano ungana mu ngo zabo no kugira icyubahiro, agaciro k'akazi kabo no kugira ubushobozi mu ifatwa ry'ibyemezo mu ngo zabo bwite, umushinga utegura amatsinda y'ibiganiro 16 agizwe n'abagabo b'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka, buri tsinda ririmo abantu 30 muri iyo mijyi umunani yavuzwe.

Buri mugabo n'umugore bashakanye bitabiriye itsinda ry'ibiganiro bazahabwa kandi amahirwe yo kwitabira ibiganiro bivanze hagati y'abacuruzi b'abagore n'abagabo babo. Gahunda y'ibiganiro ivanze izaba igizwe n'ibiganiro 6 kugeza kuri 8, hubabakiwe kuri gahunda y'ibiganiro 6 byateguwe mu mushinga wa Alerte Internationale wabanje witwa « Tushiriki Wote»: Gushimangira amahoro binyuze mu guteza imbere ubukungu n'uruhare rugaragara rw'abagore".

Kimwe mu bintu by'ingenzi bizagenderwaho mu guhitamo abagize amatsinda y'ibiganiro by'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka izaba isano bafitanye n'amakimbirane abera aho batuye muri kominote. Uyu mushinga uzihatira kwibanda by'umwihariko ku bagore baturuka muri kominote zitandukanye cyangwa mu moko atandukanye usanga babayeho mu bihe by'amakimbirane ahoraho, mbese igitekerezo ni ukureba ko amatsinda y'ibiganiro akora nk'urwego rwatuma abo bagore, badakunze guhura, kugira uruhare mu biganiro byubaka. Amatsinda y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'ay'abagabo babo azajya ahura rimwe mu kwezi. Buri nama izajya imara hafi amasaha abiri. Inama zizajya ziyoborwa n'abantu babiri bagize itsinda aribo bazavamo abafashambyumvire bakazajya baherekezwa/bafashwa n'ibigo by'abafatanyabikorwa.

Mu kuyobora ibiganiro, ni ngombwa gutegura inyoborakiganiro izafasha mu kuyobora ikiganiro mu buryo bunoze, bufite ishingiro kandi buganisha ku bibazo by'uburinganire n'imiyoborerere myiza. Iki gikoresho gishingiye ku bunararibonye bw'umushinga wabanje witwa « Tushiriki Wote ». Muby'ukuli, ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga wa Tushiriki Wote ryagaragaje akamaro ko kugira ibikoresho byo kuyobora no gushyira mu bikorwa ibyatekerejwe bijyanye no guhindura imyifatie n'imigenzo y'abo bigenewe bikanatuma habaho imyumvire imwe. Ni muri ubwo buryo umushinga wari wateguye igitabo cyitwa imfashanyigisho ku buriringanire n'ubwuzuzanye, imfashanyigisho ishyira mu bikorwa amahugurwa ku buriringanire n'ubwuzuzanye, amashusho ku buriringanire n'ubwuzuzanye n'imiyoborerere myiza ndetse n'udutabo ku mahuriro hagati y'abagore b'abacuruza n'abagabo babo. Ubu bunararibonye bwongerewe agaciro bushyirwa mu gitabo gahuye n'imiterere y'umushinga Umupaka Ishyamba Ryacu.

Mu by'ukuli, kuva muri 1996, Alerte Internationale ntiyigeze ihwema kuteza imbere ubushobozi mu gufata ibyemezo n'ubwigenge mu by'ubukungu ku bagore ibinjiza byuzuye mu nzira zo gushimangira amahoro. Mu Karere k'Ibiyaga Bigali by'Afurika, gahunda yacu igamije gufasha abagore kugira uruhare mu iterambere rya za politiki n'amahoro yatangiye mu 1996, kuva icyo gihe yasakaye mu Rwanda mu 1997 no mu bursirazuba bwa RDC mu mwaka wa 2000. Ku byerekeye Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, Alerte Internationale kuva mu mwaka wa 2000 ikora ku bijyanye no guteza imbere uruhare rw'abagore mu gufata ibyemezo, ibyo, mu nzego zose za sosiyete. Ku bufatanye n'imiryango y'abafatanyabikorwa imbere mu gihugu, twibanze cyane ku ikoresha ry'abagore mu nzego za kominote mu gushimangira amahoro, nka « baraza », (inzego z'amahoro ku rwego rw'umudugudu) na za komite z'amahoro, kimwe no kongerera ubushobozi bwo guhuza no guciririkanya ku bayobozi ba za kominote. Na none twashishikarije abagore mu kugira uruhare mu biganiro bigamije amahoro bya Sun City mu mwaka wa 2002 no mu matora y'Umukuru w'Igihugu mu mwaka wa 2006, amatora ya mbere nk'ayo muri RDC hafi mu myaka 40 ishize.

2. Intego z'iyi mfashanyigisho

Iyi mfashanyigisho igerageza guha gahunda uburinganire n'bumwe rusange bijyanye by'umwihariko n'imibereho y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu bice mpuzamipaka hagati ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi. Mu myaka 4 ishize, ndetse hifashishijwe inkunga ya ASDI (Ikigo cyo muri Suwedi cy'ubutwererane mpuzamahanga ku majyambere)- Repubulika iharanira Demokarasi ya Congo, Alerte International yagize uruhare mu gucunga umupaka ifasha amashyirahamwe y'abagore b'abacuruzikazi. Binyuze mu mahugurwa yahawe abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka no mu gushishikaza, Alert yatumye bagera kuri gahunda ihamye n'uguhagararirwa. Kwari ugushyira mu bikorwa gahunda ihamye y'uburinganire n'ubwuzuzanye kugira ngo amatsinda y'ibiganiro arushaho kunozwa ari nako hanongerwa ubushobozi bw'abafatanyabikorwa n'ikipe y'umushinga kuri iyi gahunda kugirango nabo babonereho guhugura abagenderwabikorwa b'umushinga.

2.1. Intego zihariye z'iyi mfashanyigisho

- Guha abashinzwe gahunda z'umushinga n'abafashamyumvire bo mu bigo 8 by'abafatanyabikorwa (bagera kuri 16) amahame y'ibanze n'uburyo bw'ingenzi mu bijyanye no gufasha amatsinda y'ibiganiro.
- Kongerera ubushobozi imiryango y'abafatanyabikorwa (binyuze mu mahugurwa y'abahugura) kugirango izashobore guhugua abayobozi b'amatsinda y'ibiganiro y'abagore bakora ubucuruzi buciririce bwambukiranya imipaka, amatsinda y'abagabo babo n'amahuriro avanze y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, mu Rwanda no mu Burundi.
- Gutanga umurongo wuzuye ushobora gukurikizwa n'amatsinda yose, ibyo bishobora gutuma habaho uburyo bumwe bwo kwigishwa ku matsinda yabugenewe.

Icyemezo cyo gutegura imfashanyigisho y'amahugurwa agenewe abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo cyafashwe biturutse ku isuzuma ry'umushinga "Tushiriki Wote". Ibikorwa bya Alerte Internationale byatumye habaho inozwa ry'amabwiriza y'ingenzi akoresheye ku mupaka kandi arimo ukujubya guke, umutekano wisumbuye n'ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko arengera umubano no guhimba imyanya y'ibiganiro ku mpande zose zirimo.¹

Binyuze muri iyi mfashanyigisho, ubushobozi bw'amatsinda y'ibiganiro y'abacuruzikazi buciriritse bambukiranya imipaka hamwe n'abagabo babo mu turere twegereye imipaka ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, y'u Rwanda n'u Burundi azongererwa imbaraga, kugirango ashakire hamwe ibibazo bitandukanye bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye bituma habaho amakimbirane muri kominote zabo no mu Karere muri rusange, ndetse anakoreshe ububasha bwayo mu guteza imbere ubumwe rusange mu buryo busesuye ndetse n'ubutwererane mu karere.

2.2. Abo bigenewe

Iyi gahunda igenewe amashyirahamwe ya sosiyete sivile yo muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, mu Rwanda no mu Burundi yifuza kuba yahinduka ku bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye no kugira uruhare mu gushimangira ubumwe rusange hagati y'abaturage bo muri ibyo bihugu bitatu. Ntigamije gusa guhindura imyitwarire n'imigirire y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo, ahubwo inagamije kunoza ubumenyi bwabo kubyerekeye uburinganire n'ubwuzuzanye (gushimangira amahoro).

2.3. Uburyo buzakoreshwa

Uburyo bukoreshwa bufite itandukanirwo nubw'inzezo gakondo ziba zishaka guhera ku mpaka zishingiye ku nyito y'uburinganire n'ubwuzuzanye hanyuma zigakomereza ku zindi nsanganyamatsiko nko ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyangwa ubuyobozi. Iyi gahunda yo ifata izi ngingo nk'igice cy'ingenzi cy'amahugurwa kandi igenda izivugaho muri gahunda yose, noneho bigatera abitabiriye kuzisuzuma mu gihe cy'imyitozo.

Iyi mfashanyigisho yakuwe muri gahunda y'umwimerere yari yateguriwe abanyeshuli bo muri za kaminuza, nayo ikaba igice kimwe yifashisha gahunda zindi nka gahunda ya Stepping Stones na SASA ! « Kuzamura Amajwi », hamwe n'uburyo bwashyizweho na Alert ifatanyije n'abafatanyabikorwa bo muri Repubulika iha-

1. "Raporo y'isuzuma rya nyuma ry'umushinga Tushiriki Wote", Transition International, Mata 2018, p.37

ranira Demokarasi Kongo. Ibikoresho by'amahugurwa biturutsemo byibanda cyane ku gusuzuma gukozwe mu buryo bushoboka n'abitabiriye ku bigendanye n'indangagaciro zabo bwite, imyifatire yabo ku bijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye n'amasano no ku iterambere ry'ubumenyi bwabo bizatuma babasha gutangaza ibyo bakeneye n'ibyifuzo byabo. Ayo mahugurwa ashingiye ku buryo bwo kwigisha bugirwamo uruhare n'abahugurwa, kubera ko byagaragaye ko umuntu afata neza kurushaho iyo ashobora gusangiza abandi ubumenyi bwe n'iyi ashobora kuganira ku bibazo akanikuriramo ibisubizo/imyanzuro ye.

Ibyabonywe n'abakozi b'umushinga n'abafatanyabikorwa ndetse n'ibyegeranyo byakozwe, n'isurwa ry'ibikorwa aho bikorerwa byakozwe kubera iki gitabo by'umwihariko, byagaragaje ibibazo byagaragaye mu matsinda yatoranyijwe. Kubw'ibyo, ubu buryo bwishingikirije ku gushyirahamwe n'uburinganire mu bikorwa bya buri muni, cyane cyane mu gutumanaho n'abandi, byaba ari ingingo ngenderwaho z'ibanze mu biganirompaka ku myifatire, amabwiriza, ibisobanuro by'uburinganire n'ubwuzuzanye. Muyandi magambo, ibiganiro ku bibazo by'uburinganire bazarushaho gutanga umusaruro nidutangirira ku guhindura uburyo bwo gutumanaho n'imikoranire.

Kwifashisha udutsinda duto dutuma abantu bisanzura mu kuvuga ni ikintu kibanzweho muri iyi gahunda. Hateguwe ibiganiro byinshi bigamije guhimba no gukoresha « umwanya utekanye » uzatuma abantu bisanzura mu biganirompaka. Byongeye kandi, iyi gahunda yifashisha uburyo bw'umwimerere kandi bwahimbiwe kwiga unakora bugashyira imbere kwiga ukora, gukorera mu matsinda byibanda ku bikorwaniro. Kimwe mu bikoresho by'ingenzi ni ugukina udukino: abitabiriye amahugurwa bahabwa agakino, karimo abantu bo kwigana mu matsinda mato, mbere yo guhura nabandi bese kugirango bahabwe inama.

Iyo hakinwe udukino bitanga ibyiza byinshi mu gutuma intego umushinga wiyemeje igerwaho mu itsinda ryatoranyijwe aribyo: (1) gutuma abitabiriye amahugurwa bagaragaza ibiyumviro byabo bihishe, (2) gutuma abitabiriye amahugurwa bagirirana impuhwe no kumva impamvu zabo, (3) gutuma abitabiriye amahugurwa bashyira mu ngiro imyitwarire itandukanye, (4) gufasha abitabiriye amahugurwa bafite ikibazo cyo kuvuga ibitekerezo byabo hibandwa ku kamaro ko kudasubiza mu magambo n'izivuye ku mutima. N'ubwo iyi mfashanyigisho yagenewe gukoreshwa n'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwamukiranya imipaka n'abagabo babo, ishobora no kwifashishwa no mu yandi matsinda.

2.4. Uburyo iyi mfashanyigisho izakoreshwa

Gahunda yatanze igamije guhindura uburyo uburinganire n'ubwuzuzanye bufatwa; buri gikorwa cyateganyirijwe gushingira ku byabonywe mbere. Mu yandi magambo, insanganyamatsiko ntizishobora gusimburanywa kuko hari uburyo zikurikiranyemo. Ariko, amasomo ari mu nsanganyamatsiko imwe ashobora gucurikiranywa kugirango ahuze icyifuzo runaka. Muri ubwo buryo, byashoboka gutanga umwanya muni ku bibazo cyangwa ingingo zimwe, bibaye ngombwa. Iyi mfashanyigisho igenewe abafashamyumvire b'ibiganiro hamwe n'abafatanyabikorwa ba Alert, bazafasha abahugura. Ibiganiro byose byo mu matsinda y'ibiganiro biyoborwa n'abafashamyumvire batoranyijwe mbere na bagenzi babo mu kuzuza izo nshingano.

2.5. Abafashamyumvire

Guhitamo abafashamyumvire bikorwa nyuma y'uko gutoranya abagize itsinda ry'ibiganiro bese birangiye. Buri tsinda ry'ibiganiro ryitoramo babiri muri bo cyangwa abagabo babo muri bo, umufashamyumvire n'uwo bashakanye mu gihe cy'umwaka wose bakazafasha mu koroshya ibiganiro. Imiryango y'abafatanyabikorwa iherekeza abafashamyumvire mu gutegura ibiganiro, ariko nabo baba bahari. Iyi mfashanyigisho izahabwa amatsinda y'ibiganiro binyuze mu miryango/ibigo by'abafatanyabikorwa. Ibyiza umufashamyumvire cg umukangurambaga ni uko baba bazi gusoma no kwandika, n'ubwo bitari ngombwa cyane rwose kuko abafatanyabikorwa ba Alert bazakorana nabo cyane.

2.6. Gutegura no cucunga amatsinda y'ibiganiro

Itsinda ry'ibiganiro riba herekejwe n'umukangurambaga wo mu muryango utegamiye kuri leta w'umufashyabikorwa. Niba itsinda ry'ibiganiro ribyifuzwa, rishobora gutora komite iyobora itsinda igizwe n'abantu 3 kugeza kuri 4, ariko ibi ntabwo ari itegeko. Rishobora kuba rigizwe n'abanyamuryango batandukanye: umufashamyumvire = perezida, umufashamyumvire wungirije = visi-perezida, umubitsi n'umunyamabanga. Mu itsinda ry'ibiganiro, umufashamyumvire/umushyushyarugamba agomba gukorera icyarimwe ibikorwa bijyanye n'imibanire y'abantu (umubano mwiza, kubaha abantu, umwuka wo gukorana) ndetse no ku rwego rw'intego z'umurimo. Izi nizo ntego zagenwe hakurikijwe gahunda "y'uburezi" mu buryo bwo kuvuga ku buzinganire n'ubwuzuzanye n'uburyo bwakoreshwa mu kuyobora ibiganiro.

Intego zihuriweho n'abitabira ibiganiro mu itsinda kandi zituma buri wese yiyumva mu itsinda bikamuha n'im-pamvu y'ingenzi yo gushyigikira itsinda. "Umupaka ni Isambu Yacu" izakomezanya n'amatsinda y'ibiganiro y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka ishyiraho amatsinda mashya.

- Hazabaho amatsinda y'ibiganiro 4 y'abagore b'abacuruzikazi muri buri gace umushinga ukoreramo: i Goma, Rubavu, Bukavu, Rusizi, Uvira, Gatumba, Kamanyola na Bugarama.
- Abafashamyumvire baho bazafata inshingano zo guherekeza no gutegura amahuriro rimwe mu kwezi mu gihe cy'amasaha abiri byibuze.
- Bizaba ari ukwiga uburyo bwo gushyiraho no gutangiza imiyoboro yo gushyiraho amatsinda mashya ya Goma, Rubavu, Bukavu, Rusizi, Uvira, Gatumba hamwe n'amatsinda y'ibiganiro y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka yari ariko muri "Tushiriki Wote".
- Alert izafasha mu gushyiraho no gufasha amatsinda y'ibiganiro mu gihe cy'amezi 18 ariko inabategura kuzigenga. Alert izakoresha kuva mu ntangiriro ingamba yo kugenda ivamo gahoro gahoro mu rwego rwo guteza imbere uburambe bw'amatsinda y'ibiganiro.

2.7. Abitabira n'amatsinda

Itsinda ry'ibiganiro rigomba kugirwa n'abantu 25 kugeza kuri 30. Ni ngombwa kugira itsinda ryatoranyijwe kandi ryuzuye, kubera ko intego ari ugushyira ikizere no kumenyerana, abagize itsinda bagomba kuzakora ibikorwa by'ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka hagati ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'uburundi, cyangwa kuba umugabo w'umucuruzikazi ugira uruhare mu bikorwa by'itsinda ry'ibiganiro.

2.8. Ahantu

Igihe cyose bishoboka, ni ngombwa gushyiraho "ahantu hatekanye" aho abitabira bashobora gutanga ibitekerezo n'ibiyumviro byabo badatinye gusekwa cyangwa kunengwa. Ibyaba byiza, ahantu ho guteranira hagomba kuba habereye ubwitabire no kwirinda bishoboka bya kiroya. Nyamara, urujya n'uruza rw'abanyamuryango, amafaranga y'urugendo n'izindi ngaruka mbi zabangamira ubwitabire zigomba kwitabwaho. Ni ngombwa ko abafashamyumvire bashimangira akamaro ko kugira ibanga ku bijyanye n'amakuru asangirwa mu itsinda ry'ibiganiro, kugirango habeho umwuka w'icyizere.

Muri rusange ibiganiro bibera mu ruziga, hitawe ku gukoresha umwanya wose uhari. Bishatse kuvuga ko mu itegura ry'imyitozo, bishoboka kuba ngombwa gutegura icyumba hasunikwa ameza no gutera intebe ku ruziga, cyangwa ameza n'intebe bigakoreshwa mu gihe cy'udutsinda duta. Ubwo buryo bworoshye kuganira n'isangira ry'ibitekerezo kandi hakabaho n'umwanya uhagije wo gukiniramo.

2.9. Ingengabihe

Umunsi n'igihe nyacyo cy'ibiganiro bishobora guhuzwa n'iby'abanyamuryango n'ingengabihe y'akazi y'abakurambaga. Buri kiganiro kimara masaha abiri, inshuro imwe kugeza kuri ebyiri mu kwezi (itsinda niryo ryigenera mu ntangirire inshuro zo guhura). Ni ngombwa kwita ku bibazo by'umutekano no kwitondera ko abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka badataha mu ngo zabo batinze.

2.10. Ibindi

Ibiganiro bizaba biteguwe neza kandi biyobowe hakurikijwe gahunda yateguwe na Alert International, hashingirwe ku Nteganyayigisho y'uburinganire n'ubwuzuzanye : imfashanyigisho y'amahugurwa ku burunganire n'ubwuzuzanye.

Muri rusange ibiganiro bibera ku ruziga, hitawe ku gukoresha umwanya wose uhari (mu cyumba cyangwa hanze bitewe n'icyo abahugurwa n'abafatanyabikorwa bazaba bumvikanye ku cyiza cyo gukora n'umwanya bimara). Bishatse kuvuga ko mu iteganyangiro, byaba ngombwa gutegura icyumba hasunikwa ameza no gutera intebe ku ruziga, cyangwa ameza n'intebe bigakoreshwa mu gihe cy'udutsinda duta. Bishobora gutwara iminota itanu mu ntangiriro z'ikiganiro. Ubwo buryo bworoshya itumanaho n'isangira ry'ibitekerezo kandi hakabaho n'umwanya uhagijwe wo gukiniramo.

Birashoboka cyane ko abenshi mu bacuruzikazi bazitabira ibiganiro batazi gusoma no kwandika. Imyitozo rero izirinda gusaba abitabiriye gusoma cyangwa kugira ibyo bandika. Ahubwo, abafashanyumvire bazabyitaho (bandika mu gihe cyo kuganira kugirango bashobore kuvuga mu ncamake cyangwa gusoma ibyatangirijwe mu matsinda). Udusanduku tw'amashusho tazakoreshwa mu mwanya w'inyandiko.

Bishobora kubaho ko abahugurwa bakumva havugwa izi ngingo (uburinganire n'ubwuzuzanye, ubuyobozi, n'ibindi) ku nshuro ya mbere kuri bo, kandi ikipe y'umushinga izi ko abahugurwa (abacuruzikazi bato bambukiranya imipaka n'abo bashakanye) bashobora kuba bafite ibindi bashyira imbere n'ibibazo byihutirwa mu buzima bwabo ("kubaho umunsi ku wundi", imbogamizi z'umutekano bitewe n'ahantu hamwe na hamwe muri buri gihugu cyangwa ahantu mpuzamipaka ; ibintu imiterere ifitanye isano n'imimerere yihariye, ibyemezo bya politiki bya bur gihugu kandi bishobora kugira ingaruka mu buryo bumwe cyangwa ubundi za gahunda kandi zikwiye gukurikizwa, n'ibindi). Amakuru yatanze muri buri kiganiro agomba kuba yuzuye bishoboka mu ngano no mu ireme ryayo kugirango abitabiriye basigarane ubutumwa bw'ingenzi. Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka bagize amatsinda y'ibiganiro bazabona amahirwe yo kugira uruhare mu biganiro, kuri AVEC, ndetse no ku mahugurwa ngiro na none no ku bikorwa bijyanye no gusoma no kwandika igihe bibaye ngombwa.

Kugirango umushinga ugerweho neza, ni ngombwa ko amabwiriza y'ibanze ajyanye no kugira uruhare ruziguye kandi rwimbitse bigaragara mu biganiro 1 na 2, kandi ko byibutswa bibaye ngombwa. Ibyo biganiro bigomba gutanga umwanya aho buri wese yatanga igitekerezo cye mu bwisanzure nta gutinya gusekwa cyangwa ingaruka ubuzima bwe bwo hanze bukaba butagira ibyago byo kunengwa.

2.11. Incamake ku nsaganganyamatsiko

Insanganyamatsiko 1 – Kuganira hagamijwe gushimangira uburinganire n'ubwuzuzanye

Intego y'iyi nsanganyamatsiko ni ugufasha abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka n'abo bashakanye kugirirana icyizere hagati yabo no kwiyoungura ubumenyi buzabafasha kuganira hagati yabo mu buryo bungana. Intego igamijwe ni ugushyigikira icyizere ku babana mu ngo no mu bice byegereye imipaka hagati ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi. Iyi nsanganyamatsiko ifite intego yo guteza imbere ukwishyirahamwe n'uburinganire mu migenzereze ya buri munsu, cyane mu gutumanaho n'abandi, nk'ibintu by'ingenzi byagenderwaho mu biganirompaka ku bijyanye n'imyifatire, amabwiriza n'ibisbonauro ku burunganire n'ubwuzuzanye ndetse ngo gushimangira amahoro mu bice byegereye imipaka hagati ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi. Iyi nsanganyamatsiko igize imwe mu buryo bw'ishingiro bw'iyi gahunda yose, igomba kuba mu by'banze byo kwitabwaho.

Insanganyamatsiko 2 – Kuba Umugabo no kuba umugore Gusesengura amahame n'inshingano by'uburinganire n'ubwuzuzanye

Iyi nsanganyamatsiko igamije gufasha abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo kugenzura byimbitse amahame, n'inshingano y'uburinganire n'ubwuzuzanye mu miryango yabo bwite ndetse no muri sosiyete. Mu biganiro bizatangwa muri iyi nsanganyamatsiko, abagore b'abacuruzi baciriritse n'abo bashakanye bazagira amahirwe yo gusuzuma no guhangana n'imyumvire itandukanye y'uburinganire n'ubwuzuzanye bujyanye n'imyitwarire abagabo n'abagore bagomba gufata n'intego bagomba kugeraho mu buzima bwabo. Iyi nsanganyamatsiko izihatira ku kwiga uburyo abantu tugenda dufata ibintu bitewe n'ibyo twemera nko kuba imyitwarire n'imyifatire imwe n'imwe yitirirwa abagabo (ubugabo) cyangwa abagore (ubugore).

Insanganyamatsiko 3 – Gusobanukirwa ibijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo

Iyi nsanganyamatsiko igamije gufasha abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo gusesengura ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo aho batuye, nko mu ngo zabo ndetse no mu gace batuyemo, no kumva uburyo bigira ingaruka ku burunganire. Iyi nsanganyamatsiko niyo itangiza inyito y'Ububasha, ishingiro ry'imyumvire y'uburinganire n'ubwuzuzanye. Mbere yo kugera kure mu biganiro n'insanganyamatsiko zijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye, imyumvire y'imiterere y'ububasha muri sosiyete izatuma abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo, bagira ingingo z'ibanze zabafasha gusesengura mu buryo butabogama impinduka zijyanye n'uburinganire n'ubwuzuzanye mu kazi kabo ndetse no mu buzima bwabo bwa buri munsu. Iyi nsanganyamatsiko kandi irategura abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka n'abagabo babo gusobanukirwa n'imiterere y'uburinganire bwatewe n'ishyirwa mu ngiro ry'ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo hagamijwe gushyiraho isano n'ingaruka z'amakimbirane n'ubufatanye bw'abaturage mu kubaka amahoro.

Insanganyamatsiko 4 – Gusobanukirwa imbaraga z’amakimbirane

Iyi nsanganyamatsiko ifite intego ebyiri. Iya mbere ni ugutuma abahugurwa barushaho kumva mu buryo bwimbitse imbaraga z’amakimbirane mu rwego rwo gushimangira amahoro n’impamvu uburinganire ari ngombwa mu kubaka amahoro arambye. Iya kabiri ni ugufasha abahugurwa gusesengura amakimbirane n’amahoro hifashishijwe ururimi rworoshye kandi ruhuye n’imbirereho yabo yihariye no guhinduka abantu bashobora kugira uruhare mu nzira y’imibanire myiza rusange mu ngo ndetse no mu baturage baturiyeye imipaka, imbere mu gihugu ndetse no mu karere.

Insanganyamatsiko ya 5 – Ubuyobozi

Iyi nsanganyamatsiko ifite intego yo gufasha abagize itsinda ry’ibiganiro kumva neza icyo ubuyobozi buvuze no kubongerera ubumenyi kuri iyo ngingo. Uko iteguwe bizatuma mbere na mbere abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n’abagabo babo bagira ubumenyi bufatika mbere yo kumva ubuyobozi icyo ari cyo mu rwego rw’amagambo, kandi bugasesengurwana n’isano bufitanye n’uburinganire.

Insanganyamatsiko 6 – Imishyikirano ifatika

Iyi nsanganyamatsiko ifite intego rusange yo gufasha abagize amatsinda y’ibiganiro kugira imyumvire yimbitse ku bwoko bunyuranye bw’ihohoterwa bushingiye ku gitsina bugaragara hagati y’umuntu n’undi, mu muryango no muri kominote. Iyi nsanganyamatsiko iteguye ku buryo izaha abagore bakora ubucuruzi bucirirtse bwambukiranya imipaka n’abagabo babo ubushobozi bufatika mu rwego rw’imishyikirano. Buri kiganiro kifashisha imyitozo yoroshye ariko isobanutse kugirango hahuzwe ubumenyigiro n’ubunararibonye bwite ku bahugurwa.

Insanganyamatsiko 7 – Ubumwe rusange no gushimangira amahoro

Iyi nsanganyamatsiko ifite intego yo gufasha abahugurwa gushimangira byimbitse imyumbire yabo ku gushimangira amahoro n’akamaro k’uburinganire n’ubwuzuzanye mu kugera ku mahoro nyayo. Iyi nsanganyamatsiko iha abahugurwa amahirwe yo gukomatanyiriza hamwe zimwe mu nyigisho za gahunda yo kwiga mu rwego rwo kumva ishingiro nyirizina ry’uburinganire n’ubwuzuzanye no gushimangira amahoro. Niyo nsanganyamatsiko isoza iyi gahunda.

2.12. Incamake y'ibiganiro by' integanyanyigisho

Insanganyamatsiko ya 1 – Kuganira hagamijwe gushimangira uburinganire n'ubwuzuzanye

Ikiganiro 1.1 : Kumenyana no gusobanura ibitegerejwe mu biganiro

Ikiganiro 1.2 : Kuvuga amategeko shingiro agenda ibiganiro hubakwa icyizere, kubikira ibanga abandi no kworoherana

Ikiganiro 1.3 : Kwubaka icyizere no kwiyubaha

Ikiganiro 1.4 : Gutega amatwi neza

Ikiganiro 1.5 : Imvugo y'umubiri

Ikiganiro 1.6 : Uburyo bwo gutera undi guhindura imyitwarire n'imyifatire

Ikiganiro 1.7 : Gusobanukirwa icyo ari cyo kuganira hagamijwe gushimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye (Incamake rusange)

Ikiganiro 1.8 : Kuganira hagamijwe gushimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bashakanye (IKI-GANIRO rivanze)

Insanganyamatsiko 2 – Kuba Umugabo no kuba umugore Gusesengura amahame n'inshingano by'uburinganire n'ubwuzuzanye

Ikiganiro 2.1 : Itandukaniro riri hagati y'igitsina bwite n'uburinganire n'ubwuzuzanye (igice cya mbere)

Ikiganiro 2.2 : Itandukaniro riri hagati y'igitsina n'uburinganire n'ubwuzuzanye (igice cya kabiri)

Ikiganiro 2.3 : Abagabo n'abagore, ibitekerezwa n'ukuri kw'ibintu (uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'abagabo n'abagore)

Ikiganiro 2.4 A : Kuvumbura ubugabo bw'ubudakemwa (Iki kiganiro kigenewe abagabo b'abagore b'abacuruzi baciriritse)

Ikiganiro 2.4 B : Kuvumbura ubugore bw'ubudakemwa (Iki kiganiro kigenewe abagore b'abacuruzi baciriritse)

Ikiganiro 2.5 : Ikiganiro gihuza abagore n'abagabo babo: Uburinganire bw'umugabo n'umugore (igice cya mbere)

Ikiganiro 2.6 : Ikiganiro gihuza abagore n'abagabo babo: Uburinganire bw'umugabo n'umugore (igice cya kabiri)

Insanganyamatsiko 3 – Gusobanukirwa ibijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo

Ikiganiro 3.1 : Urugendo rw'ububasha no gufata ibyemezo

Ikiganiro 3.2 : Ibiranga ububasha no gufata ibyemezo

Ikiganiro 3.3 : Ikiganiro gihuriweho n'abagore n'abagabo: kuganira ku byerekeye n'ububasha no gufata ibyemezo murisosiyete no mu buryo busanzwe

Insanganyamatsiko 4 – Gusobanukirwa imbaraga z’amakimbirane

Ikiganiro 4.1 : Gutegura uburyo bumwe bwo gusobanura amakimbirane

Ikiganiro 4.2 : Ihohoterwa rigaragara n’iritagaragara

Ikiganiro 4.3 : Uruhare rw’amakimbirane mu matsinda y’abanyantege nke

Ikiganiro 4.4 : Mpandeshatu y’amakimbirane (igice cya mbere)

Ikiganiro 4.5 : Mpandeshatu y’amakimbirane (igice cya kabiri)

Insanganyamatsiko 5 – Ubuyobozi

Ikiganiro 5.1 : Ubuyobozi n’itumanaho- ubwoko bw’imyitwarire: uguhangana, kwihisha, gushukashuka, no kwigirira icyizere.

Ikiganiro 5.2 : Ubuyobozi, gukorera hamwe, gufata icyemezo- umumaro w’imbamutima.

Ikiganiro 5.3 : Ubuyobozi n’itumanaho- kwitoza kwigirira icyizere.

Ikiganiro 5.4 : Ikiganiro kivanze: uburinganire n’ubuyobozi muri RDC/mu Rwanda/ mu Burundi

Ikiganiro 5.5 : Ikiganiro kivanze: uburinganire n’ubuyobozi muri RDC/mu Rwanda/ mu Burundi (ibikurikira)

Insanganyamatsiko 6 – Imishyikirano ifatika

Ikiganiro 6.1 : Incamake ku mbaraga z’amakimbirane no kwerekana amahame y’imishyikirano ifatika.

Ikiganiro 6.2 : Imishyikirano ifatika: Ihame rya 1: Gutandukanya abantu n’ikibazo.

Ikiganiro 6.3 : Ihame rya 2. Kwibanda ku nyungu, aho kuba ku nzego

Ikiganiro 6.4 : Ihame rya 3. Kuremera hamwe inzira zo gutsinda

Ikiganiro 6.5 : Ihame rya 4: Gushimangira ku ikoreshwa ry’ ingingo zitabogama.

Ikiganiro 6.6 : Iyo igice muhanganye cyanze imishyikirano ifatika kigahitamo gukoresha inzira zinyuranyije n’ amategeko.

Ikiganiro 6.7 : Ibiganiro bivanze: imishyikirano ifatika

Insanganyamatsiko 7 – Ubumwe rusange no gushimangira amahoro

Ikiganiro 7.1 : Kubaka icyerekezo kimwe cy’ubumwe rusange

Ikiganiro 7.2 : Gusesengurira hamwe ubumwe rusange

Ikiganiro 7.3 : Ikiganiro kivanze: gusesengurira hamwe ubumwe rusange

Ikiganiro 7.4 : Gukorera hamwe kugirango habeho bumwe rusange

Ikiganiro 7.5 : Ikiganiro kivanze: gukorera hamwe kugirango habeho ubumwe rusange

Insanganyamatsiko 1.

Kuganira hagamijwe gushimangira uburinganire n'ubwuzuzanye

Intangiriro

Intego y'iyi nsanganyamatsiko ni ugufasha abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka nabo bashakanye kugiraa icyizere hagati yabo no kwiyoungura ubumenyi buzabafasha kuvuganira hagamijwe gushimangira uburinganire n'ubwuzuzanye. Intego igamijwe ni ugushyigikira icyizere ku babana mu no mu bice bihana imbibi na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi. Amasomo agize iyi nsanganyamatsiko agomba gufasha guteza imbere ubumenyi buzafasha abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka n'abo bashakanye gushyikirana mu buryo bungana banuzuzanya no gushimangira ubumwe n'imibereho myiza kandi bava abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka mu byiciro by'ubuzima bitandukanye, n' amadini ndetse n'imibereho n'ubukungu bitandukanye ku gira ngo bashobore kuganira uburyo ki ishyirwa mu ngiro ry'ububasha n'ifatwa ry'ibyemezo mu buryo butareshya bigira ingaruka mu ngo n'aho batuye.

Iyi nsanganyamatsiko kandi igamije kwereka abagenerwabikorwa uko bakoresha ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu buzima bwa buri muni, cyane cyane mu biganiri bagirana hagati yabo, nk'ishingiro ry'ibiganiri bihindura imyitwarire, n'amabwiriza ndetse n'insobanuro ku burunganire n'ubwuzuzanye no gushimangira amahoro mu turere duhana imbibi na RDC, u Rwanda n'u Burundi. Igitekerezo kiri inyuma y'aya masomo ni ukwigisha gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye na mbere y'uko dutanga insobanuro zimbitse kuri izo ngingo.

Iyi nsanganyamatsiko niyo ihatse izindi zigize iyi mfashanyigisho, niyo mpamvu ariyo zingiro ry'iyi mfashanyigisho. Niyo mpamvu ari ngomba gutinda kuri iyi ngingo kugeza ubwo insobanuro z'amagambo nko kuganira hagamijwe uburinganire n'ubwuzuzanye, ukwizerana, kworoherana ndetse no gushyikira zumvikana aho kuzica hejuru. kuganira hagamijwe uburinganire n'ubwuzuzanye bisobanura "gushyikirana n'abandi bagukikije mu cyubahiro, gufata abantu bose kimwe, hatitawe ku gitsina cyabo". Ibisobanuro by'andi magambo bizaganirwaho mugihe cy'amasomo.

Ni ngombwa gutanga umwanya ukwiye kugirango abitabira ibiganiri bose bumve bafite umutekano kandi bamerewe neza. Niyo mpamvu iyi nsanganyamatsiko ishingiyeye ku myitozo ituma abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka n'abo bashakanye bashiraho ikirere cyo kwizerana, cyo kubikirana ibanga, kwihanganirana, kwiyubaha, kubahana ariko biga ubumenyi bubafasha kwiyoungura mu kuganira. Kimwe n'izindi nsanganyamatsiko z'iyi mfashanyigisho, amasomo ashobora kujyana n'ibikenewe ku matsinda y'ibiganiri.

Incamake y'amasomo n'itego zayo

Amasomo	Intego
<p>Ikiganiro 1.1 Kumenyana no gusobanura ibitegerejwe mu biganiro</p>	<ul style="list-style-type: none"> Abafashamyumvire bazamenya amazina y'abagore b'abacuruzi baciciritse bambukiranya imipaka n'abo bashakanye bitabira ibiganiro, kandi mu rusange abitabira ibiganiro baramenyanana hagati yabo. Gusobanura ibyo buri muntu witabira ibiganiro abyitezeho no kubaha umwanya wo kugaragaza amarangamutima yabo. Ibi binatuma abafashamyumvire batamenyeshya gusa uko abitabira ibiganiro bibwira ku nsangamatsiko ziri muri iyi mfashanyigisho, icyo bazitezeho, ariko nanone no gusobanukirwa icyo badasobanukiwe ku ntego igamijwe mu gukora itsinda ryabo.
<p>Ikiganiro 1.2 Kuvuga amategeko shingiro agenda ibiganiro hubakwa icyizere, kubikira ibanga abandi no kworoherana</p>	<ul style="list-style-type: none"> Ku amatsinda ry'ibiganiro, mwemeranya amategeko n'umurongo ngenderwaho uzakurikizwa mu biganiro mu gihe cy'umwaka wose. Gusobanukirwa icyo aricyo «kwizera» no» kugirirana ibanga «. Gushishikariza abitabira ibiganiro kumenya indangagaciro zo kwizerana, kugirirana ibanga no kworoherana (hitonderwa kugirango hatagira uwacira undi urubanza). Gutekereza uburyo dushobora kwikingira ndetse no gukingira n'abandi mu gihe tunganira ku bibazo byihariye mu biganiro no mu buzima busanzwe.
<p>Ikiganiro 1.3 Kwubaka icyizere no kwiyubaha</p>	<ul style="list-style-type: none"> Kwigisha abitabira ibiganiro kwiyubaha, kwizera no kugirirana icyizere babikirana ibanga kandi barushaho kumva ko bari umwe mu miterere yabo kandi ko basanzwe bafite ibiraje inshinga ubuzima bwabo. Bimwe muri ibyo bagomba kubyibukiranya ngo byakubakirwaho mu rwego rwo kunoza imibanire myiza.
<p>Ikiganiro 1.4 Gutega amatwi neza</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gufasha abitabira ibiganiro kumenya akamaro ko gutega amatwi witonze kugira ngo hanozwe ibiganiro atari mu itsinda, ahubwo no mu buzima bwabo bwite. Kubafasha kumva ko kuganira ari cyo gikoresho cyiboneye cy'imibanire myiza ishobora kunoza ubumwe n'ubufatanye n'ubutwererane bw'akarere no kwishyira hamwe ndetse no gushyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ndetse ko kubaka amahoro bisaba ubumenyi bwo kuganira bwuje amahoro (kugiti cya buri muntu no muri rusange).
<p>Ikiganiro 1.5 Imvugo y'umubiri</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gufasha abitabira ibiganiro gusobanukirwa neza uruhare rw'imvugo y'umubiri mu mibanire n'abandi n'akamaro kabyo mu mikoranire ya buri munsu n'abari hafi yabo. Ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye naryo risaba imvugo iboneye y'umubiri.
<p>Ikiganiro 1.6 Uburyo bwo gutera undi guhindura imyitwarire n'imiterere</p>	<ul style="list-style-type: none"> Intego y'iri somoni ukugaragaza uburyo ki abantu badukikije bagira uruhare rwo gutera abandi kwitwara uko bitwara nk'abagabo (abagabo b'abagore b'abacuruzi baciciritse bambukiranya imipaka) cyangwa nk'abagore (abagore b'abacuruzi baciciritse bambukiranya imipaka) Uyu mwitoto urangiye, abitabira ibiganiro bagomba kumenya icyo abantu babakikije aribo nk'abagize umuryango, abaturanyi n'inshuti, abashinzwe serivisi zambuka imipaka babitezeho. Niyo mpamvu, bazigishwa gufata ibyemezo byihariye ndetse n'ibyo bahuriyeho biyemeje kuko bigira uruhare rubatera guhinduka mu buzima bwacu.
<p>Ikiganiro 1.7 Gusobanukirwa icyo ari cyo kuganira hagamijwe gushimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye (Incamake rusange)</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gutanga incamake y'ibyigisho by'ingenzi biri mu isanganyamatsiko ya 1 no gusuzuma ko abitabira ibiganiro bazi neza insobanuro z'ingenzi zatanze.

Ikiganiro 1.8

Kuganira hagami-
jwe gushimangira
ihame ry'uburinganire
n'ubwuzuzanye mu
bashakanye (IKIGANIRO
rivanze)

- Guhuza abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka n'abagabo babo kugira ngo bafashwe kuganira banoza imibanire myiza igamije gushimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu ngo zabo ndetse n'aho bakorera. Mbere yo kwinjira muri iyi ngingo, birakwiye ko havugwa ku byerekeye imibanire muri rusange (uko baganiriza umugore/umugabo, uko umwe yita undi, n'ibindi).
- Abitabira ibiganiro bazimsenyereza imvugo nko kwemeranywa, kumenya kujora ibitera ihohoterwa mu buzima bw'abashakanye. Iri somo rizanaha abashakanye cyangwa ababishaka gutanga ubuhamya bw'ibyo babamo.

Byakabaye byiza kiko kiganiro cyangwa IKIGANIRO kibaye abanshakanye bari gusangira (nka saa sita) aho buri rugo rw'abashakanye cyangwa itsinda ry'ibiganiro rihuza abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka cyangwa hamwe n'abagabo babo bazabyumvikanaho. Bizaganirwaho mu IKIGANIRO rya 1.7.

Iri somo niryo ryanyuma risoza insanganyamatsiko ya 1: Kuganira hagamiywe gushimangira ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mbere yuko isozwa.

Ikiganiro 1.1: Kumenyana no gusobanura ibitegerejwe mu biganiro

- **IGIHE CYOSE IKIGANIRO KIMARA :** Amasaha abiri ntarengwa
- **ABO IKIGANIRO KIGENEWE :** Abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka n'abo bashakanye (batari kumwe)
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Abafashamyumvire bazamenya amazina y'abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka n'abo bashakanye bitabira ibiganiro, kandi mu rusange abitabira ibiganiro baramenyana hagati yabo. Gusobanura ibyo buri muntu witabira ibiganiro abyitezeho no kubaha umwanya wo kugaragaza
- Tegura intebe kugira ngo abitabiriye bese mwese hamwe n'abafashamyumvire mukore uruziga runini.
- Tanga ikaze ku bagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka n'abagabo babo kuri kino kiganiro gishya kandi ubashimire ko bitabiriye.
- Usabe amakuru ku abakerewe cyangwa abasibye.
- Ublibutse ko iki kiganiro kizabera mu matsinda ahuriweho n'abagore n'abagabo hisunzwe ibyo baganiriye ari abagore ukwabo n'abagabo ukwabo kugirango dusuzume byimbitse ibibazo byihariye by'abagore cyangwa by'abagabo n'ubuzima bwabo bwa buri muni bitewe n'itsinda ry'ibiganiro rihari.
- Nyuma y'ibi biganira bitatu, abitabiriye kino kiganiro bese, abagabo b' abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka (FPCT) na / cyangwa babo hagati yabo, bazagira amahirwe yo gusangira imyanzuro yabo no gufata ibyemezo muri rusange.
- Tangaza ko iki kiganiro kizibanda ku isesengura ryimbitse ku ruhare rw'uburinganire bw'umugore mu turere twambukiranya imipaka hagati ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (RDC), u Rwanda n'u Burundi; ubusumbane n'ibicantegye, ndetse n'amakimbirane n' uburyo bwo kubirwanya.

2. Umunsi usanzwe

Iminota 100 **Iminota 20** gukorera mu matsinda mato

Intego: Gukangurira abantu kumenya ibyo ibitsina bitandukanye aribyo abagore n'abagabo byitezweho.

Uburyo: Imyitozo mu matsinda abiri (abagabo n'abagore batandukanye) ikurikirwa no kwerekana no kuganira muri rusange.

Ibikoresho: Ibibaho by'aho ikiganiro cyabereye na marikeri.

Imigendekere y'ikiganiro:

- Mugabe abitabiriye ikiganiro mu matsinda abiri, itsinda rimwe rigizwe n'abagore n'irindi tsinda ry'abagabo.
- Saba itsinda ry'abagore gusobanura umunsi usanzwe mu buzima bw'umugore n'itsinda ry'abagabo gusobanura umunsi usanzwe mu buzima bw'umugabo.
- Itsinda rigomba guhitamo umunyamuryango wo kwandika. Na none, bitewe n'impamvu runaka, birashoboka ko umufashamyumvire ashobora gushyigikira itsinda mu kwandika ibitekerezo byatanzwe n'abagize itsinda.
- Sobanura neza ko ibi bigomba gukorwa mu buryo bwo kwubaha gahunda y'igihe hamwe na gahunda y'isaha.
- Basabe rero kwandika ibyo basanzwe bakora mu gihe runaka; ubyandike ku kibaho cy'ahabereye ikiganiro (flip chart) (urugero.: 5h00 kugeza 6h00 hakorwa iki n'iki...; 6h00 kugeza 7h00..., 7h00 kugeza 8h00...)
- Nyuma y'iminota 20, kusanya abitabiriye a ku ruziga, hanyuma ubanze usabe itsinda ry'abagabo gusobanura gahunda zabo k'umunsi w'umugabo.
- Noneho saba itsinda ry'abagore gusobanura gahunda zabo k'umunsi w'umugore usanzwe.
- Noneho, fata hamwe n'abitabiriye amahugurwa bese hanyuma wandike ku kibaho (flip chart) imirongo nyamukuru:
 - Ni irihe tandukaniro ubona hagati y'uburyo abagabo n'abagore birirwa mu misi yabo?

- Ninde mu bisanzwe ukora ibikorwa byinshi cyangwa imirimo myinshi ku munsi?
- Ninde ubusanzwe ufite igihe aba atarimo gukoresha?
- Ni gute ushobora gusobanura akazi? Ni ibihe bikorwa wabonye wakwita ko ari "akazi"?
- Ku bagabo: Ni ibihe bikorwa cyangwa imirimo abagore banyu badashobora gukora? Ni ibihe bikorwa mutazigera mushobora gukora nk'abagabo?
- Ku bagore: Ni ibihe bikorwa cyangwa imirimo abagabo babo badashobora gukora? Ni ibihe bikorwa mutazigera mushobora gukora nk'abagore?
- Kuri bombi: tekereza ku gikorwa kimwe cyaangwa bibiri cyashobora guhindurwa hagati yanyu?
- Nyuma yo kuganira, sobanura ko igitekerezo cy'uko ubwoko bumwe na bumwe bw'akazi bugomba gukorwa n'abagore abandi n'abagabo bushingiye ku gusabana n'umuco, aho gushingira ku miterere y'umubiri.
- Ibikorwa bijyanye n'imirimo yo mu rugo, kwita (nko kwita ku bana, umwe mu bagize umuryango arwaye cyangwa uwo mwashakanye) hamwe n'akazi ku bukungu budasanzwe ari ibikorwa bikomeje kudahabwa agaciro cyangwa kwirengagizwa na sosiyete.
- Ni ngombwa kumenya uruhare runini abagore bagiye batanga imbere no hanze y'urugo.
- Birashoboka ko abagore bakora ibikorwa birebana na gakondo byakorwaga n'abagabo, nkuko bishoboka ko abagabo bakora ibikorwa gakondo byakorwaga n'abagore, harimo imirimo yo mu rugo no kurera abana.
- Hereza abitabiriye ikiganiro umukoro:
 - Abagabo n'abagore buri wese aratumirwa guhitamo igikorwa gakondo cyakozwe n'igitsina mudahuje mu gihe cy'icyumweru (umugabo afate akazi gakondo kakorwaga n'umugore naho umugore afate akazi gakondo gakorwaga n'umugabo).
 - Ku bagabo bamaze gukora ibikorwa runaka byigeze gukorwa n'abagore nk'uko abagore nabo bakora ibikorwa byakozwe n'abagabo, ubasabe guhitamo igikorwa batarigera bakora mbere.
 - Basabe gutanga raporo mu kiganiro gitaha mu matsinda atandukanye y'ibiganiro hanyuma hamwe muri rusange ku bikorwa by'ubunararibonye hamwe n'ibiyumvo bijyanye no gufata inshingano nshya.
- Ibitekerezo ku bagabo ni: gutekera umuryango, guheka abana bato, gukina n'abana, gutora abana ku ishuri, kugaburira abana, koza amasahani (gukora isuku), kuvoma amazi, guca inkwi, kumesa imyenda no gusasa uburiri.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abitabiriye ikiganiro bose baje. Basabe gusangira ikintu kimwe bize uyu munsi, ikintu kimwe bazaganira n'inshuti, nikintu kimwe bategereje gukora mu kiganiro gitaha.
- Ubabaze kandi niba hari ibibazo basigaje kubaza mu kiganiro cy'uyu munsi.
- Ubibutse itariki n'igihe cy'ikiganiro cy'ubutaha ndetse unabibutse ko uzishimira ko bose bazitabira ubutaha yabo hanyuma ubabwire ko utegereje vuba guhura nabo.

Ikiganiro 2.6 : Ikiganiro gihuriweho n'abagore n'abagabo: Uburinganire (igice cya kabiri)

- **IGIHE CYOSE IKIGANIRO KIMARA:** Amasaha abiri ntarengwa
- **ABO IKIGANIRO KIGENEWE:** Abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka (Fpct) n'abagabo babo
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Kuganira k'umugaragaro hagati y'abashakanye ku bibazo bihanze abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka n'abagabo babo.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe kugira ngo abitabiriye bese mwese hamwe n'abafashamyumvire mukore uruziga runini.
- Tanga ikaze ku bagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka n'abagabo babo kuri kino kiganiro gishya kandi ubashimire ko bitabiriye.
- Usabe amakuru ku abakerewe cyangwa abasibye.
- Ublibutse ko iki kiganiro kizabera mu matsinda ahuriweho n'abagore n'abagabo hisunzwe ibyo baganiriye ari abagore ukwabo n'abagabo ukwabo kugirango dusuzume byimbitse ibibazo byihariye by'abagore cyangwa by'abagabo n'ubuzima bwabo bwa buri munsu bitewe n'itsinda ry'ibiganiro rihari.
- Nyuma y'ibi biganirwa bitatu, abitabiriye kino kiganiro bese, abagabo b' abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka (FPCT) na / cyangwa babo hagati yabo, bazagira amahirwe yo gusangira imyanzuro yabo no gufata ibyemezo muri rusange.
- Tangaza ko iki kiganiro kizibanda ku isesengura ryimbitse ku ruhare rw'uburinganire bw'umugore mu turere twambukiranye imipaka hagati ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo (RDC), u Rwanda n'u Burundi; ubusumbane n'ibicantegere, ndetse n'amakimbarane n' uburyo bwo kubirwanya.
- Ongera usuzume imyumvire y'ibiganiro byabajije mbere y'uko mukomeza.

2. Ibibazo bisanzwe bivuka hagati y'abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka n'abo bashakanye.

Iminota 100

Iminota 20 gukorera mu matsinda mato

Intego:

- Kuganira k'umugaragaro hagati y'abashakanye ku bibazo bihanze abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka n'abagabo babo n' uburyo ki ibyo bibazo byakemuka.
- Gushishikariza ibyitwewe mu buzima mpuzabitsina byo abagabo n'abagore bagomba guhangana nabyo.

Uburyo: Intangiriro no kwibukiranya ibiganiro by'ubushize (ku ruziga runini), imyitozo mu matsinda abiri (abagabo n'abagore batandukanijwe) hanyuma hakwerekanwa ibyavuye mu matsinda no kubijyaho imipaka (ku ruziga runini).

Ibikoresho: ibibaho by'ahabereye ikiganiro na marikeri (si byangombwa cyane)

Imigendekere y'ikiganiro:

- Reba niba abashakanye bakoze umukoro wabo.
- Baza ibibazo bikurikira:
 - Gusangira ubunararibonye ku bigenda neza n'ibitagenda neza. Niba ari yego, kubera iki? Niba atari byo, kubera iki?
 - Ku bagore: bumva bameze bate (yumva) hamwe n'ubunararibonye bw'ibyo bacamo bushya?
 - Kubagabo: bumva bameze bate (bumva) kubijyanye n'ubunararibonye bw'ibyo bacamo bushya?
- Gukomeza kuganira ku mugaragaro ku bibazo byugarije abagore b'abacuruzi n'abo bashakanye, hanyuma urebe ingamba zo gukemura ibyo bibazo.

- Gushiraho amatsinda abiri mato yo gutekereza: itsinda ry'abagore b'abacuruzin'itsinda ry'abagabo babo.
- Baza ibibazo bibiri bikurikira kuri buri itsinda (itsinda rihitamo umuvugizi waryo abantu bo gufata inyandiko):
- Ibibazo bibazwa abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka
 - *Ni ibihe bibazo byihariye byugarije abagore b'abacuruzi mu rushako rwabo kandi bifitanye isano rya bugufi n'ibikorwa byabo nk'abacuruzi bambukiranya imipaka?*
 - *Ni izihe ngamba ukoresha cyangwa ugomba gukoresha kugira ngo uhangane n' ibyo bibazo? (ingamba wakoresha ga kuva kera; ingamba nshya).*
- Ibibazo ku bagabo ba b' abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka
 - *Ni ibihe bibazo byugarije abagabo n'abagore b'abacuruzi mu rushako rwabo?*
 - *Ni izihe ngamba ukoresha cyangwa ugomba gukoresha kugira ngo uhangane n' ibyo bibazo? (ingamba wakoresha ga kuva kera; ingamba nshya).*
- Nyuma y'iminota 30, shyira hamwe ayo matsinda yombi hanyuma utangire ibiganiro muri rusange.
- Ubwa mbere itsinda ry'abagore bahari, abagabo bandika ibibazo byabo ntibabibaze murako kanya; noneho, abagabo bakabyerekana, abagore bakandika ibibazo byabo; ibibazo bya buri wese bikabazwa kandi ibiganiro bigakomeza. Abafashamyumvire bafata inyandiko no kuyobora ibiganiro.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abitabiriye ibiganiro bose ko baje. Basabe gusangira ikintu kimwe bize uyu muni, ikintu kimwe bazaganira n'inshuti, n'ikintu kimwe bategereje gukora mu kiganiro gitaha.
- Ubabaze kandi niba hari ibibazo basigaje kubaza mu kiganiro cy'uyu muni.
- Tanga umukoro: buri mugabo n'umugore bazahitamo ingamba batigeze bakoresha hanyuma bazagende kugerageza ingamba zo guhangana n' ibyo bibazo buri muni.
- Ubibutse itariki n'igihe cy'ikiganiro gitaha kandi ko bizakunezeza ubabonye bitabiriye ubutaha.

Ikiganiro 2.7 : Ikiganiro gihuriweho n'abagabo n'abagore: Uburunganire (igice cya gatatu)

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe kugira ngo abitabiriye ikiganiro bose hamwe n'abafashamyumvire bakore uruziga runini.
- Tanga ikaze ku bitabiriye.
- Saba abashakanye kuvuga ibyababayeho byiza n'ibibi kuva ku kiganiro giheruka, muri ibyo byababayeho hari impinduka nziza, ndetse nibyo biyemeje ubu.
- Menyesha ko uy'umunsi uzaganira kugabana imirimo yo mu rugo, cyane cyane akamaro k'ubufatanye no gufashanya hagati y'abashakanye mu rugo.

2. Ikoreshwa ry'amafaranga mu rugo: agasanduku k'umuryango

Iminota 100

Iminota 20 kubikorwa by'itsinda rito
Iminota 30 gukora raporo

Intego:

- Gushishikariza abashakanye ku kamaro k'ikoreshwa ryiza ry'amafaranga mu rwego rw'iterambere ry'umuryango. Kubumvisha ko gufata ibyemezo umwe ukwe ari umwe bigira ingaruka mbi ku rugo.

Uburyo: Ihuzwa ry'abashakanye (batandukanye) no kubaganiriza bose bari hamwe mu ruhame.

Ibikoresho: Ibibaho by'ahabereye ikiganiro na marikeri (Flipcharts et feutres).

Imigendekere y'ikiganiro:

- Kwibutsa abitabiriye ko insanganyamatsiko ya none ari ngombga gusaranganya inyungu z'ubukungu kugira ngo habe imigendere myiza y'umuryango kandi no gushiraho agasanduku k'umuryango. Gusobanura ko mugiyeye kwigabamo amatsinda atatu kandi gukora mu matsinda mbere yo kuganirira mu ruhame.
- Kubera abitabiriye bicaye uko bashakanye, mubabaze kubara kuva kuri rimwe kugeza kuri gatatu kugira ngo bajye mu matsinda atatu avanze. Murebe niba nta tsinda ririmo abashakanye bari hamwe ahubwo ko abashakanye bose bavanze mu yandi matsinda.
- Musabe buri itsinda gutoranya umuntu uzamurika ibisubizo ku bandi. Musabe amatsinda kwicara mu nziga ntoya eshatu kugira ngo baganire hamwe ku bibazo bikurikira, ibyo mwamaze gutegura ku kibaho:
 - Ni iki abagabo batakazaho amafaranga yabo? Ni ku kintu ki abagore batakaza amafaranga yabo?
 - Ninde ukoresha amafaranga menshi ku muryango (ibiryo, abana, utundi tuntuu two munzu)?
 - Ninde ufata umwanzuro w'ikoreshwa ry'amafaranga? (None umugore yakoresha amafaranga atabwiye umugabo we? Umugabo yakoresha amafaranga atabwiye umugore we?)
 - Ni izihe ngaruka zibaho iyo umugabo cyangwa umugore afashe umwanzuro wenyine wo gukoresha amafaranga uko ashaka?
 - Ni izihe nyungu zo gufata umwanzuro hamwe nk'abashakanye ku buryo bwo gukoresha amafaranga?
- Hanyuma y'iminota 20, musabe abitabiriye kugaruka hamwe mu ruziga kandi ko buri tsinda rizamurika ibitekerezo byayo mu magambo make (iminota 5 kuri buri tsinda)
- Mubaze abitabiriye niba hari abashakanye kuganira ku makuru arebana n'iki kiganiro.
- Mukurungira, musobanure ko umuryango ari ubuyobozi busangiwe hagati y'abashakanye. Inyungu z'ubukungu k'umugabo no k'umugore zarizikwiye gusaranganywa hejuru y'ibiyihutirwa rusange mbere y'ibikenewe bwite. Babwire ko ari byiza gushyira hamwe no guteganya hamwe ibikoresho by'urugo bikenewe aho ko umwe abyikorera ku giti cye.

- Shimira abitabiriye bose ko bitabiriye. Basabe gusangira ikintu kimwe bize uyu muni, ikintu kimwe bazaganira n'inshuti, nikintu kimwe bategereje gukora mu kiganiro gitaha.
 - Ubabaze kandi niba hari ibibazo basigaje kubaza mu kiganiro cy'uyu muni.
 - Tanga umukoro: buri mugabo n'umugore bazahitamo ingamba batigeze bakoresha hanyuma bazagende kugerageza ingamba zo guhangana n' ibyo bibazo buri muni.
 - Hanyuma, mubibutse itariki na gahunda y'ikiganiro cy'ubutaha kandi ko uzanezerwa bitabiriye bose.
-

Ikiganiro 2.8 : Ikiganiro gihuriweho n'abagabo n'abagore: Uburinganire (igice cya kane)

1. Intangiriro

Iminota 20

- Tegura intebe kugira ngo abitabiriye ikiganiro bese hamwe n'abafashamyumvire bakore uruziga runini.
- Tanga ikaze ku bitabiriye.
- Saba abashakanye kuvuga ibyababayeho byiza n'ibibi kuva ku kiganiro giheruka, muri ibyo byababayeho hari impinduka nziza, ndetse nibyo biyemeje ubu.
- Menyesha ko uy'umunsi uzaganira kugabana imirimo yo mu rugo, cyane cyane akamaro k'ubufatanye no gufashanya hagati y'abashakanye mu rugo.

2. Gushyigikirana no gufatanya mu iterambere ry'ubukungu mu rugo: Agasanduku k'umuryango

Iminota 100

Iminota 20 kubikorwa by'itsinda rito
Iminota 30 Gukora raporo

Intego: Kumva imvune y'akazi k'abagore n'akamaro k'ubufatanye mu iterambere ry'ubukungu no gufashanya kivandimwe hagati y'abashakanye.

Uburyo: Imyitozo mu matsinda n'ibiganiro byo kujya impaka

Ibikoresho: Ntabwo

Inzira:

- Saba abagore n'abagabo gutandukana mu matsinda abiri.
- Saba abagore kwicara ku ruziga umwe imbere y'undi
- Saba abagabo kwicara mu ruziga ruzengurutse abagore
- Musobanure ko mugiyeye kuganira n'abagore gusa, kandi ko inshingano z'abagabo ari kumva no gukurikira ibivugwa. Ahubwo kandi abagabo nta burenganzira bafite bwo kuvuga.
- Mubaze ibibazo bikurikira abagore kandi muganire mugihe cy'iminota 30:
 - *Nk'umugore, ni ikihe kintu mubona gikomeye cyane mu kazi kanyu k'ubucuruzi buciriritse?*
 - *Ni iki mwifuzaga kubwira abagabo kugira ngo mubumvishe neza icyo aricyo umugore?*
 - *Ni iki kintu mwumva nabi (buke) ku mugabo?*
 - *Ni gute abagabo bashobora gufasha abagore ngo barushaho kwigirira icyizere no kwifatira ibyemezo?*
- Nyuma y'iminota 30 y'ibiganiro, mushimire abagore, kandi musabe abagabo n'abagore guhindura imyanya yabo. Abagabo bicare mu ruziga hagati n'abagore bicare mu ruziga hanze kandi nta burenganzire bafite bwo kuvuga.
- Mubaze ibibazo bikurikira abagabo:
 - *Ni iki mwifuzaga kubwira abagore kugira ngo mubumvishe neza icyo aricyo umugabo?*
 - *Ni iki kintu mwumva nabi (buke) ku mugore?*
 - *Nk'umugabo, ni ikihe kintu mubona gikomeye cane mu gufasha (gushimangira) imbaraga z'ubukungu z'umugore wawe?*
 - *Ni gute abagabo bashobora gufasha (gushimangira) imbaraga z'ubukungu n'ubucuruzi buciriritse bw'abagore babo?*
- Nyuma y'iminota 30 y'ibiganiro, nigute abantu bashobora gushyigikira imbaraga z'ubukungu n'ubucuruzi buciriritse bw'abagore babo? abagabo, kandi musabe abagabo n'abagore kugaruka mu ruziga rugari nkuko byari biri ku ntangiriro y'ikiganiro.
- Muyobore ikiganiro munabaze ibibazo bikurikira:
 - *Ni iki cyabatunguye kubyerekeye iki kiganiro?*
 - *Ni gute mwiyumvishe mu gihe mwavugaga ibi bintu imbere y'abandi babakurikira?*
 - *Ku bagabo: Ukurikije ibyo wize, ni ubuhe buryo ubona bwo gushyigikira umugore wawe mubikorwa bye by'ubucuruzi?*

- *Ku bagabo: Mwifuza ko abagore bakora iki cyangwa bahinduka bate igihe bafite amafaranga?*
- *Ku bagore: Mwifuza ko abagabo bakora iki cyangwa bahinduka bate igihe bafite amafaranga?*
- *Ku rimwe mwese Ni iki mwungutse muri bino biganiro? Ni gute ibyo mwungutse bishobora kubafasha mu buzima bwanyu no mu mibanire yanyu?*
- *None hari umuntu wifuza kutubwira ku byo yabayemo bwite, yahindutse biciye muri bino biganiro?*
- Gusobanura ko akenshi ibitekerezo byacu n'imyumvire yacu kubo mudahuje igitsina bimenyeshwa n' imyumvire ishimangirwa mu gihe kinini n'amasoko menshi nk'itangazamakuru cyangwa inshuti n'umuryango. Ibyo bituma bikomera kumva ibyifuzo n'ibibazo bya bagenzi bacu n'ibindi bitsina muri rusange. Igihe hari imyumvire myiza y'ikindi gitsina n'ibyifuzo byaco, dufite ubushobozi bgo kubaho neza twese hamwe nk'abashakanye kandi ndetse nk'umuryango.
- Gushyigikira cyane cyane mu bikorwa bisanzwe no mu bikorwa by'ubucuruzi ni ngombwa cyane kandi abagabo bakeneye gufata inshingano nyinshi kandi bakagira uruhare runini mu gushyigikira abagore babo.

3. Kugirira undi icyizere

Iminota 20

Iminota 10 Imyitozo
Iminota 10 Ibiganiro mw'inama

Intego: Kubaka icyizere hagati y'abashakanye no gushimangira imyitozo ya mbere. Koroshya umwuka hagati y'abashakanye mbere yo kuva mu matsinda y'ibiganiro.

Uburyo: Imyitozo mu matsinda n'ibiganiro

Ibikoresho: Ntabwo

Imigendekere y'ikiganiro:

- Gusobanura ko mugiyeye gukina umukino hamwe mwese.
- Guhimba umwanya ahabereye ikiganiro, ariko mushyiremo ibisitaza nk'intebe n'ibikapu bizengerutse aho mwakoreye ikiganiro (kugira ngo umwitozo uze gukomera).
- Musobanure ko muri uwo mwitozo, abagore baraza kuyobora abagabo babo kugenda bazungurutse ahabereye ikiganiro. Abagabo bagomba kuba bafunze amaso kandi bemere gukora uwo mwitozo n'abagore.
- Abagore bagomba kubaza abagabo babo uko bakunda kuyoborwa no gufashwa: babafashwe ukuboko, ukuboko kuri ku ntugu, bari inyuma yabo...
- Abagabo bararitswe n'ubundi kwerekana ibyo bifuzwa kugira ngo biyumve bafashwa no kuyoborwa.
- Uyobora agomba kumva ko mugenzi we yiyumva mu mutekano (nta migaryo, nta makimbirane). Nyuma y'iminota mike, inshingano zirahinduka, abagabo bayobore abagore babo nabo.
- Nyuma y'umwitozo, mugaruke ku ruziga rugari no kuyobora ikiganiro mubaza ibi bibazo bikurikira:
 - *Ni gute mwiyumvishe igihe mwari muri kuyoborwa? Ni gute mwiyumvishe igihe mwayoboraga mugenzi wanyu? (Shakisha imyumvire y'inshingano nk'uyoborwa, no kumva wizeye umutekano w'umuntu uyobowe cyangwa uyoboye)*
 - *Ni uwuhe mwanya wari woroshye? Ninde utrohewe?*
 - *Wigeze wumva imbaraga muri uyu mwitozo, kandi niba aribyo, gute?*
- Musobanure ko iyi myitozo yerekana akamaro ko kwizerana hagati y'abashakanye ariyo shingiro ry'ubufatanye n'ubuvandimwe.

4. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abitabiriye ibiganiro bose baje. Mubasabe kwandika ikintu kimwe bize uyu muni, nikindi kintu kimwe bateganyije gukora mu kiganiro gitaha.
- Ubabaze kandi niba hari ibibazo basigaje kubaza mu kiganiro cy'uyu muni.
- Hanyuma, mubibutse itariki na gahunda y'ikiganiro cy'ubutaha kandi ko bakwiye kuzitabira bose.

Ikiganiro 2.9 : Ikiganiro gihuriweho abagabo n'abagore: Uburinganire bg'igitsina bwite (igice cya gatanu)

2. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe kugira ngo abitabiriye amahugurwa bose hamwe n'abafashamyumvire bakore uruziga runini.
- Tanga ikaze ku bagore n'abagabo babo;
- Saba abashakanye kuvuga ibyababayeho byiza nibibi kuva isomo riheruka, muri ibyo byababayeho hari impinduka nziza, ndetse nibyo biyemeje ubu.
- Menyesha ko uy'umunsi muzaganira kubyerekeye ubuzima mu muryango mwiza n'umubano hagati y'abashakanye. Musobanure ko mugiyeye gukina umukino wa hamwe twese kandi muze kuwuganiraho.

3. Guhindurira abandi kugira imyitwarire myiza

Iminota 100

Iminota 20 y'imyitozo
Iminota 60 y'ibiganiro

Intego: Kumenya ingaruka ibitekerezo, imyizerere n'ibikorwa cyangwa kudakora kw'abandi bitugiraho ndetse n'umunezero w'umuryango. Kumenya ko buri wese muri twe afite imbaraga zo gukora ibintu neza.

Uburyo: Ibiganiro mu matsinda

Ibikoresho: Umugozi kugira ngo ukore ibimenyetso hasi. Ikarita 30 yerekana nimeru (reba amakarita hepfo, kuri fotokopi no gukata kubitabiriye).

Imigendekere y'ikiganiro:

- Musobanurire abashakanye ko kino gikorwa kigamije gucukumbura uburyo bgo ibitekerezo, imyumvire nibikorwa by'abandi bishyiraho amahame rusange, ateguka impinduka mubaturage. Ibipimo ni "amategeko y'imyitozo" itaziguye iyobora imyitwarire yabantu muri sosiyete kandi ishobora guhinduka mugihe runaka.
- Shyira ameza n'intebe ku ruhande.
- Mukoresheje umugozi, shushanya ibiziga bine hasi mu cumba c'inama;
 - Uruziga 1: uruziga rutoya cyane ahabereye ikiganiro (ku abantu babiri);
 - Uruziga 2: uruziga rwa kabiri rurazenguruka urwa mbere (ku abantu cumi n'umwe);
 - Uruziga 3: uruziga rwa gatatu rurazenguruka uruziga rwa kabiri (ku abantu cumi na babiri);
 - Uruziga 4: uruziga rwa kane kandi rwa nyuma (ku bantu batanu).
- Kwirakwiza amakarita yerekana inomeru, witondere guwirakwiza abagore ku bagore, n'abagabo ku bagabo.
- Witondere kandi ko mu ruhare rwa 1 n'urwa 2 ntirube rumwe mu bashakanye. Mubasabe kumenya uruhare rwabo utaberetse abandi.
- Bafate umwanya mu nziga mu buryo bukurikira.
- Mukwirakwize amakarita yerekana inomeru, witondere guhshyira abagore mu matsinda amwe n'abandi bagore, bigende gutyo no ku bagabo.
- Bafate umwanya mu nziga mu buryo bukurikira.
- Musobanurire abashakanye ko buri karita ifite amagambo abiri: (a) na (b) bagiye gusomera abandi mu ijwi riranguruye.
- Mu gutangira, musabe buri wese mu bitabiriye gusoma mu ijwi ryo hasi ibyo yavuze (a), kandi iyi yonyine, mu buryo buzamuka, kuva ku muntu wa 1 kugeza ku wanyuma.
- Nyuma, mubasabe gusoma amagambo yabo (b) mu buryo bugabanuka, guhera noneho kuri nomero 30 kugeza kuri nomero 1.
- Nyuma yo gusoma ibyatangajwe byose (b), babaze ibi bukurikira:
 - Ni uruhe ruziga utekereza ko rufite uruhare runini kuri Papy na Mimy? Kubera iki?
 - Hari uruziga rudafite ingaruka kuri Papy na Mimy? Kubera iki?

- Ni izihe nsanganyamatsiko zari zikubiye muri uru ruhare? Kuki ari ngombwa?
- Niki iki gikorwa kitwigisha kubyekeye amahame mu miryango no kububasha/gufata ibyemezo?
- Sobanurira abitabiriye ikiganiro ko abantu benshi badukikije bafite imbaraga n'ingaruka kuri twe. Buri wese muri twe ashobora gukora cyangwa guteshya agaciro intego yo guharanira uburinganire. Ntakintu na kimwe cyerekana imyifatire idahwitse imbere y'ubusumbane. Ingaruka zikomeye mu bisanzwe zituruka kubantu batwegereye. Nibo baduhindura buri munsu. Ndetse nabanyamuryango bacu batatwegereye nkinshuti nimiryango bigira ingaruka kubitekerezo n'ibikorwa byacu.
- Sosiyete muri rusange, itangazamakuru, amategeko y'igihugu n'amasezerano mpuzamahanga na byo biratugiraho ingaruka, nubwo atari mu buryo butaziguye cyangwa bwihuse. Inziga z'ingaruka ziri ahantu hose hirya no hino imbande zacu: umuryango, inshuti, abagize umuryango hamwe na sosiyete.

N.B.

Iki gikorwa gisaba umwanya munini; gishobora kubera haba mu cyumba aho ameza n'intebe byasunitswe, cyangwa hanze. Mwitondere gusobanurira abitabiriye gutangira kugira ngo wirinde ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kugira ingaruka ku mikorere yacyo.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Mushimire abitabiriye amahugurwa bose kuza. Mubasabe kwandika ikintu kimwe bize uyu munsu, nikindi kintu kimwe bateganyije gukora mu nama itaha.
- Ubabaze kandi niba hari ibibazo basigaye kubaza kiganiro cy'uyu munsu.
- Hanyuma, mubibutse itariki na gahunda y'ikiganiro cy'ubutaha kandi ko bazitabira bose.

Ikarita y'abantu:

N.B. Aya makarita y'abantu agomba guhindurwa mu kinyarwanda kugira ngo yifashishwe mu myitozo

(À photocopier et découper)



- (a)** Nitwa Mimy. Nashakanye na Papy. Kera twarishimye, ariko ubu Papy ambwira nabi cyane rimwe na rimwe arankubita. Ndamutinya, kandi n'abana banjye baramutinya.

(b) Nitwa Mimy. Umugabo wanjye, Papy, aranyubaha. Turaganira ku bibazo byacu kandi dushakira igisubizo hamwe. Ubwoba ntibukiganza mu mutima wanjye cyangwa mu rugo.
- (a)** Nitwa Papy. Nashakanye na Mimy. Ibintu byabaye bibi mu rugo vuba aha. Umugore wanjye ambwira kubyekeye uburinganire, ibyo simbikunda cyane. Arambabaza kandi nta kundi ntabigenza uretse kumutontomera cyangwa no kumukubita. Ibi bibaho mu bashakanye.

(b) Nitwa Papy. Niyemeje ku umugore wanjye no ku bana banjye kutazigera nkemura ibibazo byanjye cyangwa ibyabo. Ndabakarira kandi nkabakubitra. Ubu ni byiza ku bana natwe ndetse n'abana barishimye.
- (a)** Ni njye se wa Papy. Twakuze tuzi ko abagabo bashobora kuyobora abagore. Bagomba guhora batwumvira kandi tugomba kuba abanyarugomo ni biba ngombwa. Nibisanzwe, ni nkibyo.

(b) Ndi so. Ihohoterwa riremewe mu muryango wacu cyangwa mu bwoko bwacu. Turubahana.
- (a)** Ndi umukobwa mukuru wa Papy na Mimy. Mama akora kuva mu gitondo kugeza nimugoroba. Iyo atari mu rugo, ngomba kwita ku rugo rwose na bashiki banjye bato na barumuna banjye. Nabwirijwe kureka ishuri. Papa akanguka atinze kandi akenshi ataha arakaye. Ntabwo ari mwiza kuri twe.

(b) Ndi umukobwa mukuru wa Papy na Mimy. Mama na Papa bagabana imirimo yo mu rugo bakabana neza. Nshobora kujya mu ishuri nkamufasha gato akazi k'igikoni. Nkunda cyane umwuka w'ibyishimo mu rugo, twese turi inshuti nziza.

5. (a) Ndi umuhungu wa Papy na Mimy. Mushiki wanjye mukuru ahora ateka ibiryo kandi amfasha mukoro. Ninshingano z'abagore kudukorera twe abagabo. Data niwe ntego yanjye.
(b) Ndi umuhungu wa Papy na Mimy. Mfasha mushiki wanjye mukuru kumirimo yo murugo kugira ngo tubone umwanya wo gukora umukoro mwishuri. Papa afasha mama nawe murugo, niwe ntego yanjye.
6. (a) Ndi inshuti ya Papy. Turasohoka hamwe ku mugoroba. Ndabona unywa byeri nyinshi hanyuma ugataha iwawe wasinze kandi urakaye. Ariko turishimye cyane kandi nibyiza ko abagabo kunywa gutyo. Ni amafaranga yacu dushobora gukoresha uko dushaka.
(b) Ndi inshuti ya Papy. Turasohoka hamwe ku mugoroba. Ndakugira inama yo kunywa bike kugirango utajya murugo wasinze. Ugomba gutekereza k'ubuzima bgiza by'umuryango.
7. (a) Ndi umusaza w'umudugudu. Uranyubaha kandi ukurikiza inama zanjye. Abagabo ni abatware b'ingo kandi bagomba gufata ibyemezo byose. Umuryango muzima ni umwe w'umugabo afata ubutegetsi bwose mu rugo.
(b) Ndi umusaza w'umudugudu. Uranyubaha kandi ukurikiza inama zanjye. Ndakugira inama yo gusan-gira ibyemezo murugo rwawe. Umuryango muzima ni umwe aho abashakanye bashyigikirana kandi ubutegetsi bg'urugo bugasaranganywa.
8. (a) Ndi mushiki mukuru wa Mimy. Nzi neza ko wubaha imigenzo y'umuryango. Abagabo ni abatware kandi ni bo bahitamo. Umubano mwiza utangirana no kumvira umugabo no kumureka agakora icyo ashaka.
(b) Ndi mushiki mukuru wa Mimy. Iwacu, ntabwo turi abanyarugomo. Jye n'umugabo wanjye dufata ibyemezo hamwe. Umubano mwiza utangirana n'ubufatanye. Urugo ntirugomba kuyoborwa numuntu umwe, abashakanye barashobora kandi gufatira ibyemezo hamwe. Kuki utabikora murugo rwawe?
9. (a) Ndi muramu wa Mimy. Ubu uri mu muryango wacu aho abagore n'abakobwa baceceka kandi nta burenganzira bafite bwo kwitotomba. Nabakobwa bakora murugo kandi abahungu barubahwa.
(b) Ndi muramu wa Mimy. Ubu uri mu muryango wacu aho abagabo n'abagore bafite uburenganzira bumwe kandi bakabaho ntahoterwa. Hano iwacu, abakobwa n'abahungu bakorana.
10. (a) Ndi inshuti ya Mimy. Twese hamwe turaganira kuri byose. Umugabo wanjye yararwaye ariko sinshobora kumufasha mubyangombwa kuko tutashyiringanywe. Abana nanjye dufite ibyago byinshi niba hari ibimubaho, Imana ibabarire.
(b) Ndi inshuti ya Mimy. Twese hamwe turaganira kuri byose. Umugabo wanjye yararwaye kandi nashoboye kumufasha mubyangombwa kuko dufite isezerano rya leta. Abana nanjye ntabwo turi mukaga niba hari ibimubayeho, Imana ibabarire.
11. (a) Ndi umuturanyi wa Papy na Mimy. Ndumva urusaku iyo murwana nijoro kandi ntacyo mvuga. Ntabwo aribikorwa byanjye.
(b) Ndi umuturanyi wawe. Nashakaga kukumenyesha ko nzi ihoterwa uhura naryo kandi ndagutumiyemo ngo uzaze kundeba niba hari ikibazo.
12. (a) Ndi nyirarume mukuru wa Papy. Ndamwishimiye cyane kuko azi guhana umugore we iyo azanye ibitekerezo bye byabazungu. Iwacu, abagore ni bo bita ku rugo n'abana.
(b) Ndi nyirarume mukuru wa Papy. Ndamwishimiye cyane kuko afitanye umubano mwiza n'umugore we kandi akamwubaha. Ubufatanye hagati y'abashakanye ni ishingiro ry'umuryango mwiza.
13. (a) Ndi mubyara wa Papy. Mu muryango gwacu, abagore bita ku rugo hamwe nabana. Amafaranga y'umugabo ni aye. Ariko amafaranga yacu ni ay'umuryango wose.
(b) Ndi mubyara wa Papy. Mu muryango gwacu, ni abagore n'abagabo bose hamwe bita ku rugo no ku abana. Amafaranga yinjiza asaranganywa hagati yacu, kandi buri gihe umuryango wacu ntaco ukenera.

- 14. (a)** Ndi umushumba. Ndaceceka. Bibiliya ivuga ko abagore bagomba kubaha abagabo babo. Imana igiye kwita ku bintu ubwayo.
(b) Ndi umushumba. Bibiliya ivuga ko abagabo bagomba kubaha abagore babo. Ndategura amasomo aho ngira inama abashakanye bose ku ihohoterwa no kubahana.
- 15. (a)** Nkora ku kigo nderabuzima. Mvura ibikomere ntabajije ibibazo. Ntabwo aribikorwa byanyje.
(b) Nkora ku kigo nderabuzima. Turimo gutegura amahugurwa yo gukangurira abantu kurwanya ihohoterwa rikorerwa abaganga. Noneho turatinyuka kubaza abarwayi kubyerekeye ihohoterwa.
- 16. (a)** Ndi umupolisi. Abagabo rimwe na rimwe bakora ihohoterwa rikorerwa mu ngo. Iki nikibazo cy'umuryango.
(b) Ndi umupolisi. Mfataga neza cane n'uburemere ibikorwa by'ihohoterwa rikorerwa mu ngo.
- 17. (a)** Ndi umuhinzi. Ntekereza ko umugore atangana n'umugabo. Umugore agomba kumvira umugabo we. Ntabwo afite uburenganzira bwo kuzungura imirima yanjye.
(b) Ndi umuhinzi. Natanze ikiganiro mu nama y'abahinzi ku nyungu zo gukorera hamwe mu gusarura abagabo n'abagore. Umugore wanjye afite uburenganzira bwo kuzungura imirima yanjye.
- 18. (a)** Ndi umushoferi wa moto. Ntekereza ko ihohoterwa rikorerwa abagore rimwe na rimwe rifite ishingiro, cyane cyane iyo basabye amafaranga.
(b) Ndi umushoferi wa moto. Ndaganira n'abantu kubyerekeye uburenganzira bw'umugore n'umutwaro ukomeye batwara muri sosiyete yacu.
- 19. (a)** Ndi umucuruzi mw'isoko. Abagore n'abagabo ntibareshya. Niba umugabo ashaka kwerekana imbaraga ze n'ubutware bge, ni iherezo ry'umugore.
(b) Ndi umucuruzi mw'isoko. Nshyigikiye kuringaniza imbaraga mumibanire hagati yabagore nabagabo.
- 20. (a)** Ndi umukozi wa ONG. Turasaba abantu kureka urugomo, kuko urugomo ruba mu bantu babi.
(b) Ndi umukozi wa ONG. Turaganira n'abaturage baho kubyerekeye isano iri hagati yihohoterwa n'ubusumbane bw'uburinganire. Turabafasha kureba inyungu zo kudahohotera n'uburenganzira bw'umugore n'abana.
- 21. (a)** Ndi umuyobozi waho. Amafaranga akoreshwa m'umuryango n'inshingano z'umugore. Umugabo yishyura inkwano nyinshi k'umugore, agomba noneho kumwubaha.
(b) Ndi umuyobozi waho. Amafaranga akoreshwa m'umuryango n'inshingano z'abashakanye. Inkwano ntigomba gusobanura ko abagore ubu ari abacakara bacu.
- 22. (a)** Ndi umufarumasiye. Uje kungurira imiti iwanjye kugirango wivure kandi uransaba inama. Ntekereza ko abagore bagomba kwihangana no gukomera.
(b) Ndi umufarumasiye. Igihe ujye kugura imiti yo kuvura ibikomere byawe, mbimenyesha umujyana ma winzobere mu ihohoterwa rikorerwa mu ngo.
- 23. (a)** Ndi umwarimu. Gukora urwenya kubakobwa birashimishije kandi ntibibabaza.
(b) Ndi umwarimu. Buri gihe nsobanurira abanyeshuri ko bafite agaciro kangana, kandi ko gutotezwa ari bibi.
- 24. (a)** Ndi umuganga wawe. Nkugira inama kubibazo byinshi, ariko ntacyo mvuga kubyerekeye ihohoterwa rikorerwa mu ngo. Nuburenganzira bw'umugabo kandi ni nikibazo cyihariye.
(b) Ndi umuganga wawe. Nkubaza ibibazo byerekeye ihohoterwa riri mu mibanire yawe n'uwo mwashakanye, kandi ndasobanura ko ihohoterwa ari ihohoterwa ry'uburenganzira bwa muntu nubg'abagore.

- 25. (a)** Ndi umukozi ushinzwe imibereho myiza. Ndabona ihohoterwa mu baturage, ariko nkunda abana kubera ko ihohoterwa riba hagati y'abagabo n'abagore nsanga ari ibisanzwe.
(b) Ndi umukozi ushinzwe imibereho myiza. Nkora ku ihohoterwa rikorerwa abana n'abagore. Mugihe cyo kugisha inama nabagenerwabikorwa, ndasobanura ibyiza byo kutagira ihohoterwa mumiryango.
- 26. (a)** Ndi umucamanza. Rimwe na rimwe, abagore batanga ikirego ku gikorwa cyoroshye cy'ihohoterwa. Muri uru rubanza, nanga ikirego.
(b) Ndi umucamanza. Mu rukiko rwanjye, mfatana uburemere imanza zose z'ihohoterwa. Ihohoterwa, ribereye imbere cyangwa hanze yurugo, nicyaha.
- 27. (a)** Ndi umudepite. Mu gihugu cyanjye, nta tegeko ryerekeye ihohoterwa rikorerwa mu ngo, ni ryigenga.
(b) Ndi umudepite. Amategeko y'iki gihugu abuzza gukoresha ihohoterwa rikorerwa umuntu uwo ari we wese. Tudakurikiye imiterere y'umubano.
- 28. (a)** Ndi umuterankunga. Nateye inkunga gahunda y'uburinganire muri Congo. Ntera inkunga gusa gahunda zoroshye za ABC kuko arinziza cane.
(b) Ndi umuterankunga. Ndatara inkunga gahunda zita ku ntege nke z'abagore ku ihohoterwa n'ubugabo bwiza. Tugomba kurenga ABC.
- 29. (a)** Ndi umunyamakuru wa radiyo. Ukurikirana igitaramo cyanjye burimuni, dukora urwenya kubagore n'urugomo. Ikibi kiri he?
(b) Ndi umunyamakuru wa radiyo. Ndategura ibiganiro mpaka aho abantu batandukanye batanga ubuhamya ku ngaruka mbi zihohoterwa rikorerwa abagore.
- 30. (a)** Ndi umukozi w'ibihugu byunze ubumwe. Nshinzwe gukurikirana imigendekere y'amasezerano mpuzamahanga, ariko simbona isano iri hagati y'ivangura rikorerwa abagore n'ubusumbane.
(b) Ndi umukozi w'ibihugu byunze ubumwe. Amasezerano mpuzamahanga akubiyemo ihohoterwa rikorerwa abagore n'intege nke zabo. Nzasaba leta zose kwerekana ingamba zazo zo gukemura ibyo bibazo.

Insanganyamatsiko 3.

Gusobanukirwa ibijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo

Intangiriro

Iyi nsanganyamatsiko igamije gufasha abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka n'abagabo babo gusesengura ibijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo aho batuye, nko mu ngo zabo ndetse no mu gace batuyemo, no kumva uburyo bigira ingaruka ku buringanire. Mu gihe cy'insanganyamatsiko ibanziriza iyi ngiyi, abagore b'abacuruzi baciriritse bambukiranya imipaka n'abo bashakanye bari bakwiye kuba barahakuye inyigisho yatumye bagirirwa icyizere n'abandi bantu hashingiwe ku kwiyoungura ubumenyi no gushyira mu ngiro ubuhanga bwo kuvugana neza hashimangirwa ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye. Byongeye kandi, bagomba noneho kumva uburyo imiganirire yacu ishingiyeye ku gitsina n'uburyo ibyifuzo byacu by'uburinganire bishobora kugira ingaruka ku myanzuro dufata.

Iyi nsanganyamatsiko itangiza igitekerezo cy'imbaraga gishingiyeye ku myumvire iyo ari yo yose y'uburinganire. Mbere yo kujya kure cyane mu masomo n'ibiganiro n'insanganyamatsiko zijyanye n'uburinganire, gusobanukirwa n'ibijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo muri sosiyete bizafasha abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka n'abagabo babo kubona urufatiro rukomeye rwo gusesengura rukenewe kugira ngo hasuzumwe neza imbaraga z'uburinganire mu rwego rw'akazi kabo n'ubuzima bwa buri muni.

Iyi nsanganyamatsiko kandi irategura abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka n'abagabo babo gusobanukirwa n'imiterere y'uburinganire bwatwe n'ishyirwa mu ngiro ry'ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo hagamijwe gushyiraho isano n'ingaruka z'amakimbirane n'ubufatanye bw'abaturage mu kubaka amahoro.

Inkunga yatanze n'itsinda rya Alert International izakenerwa mu bikorwa byose. Ibikorwa byose byakuwe mu "imfashanyigisho ku buringanire n'ubwuzuzanye".

Incamake y'ibiganiron'itego byabyo:

Ibiganiro	Intego
<p>Ikiganiro 3.1 : Urugendo rw'ububasha no gufata ibyemezo</p>	<ul style="list-style-type: none"> Kugaragaza ndetse no kumvikanisha uryo igitsina bwite, urwego rw'imibereho, imbaraga za politiki, imyaka, aho dutuye, imiterere y'abashakanye n'ibindi bimenyetso mbonzamubano bifatanye isano, n'uburyo bishobora kuba inzitizi yo kugira uruhare mu iterambere.
<p>Ikiganiro 3.2 : Ibiranga ububasha no gufata ibyemezo</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gusuzuma ibiranga imyitwarire isanzwe ifitanye isano n'ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo, aho bihuriye n's'amarangamutima. Gusobanukirwa ko "ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo" bigira ibisobanuro bitandukanye mu bice bitandukanye, kandi ko bishobora gukoreshwa m'uburyo butandukanye.
<p>Ikiganiro 3.3 : Ikiganiro gihuriweho n'abagore n'abagabo: kuganira ku byerekeye n'ububasha no gufata ibyemezo murisosiyete no mu buryo busanzwe</p>	<ul style="list-style-type: none"> Kuvuga muri make inyigisho zavuye mu biganiro 3 bibanza kandi ufashe abitabiriyeye ikiganiro kumva uburyo ki ububasha no gufata ibyemezo bihoraho mubuzima bwa buri muni no muri sosiyete. Ikiganiro kigomba kwibanda ku bisubizo bizashyirwa mu bikorwa kugira ngo habeho ishyirwa mu ngiro ry'ububasha no gufata ibyemezo mu ngo z'abashakanye.

Ikiganiro 3.1 : Urugendo rw'ububasha no gufata ibyemezo

- **IGIHE IKIGANIRO KIMARA:** Amasaha abiri ntarengwa
- **ABO IKIGANIRO KIGENEWE:** Abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka (FPCT).
- **ABAYOBORA IKIGANIRO:** Abafashamyumvire 2 bahuwe mu itsinda ry'ibiganiro, abafashamyumvire bo mu mashyirahamwe y'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Z'ISOMO:**
 - Kugaragaza ndetse no kumvikanisha uryo igitsina bwite, urwego rw'imibereho, imbaraga za politiki, imyaka, aho dutuye, imiterere y'abashakanye n'ibindi bimenyetso mbonezamubano bifatanye isano, n'uburyo bishobora kuba inzitizi yo kugira uruhare mu iterambere

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tanga ikaze ku bagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka cyangwa abagabo babo muriki cyiciro gishya kandi ubashimire ko bitabiriye.
- Baza amakuru yerekeye abakererewe cyangwa abadahari.
- Tangaza ko iki kiganiron'ibindi bizakurikiraho bizibanda ku gitekerezo cy'ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo.
- Sobanura ko nk'uko mu biganiro byabanjirije ibi ngibi, iki kiganiro gitangirana n'igikorwa mu matsinda mato kandi kizasozwa no gutanga ibisobanuro hamwe n'itsinda ryose rusange ry'abitabira ikiganiro.

2. Urugendo rw'ububasha no gufata ibyemezo

Iminota 100

Ibikoresho:


- Ikarita y'abakinnyi kugira ngo bakine, imwe kuri buri muntu (reba amakarita hepfo, kugira ngo afotorwe ahabwe abitabiriye ikiganiro ukurikije inama yatanzwe).
- Nk'uko benshi mu bitabiriye ikiganiro batazashobora gusoma, gerageza gushushanya mbere abakinnyi ku rupapuro, cyangwa wongorere uza gukina mu matwi mbere y'uko imyitozo itangira, ubasaba ko buri umwe kutabwira undi uwuhe mukinnyi icyo za gukina.

Uburyo:

- Gukina umukino bigana abantu runaka (Uyu mukino ugomba guhuzwa n'imiterere yo muri buri gihugu, hagati ya –Repubulika iharanira demokarasi ya Kongo, u Rwanda cyangwa u Burundi).
- Umukino woroheje, ariko ufite akamaro utera gutekereza ku ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo. Bisaba aho bakinira hagutse, kandi n'ibyiza gukinira mu gikari cyangwa mu cyumba aho ameza n'intebe byose byasunitswe bikegezwayo.

Imigendekere y'ikiganiro:

- Tegura amakarita, imwe ku umuntu cyangwa kwongorera mumatwi ya buri wese (reba urutonde hepfo).
- Menya neza ko ufite umubare ungana w'abakinnyi b'abagabo n'abagore, ku byo bagomba gukina byaba byoroheje cyangwa bitoroshye.
- Menyekanisha igikorwa usaba abitabiriye ikiganiro guhagarara ku murongo umwe ushushanyijwe. (Icyitonderwa ku bafashamyumvire: niba ugiye kwongorera umukinnyi mu matwi mu bitabiriye ikiganiro, n'ibyiza kubikora kuri iki cyiciro cy'imyitozo kandi atari mbere, kuko abitabiriye ikiganiro bashobora kwibagirwa umukino wabo).
- Babwire ko uyu murongo ugereranya ingingo ya 1 y'itangazo ry'umuryango w'abibumbye ryita ku burenganzira bwa muntu: "Abantu bose bavutse bafite umudendezo kandi bangana mu cyubahiro n'uburenganzira".
- Nyuma, ubasabe kwisanisha n'abantu bagomba gukina.
- Sobanura ko ugiye gusoma urukurikirane rw'amagambo.



- Niba batekereza ko abakinnyi babo basubiza “yego” kuri ayo magambo, batera intambwe imwe baza imbere.
- Niba batekereza ko abakinnyi babo basubiza “oya” kuri ayo magambo, basubira inyuma intambwe imwe.
- Niba kandi batazi neza igisubizo, baguma bahagaze badateye intambwe.
- Soma amagambo akurikira mu itsinda:
 - Mfite imbaraga zo guhindura ibyemezo bya guverinoma yanjye.
 - Mfite umwanya n’uburyo bwo kugera ku bitangazamakuru (itumanaho, ibinyamakuru byandika, radiyo cyangwa televiziyo, n’ibindi).
 - Mfite uburyo bwo kugera kuri serivisi z’ubuzima k’umuryango wanjye no kuri njye ubwanjye (Mfite amahirwe yo kuvuza abana banjye no kwivuza ubwanjye mu gihe cy’uburwayi).
 - Nshobora kwiha inyigisho (amashuri) ubwanjye hamwe n’abana banjye (nshobora gutuma abana banjye biga nta kibazo cyangwa nanjye ubwanjye nkakora imyitozo)
 - Nshobora kwishimira ibidukikije byiza kandi bifite umutekano mu gace dutuyemo.
 - Nshobora kubona inguzanyo muri banki.
 - Nshobora gukoresha serivisi rusange no kwambuka imipaka n’ibicuruzwa byanjye niyumva ko ntashoboye cyangwa ntavangurwa.
 - Nshobora kurya byibuze amafunguro abiri yuzuye ku munsu.
 - Ntabwo mfite ibyago byo kuba narahohotewe cyangwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina.
 - Nshobora kurongora umuntu uwo nshaka ntatinye ingaruka.
 - Ninjiza byibuze umushahara muto.
 - Mfite umudendezo wo kugenda mu ntara yanjye.
 - Mfite umudendezo wo kugenda nijoro.
 - Nshobora gutembera mu gihugu cyanjye bitagoranye.
 - Niba ntashaka umwana, ndashobora guhitamo gukoresha uburyo bwo kuringaniza imbyaro.
 - Nshobora kubona umurage w’ubutaka bwa data.
 - Ndabizi kandi nshobora gutwara imodoka.
 - Ntabwo ngomba gukora imirimo yo mu rugo kuko hari undi ushobora kuyinkorera.
- Numara kurangiza, saba abitabiriye kuguma mu myanya yabo no gutanga ibitekerezo.
- Menya neza ko abantu bose bumva ibisubizo bya buri wese (nyuma y’igihe gito mushobora guhurira hamwe

mukicara).

- Baza ibibazo bikurikira mugutanga ibitekerezo:
 - *Ninde wakinye?*
 - *Kuki utekereza ko uri aha hantu?*
 - *Ninde uri imbere, kandi kuki? Bitewe n'ibintu nk'icyiciro cy'imibereho, igitsina bwite cye, aho uba, imyaka, n'ibindi.*
 - *Ninde uri inyuma, kandi kuki? Bitewe n'ubushobozi bwabo buke bitewe n'ibintu bifatika, igitsina bwite cye, imyaka, n'ibindi.*
 - *Wumvise umeze ute igihe wateye intambwe inyuma?*
 - *Wumvise umeze ute igihe wateye intambwe ujya imbere?*
 - *Iyi myitozo ikwigisha iki kubyerekeye n'ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo?*
- Rangiza ikiganiro usobanura ko ububasha bwihariye bushingiye ku gitsina: ni ukuvuga ko bushingiye ku igitsina bwite, ariko kandi no ku zindi mpinduka zishingiye ku mibereho nk'imyaka, umwuga, icyiciro rusange ndetse n'aho atuye. Uburinganire n'ububasha no gufata ibyemezo rero bijyana hamwe kandi ntibishobora gutandukana.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abitabiriyi ikiganiro bose kuba bitabiriyi.
- Basabe gusangira ikintu kimwe bize uyu munsu n'ikintu kimwe bategereje gukora mu kiganiro gitaha.
- Ubabaze kandi niba hari ibibazo batasobanukiwe mu kiganiro cy'uyu munsu.
- Hanyuma, ubitabire itariki n'igihe cy'ikiganiro gitaha ari nako ubasaba kuzitabira bose.

Inyandiko ku bafashamyumvire:

- Iki gikorwa gifasha kwerekana icyo ari cyo ububasha no gufata ibyemezo ari nako herekanwa itandukaniro riri hagati y'abakomeye n'abantu boroheje. Musesengurire hamwe ibijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo n'abakinye icyateye bamwe kuba bari imbere n'abandi bari inyuma. Bagomba kumva ko ko ububasha no gufata ibyemezo ko bidashingiye gusa ku gitsina cy'umuntu ahubwo ko binaterwa n' imibereho ya buri muntu ari nayo ituma agera kubyo yagahawe n'uburenganzira bwa muntu.
- Menya ko iki gikorwa gisaba aho gukinira hisanzuye; gishobora kubera mu cyumba aho ameza n'intebe byasunitswe, cyangwa hanze mu gikari.
- Fata umwanya wo gusobanurira abitabiriyi ibikorwa kugira ngo bashobore kwishyira mu mwanya w'umukinnyi wabo.
- Menya ko amakarita amwe n'amwe azakenera guhuzwa, kubera ko abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka cyangwa abagabo babo mu bice bimwe byambukiranyaga imipaka hagati ya DRC, u Rwanda n' u Burundi bashobora kuba badasobanukiwe neza n'uburinganire bw'imiterere y'icyaro.
- Abafashamyumvire bazitondera gutegura neza isomo no guhuza amakarita amwe n'ukuri ku bintu bigaragara ku rubuga bakinyemo bitewe n'aho abantu bagiye bahagarara.

Ikarita zerekana abantu bakinwe

- Umugabo, minisitiri w'igihugu, umusaza, Kinshasa, umukire
- Umugabo, umushomeri, umusore, icyaro cya Bugarama, umukene
- Umugabo, umucuruzi, umusaza, icyaro cya Rugondo, icyiciro cyo hagati
- Umugabo, umupolisi, urubiruko, umupaka, umukene
- Umugabo, umucuruzi, umusaza, mumuji, umukire
- Umugabo, umushomeri, umusaza, mumuji, umukene
- Umugabo, Umuyobozi w'imyanya ya DGM, umusaza, mumuji, umukire

- Umuntu, serivisi y'isuku kumupaka, urubyiruko, Uvira, umukene
- Umugabo, Umugabo w'umugore w'umucuruzi uciriritse wambukiranya imipaka, umusore, Goma, umukire
- Umugabo, Umugabo w'umugore w'umucuruzi uciriritse wambukiranya imipaka, umusore, Uvira, umukene
- Umugabo, ufite ubumuga bg'ukuguru kumwe, icyaro cya Rubavu, umusore, umukene
- Umugabo, umucuruzi uciriritse, Banyamulenge, umusaza, Bukavu, umukene
- Umugabo, umukozi wa DGDA, umusaza, Goma, umukire
- Umuntu, umusirikare, umusaza, Kigali, umukire
- Umugabo, umwarimu, umusaza, mu icyaro, umukene
- Umugabo, wubatse, umusaza, mumujyi, umukene
- Umuntu, uharanira sosiyete sivile, umusore, Goma, umukire
- Umugabo, umudocteri, umusaza, mu icyaro, umukire
- Umugore, umurwanashyaka, urubyiruko, Goma, umukire
- Umugore, umushomeri, umusaza, Bukavu, umukene
- Umugore, umurwanashyaka, umusaza, Goma, umukene
- Umugore, umudocteri, umusaza, mu icyaro, umukire
- Umugore, umupolisi, urubyiruko, agace k'umupaka, umukene
- Umugore, umwarimu, umusaza, mumujyi, umukene
- Umugore, wubatse, umusaza, mumujyi, umukire
- Umugore, wubatse, umusaza, umutwa, mu icyaro, umukene, ubumuga m'ukuguru kumwe
- Umugore, umurwanashyaka, urubyiruko, umunyamulenge, Uvira, umukene
- Umugore, umucuruzi uciriritse, Mufulero, Uvira, umukene
- Umugore, umucuruzi uciriritse, Uvira, ufite ubumuga bg'ukuguru kumwe, umukene
- Umugore, umuyobozi wa ANR, umusaza, mumujyi, umukire
- Umugore, umukangurambaga m'umuryango utegamiye kuri leta waho, urubyiruko, Kamanyola, umukire
- Umugore, umuyobozi wa politiki itabugamiye k'ubutegetsi, urubyiruko, Bukavu, umukene
- Umugore, umunyapolitiki (umudepite mu ishyamba riri ku butegetsi), umusaza, Goma, umukire
- Umugore, umucuruzi uciriritse wambukiranya imipaka, umusore, Uvira, umukire
- Umugore, umucuruzi uciriritse wambukiranya imipaka, umusore, Uvira, umukene
- Umugore, umusirikare, umusaza, Kinshasa, umukire

Ikiganiro 3.2 : Ibiranga ububasha no gufata ibyemezo

- **IGIHE CYOSE IKIGANIRO KIMARA:** Amasaha abiri ntarengwa
- **ABO IKIGANIRO KIGENEWE:** Abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka (Fpct) na / cyangwa abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abakangurambaga 2 batojwe bo mu itsinda ry'ibiganiro, abahugura bava mu mashyirahamwe y'abafatanyabikorwa
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Gusuzuma ibiranga imyitwarire isanzwe ifitanye isano n'ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo, aho bihuriye n's'amarangamutima.
 - Gusobanukirwa ko "ikoreshwa ry'ububasha no gufata ibyemezo" bigira ibisobanuro bitandukanye mu bice bitandukanye, kandi ko bishobora gukoreshwa m'uburyo butandukanye.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe kugira ngo abitabiriye bose hamwe nawe, abafashamyumvire, bakore uruziga runini.
- Tanga ikaze ku bagore b'abacuruzi bambukiranya imipaka (FPCT) na / cyangwa abagabo babo muri iki cyiciro gishya kandi tubashimire ko bahari.
- Menya amakuru yerekeye abakererewe cyangwa abadahari.
- Kwibutsa isomo ryabanjirije no gusaba abitabiriye kuvuga muri make ibyaganiriweho.
- Witondere kwibuka imyanzuro y'ingenzi ijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo.
- Menyesha ko muri iki cyiciro uzakomeza gukora ku bubasha no gufata ibyemezo utegura igikorwa cyungurana ibitekerezo.

2. Ibibaranga ububasha no gufata ibyemezo

Iminota 100

Ibikoresho: Ntabyo.

Uburyo: Imyitozo ngororangingo mu matsinda mato y'abantu bane.

Imigendekere y'ikiganiro:

- Gabanya abitabiriye mu matsinda mato y'abantu 4.
- Saba buri tsinda gukora umukino uturutse mu mutwe, nk'igishusho. Igomba kwerekana ibihe by'ububasha, hamwe n'umuntu umwe cyangwa benshi bari mu mwanya w'ubutegetsi, n'umuntu umwe cyangwa benshi bari mu mwanya wo hasi.
- Shimangira ko nta bisubizo "byiza" cyangwa "bibi", kandi ko ari ngombwa kubaha ibitekerezo bya buri wese.
- Tanga buri tsinda iminota 5 yo kwitegura, kimwe n'umwanya wo guhagararira umukino imbere y'abandi.
- Saba abandi bitabiriye amahugurwa gutanga ibisobanuro by'umukino uko itsinda ryifashe, ukoresheje ibibazo bikurikira:
 - Ni iki urimo kureba?
 - Ninde ufite imbaraga nyinshi ninde ufite nke?
 - Ni ibihe bintu biranga bigufasha gutandukanya?
 - Ni ubuhe bwoko bw'imbaraga bwerekanwa n'umukino? (urugero: imbaraga z'umubiri, imbaraga z'imibereho, imbaraga z'ubukungu ...)
- Nko mugihe cy'ibikino bigaragara cyane, baza niba hari umuntu mubateze amatwi ushaka kwinjiramo no kwifotoza.
- Mugihe cyo gutanga ibisobanuro, baza abitabiriye ikiganiro:
 - Wumvise umeze ute mugihe cyo kwifotoza kandi kuki wahisemo kwifotoza muri ubu buryo?
 - Ni iyihe myanya wari mwiza cyane cyangwa umenyereye?

- Ushobora guhuza amarangamutima ayo ari yo yose n'ikibazo wabayemo?
- Iki gikorwa kitwigisha iki mu buryo butandukanye bwo gukoresha ububasha no gufata ibyemezo?

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abitabiriye ikiganiro bose baje.
- Basabe gusangira ikintu kimwe bize uyu muni n'ikintu kimwe bategereje gukora mu nama itaha.
- Ubabaze kandi niba hari ibibazo basigaje batasobanukiwe mu kiganiro cy'uyu muni.
- Hanyuma, ubibutse itariki n'igihe cy'ikiganiro cy'ubutaha kandi ko bizakunzeza bitabiriye bose.

Inyandiko ku bafashamyumvire:

- Ububasha bushobora kugira ibisobanuro bitandukanye mu bice bitandukanye kandi bigakoreshwa m'uburyo butandukanye. Rero, ububasha bushobora kumera nk'imbaraga z'umubiri, nk'ubugenzuzi bw'ubukungu cyangwa imari, nk'ingaruka z'amarangamutima cyangwa imitekerereze, hamwe n'ubutegetsi bwa politiki, n'ibindi. Ni ngombwa gusobanukirwa n'uburyo butandukanye kugirango dukore mu bihe bitandukanye no kuvugana neza bishoboka.
- Menya ko iki gikorwa gishobora gukurura vuba amashyirahamwe n'amarangamutima akomeye; ni ngombwa rero ko ubimenya nk'umufashamyumvire. Abitabiriye ikiganiro bakinnye neza imikino bashobora kwishimira uwo mwanya bakifuzaga no kubiganiraho. Ibi kandi bishobora no kuganirwaho mu matsinda mato.

Ikiganiro 3.3 : Ikiganiro Gihuriweho n'abagabo n'abagore: kuganira ku byerekeye n'ububasha no gufata ibyemezo murisosiyete no mu buryo busanzwe

- **IGIHE CYOSE IKIGANIRO KIMARA:** Amasaha abiri ntarengwa
- **ABO IKIGANIRO KIGENEWE:** Abagore b'abacuruzi baciriritse bambuka imipaka (Fpct) na / cyangwa abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 batojwe bo mu itsinda ry'ibiganiro, abahugura mu mashyirahamwe y'abafatanyabikorwa
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Gufasha abitabira ikiganiro kumenya no gutekereza ku bikorwa bisanzwe byerekana imiterere y'abagore mu miryango myinshi n'isano ifitanye n'abasekuruza.
 - Kumenya ingaruka z'ibitekerezo, z'imyizerere hamwe n'ibikorwa by'abandi bigira kuri byacu.
 - Kumenya ko buri wese muri twe afite ububasha no gufata icyemezo zo gukora ibintu neza.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe kugirango abitabiriye bose hamwe nawe, abafashamyumvire, bakore uruziga runini.
- Tanga ikaze ku bagore b'abacuruzi bambukiranye imipaka (FPCT) na / cyangwa abagabo babo muri iki cyiciro gishya kandi tubashimire ko bahari.
- Menya amakuru yerekeye abakererewe cyangwa abadahari.
- Kwibutsa isomo ryabanjirije no gusaba abitabiriye kuvuga muri make ibyaganiriweho.
- Witondere kwibuka imyanzuro y'ingenzi ijyanye n'ingendo z'ubutegetsu.
- Tangaza ko isomo ry'uyu munsu rizegurirwe imyitozo yitabira kugira ngo hamenyekane uruhare n'ububasha bya buri muntu mu baturage ku buringanire.

3. Gusobanukirwa ibyerekeye ububasha no gufata ibyemezo muri sosiyete no mu buzima bwite

Iminota 100

Ibikoresho: Kaseti ifata, Ikarita hamwe n'amagambo yabanjirije yanditswe yahinduwe mu ndimi abitabiriye bashobora kumva (reba amakarita hepfo, kugira ngo ufotore ayo abitabiriye ikiganiro bakoresha).

Uburyo: Gusangira ibitekerezo no gutanga ibisobanuro mu ruhamwe.

Imigendekere y'ikiganiro:

- Baza abitabiriye ikiganiro ikibazo gikurikira: "Iyo tuvuye uko abagore bahagaze mu mibereho ugereranyije n'abagabo, ni iki kiza mu bwenge bwawe? ni iki ubona mu buryo butaziguye?"
- Reka abitabiriye batekereze mu minota 2, hanyuma ukusanye ibitekerezo byabo, n'ibiyumviro byabo uzenguruka uruziga.
- Fata ibisobanuro ku kibaho cyangwa igipapuro imbonerahamwe y'ibitekerezo byatanzwe utagize icyo ubivugaho hanyuma ubirekere imbere.
- Nyuma, gabanya abitabiriye ikiganiro mu matsinda atarenze abantu batanu kugeza kuri batandatu.
- Menya neza ko amatsinda mato y'ibiganiro yatandukanijwe hagati y'abagabo n'abagore (amatsinda ntabwo avanze).
- Mu minota 2, buri tsinda ryungurana ibitekerezo kuri bibiri mu magambo akurikira byanditswe mbere ku makarita. Andi magambo akunze kumvikana no gukoreshwa mu baturage ashobora kumenyekana, ku rutonde, kuzuzwa no guhuza n'abitabiriye ikiganiro.

Ibyifuzo kuri bimwe byanditse ku makarita

<ul style="list-style-type: none"> • Abahungu bita ku ababyeyi babo bageze muzabukuru • Umwana afata izina rya se 	<ul style="list-style-type: none"> • Abagabo bonyine ni bo bashobora kuba abapadiri • Umugabo afite inshingano yo gutunga umuryango we
<ul style="list-style-type: none"> • Nyuma yo gushyingirwa, umugore ava mu rugo rw'ababyeyi be • Umwanzi mubi w'umugore ni umugore 	<ul style="list-style-type: none"> • Umwanya w'umugore uri mu gikoni • Abahungu / abagabo ntibarira.

- Saba amatsinda gusangira ibitekerezo n'abitabiriye ikiganiro hanyuma muganire ibiganiro kuri ibi bikurikira:
 - *Aya magambo agaragaza iki ku miterere y'abagabo cyangwa abagore?*
 - *Ni uruhe ruhare rw'inzego zitandukanye mu gukomeza iyo myifatire niy'imyizerere?*
 - *inde wungukirwa n'uru rwego rushingiye ku gitsina muri sosiyete?*
 - *Utekereza ko byerekana uburinganire, no gufatwa kimwe ku bagabo n'abagore muri sosiyete?*
- Muganire kuby'ingenzi bikenewe kugira ngo munozze imibereho y'abagore mu rugo rwabo; imiryango yabo, ibikorwa byabo bya buri munsu bigamije guteza imbere uburinganire, ubutabera no gushimangira ubumwe, amahoro:
 - *Uratekereza ko abagabo bafite imbaraga n'inshingano zabo kugira ngo bahindure ibintu? Bagomba gukora iki?*
 - *Utekereza ko abagore bafite uruhare mu guhindura ibintu? Bagomba gukora iki?*
- Birashoboka ko abitabiriye ikiganiro bamwe bavuga "abakurambere" cyangwa "imitekerereze y'abakurambere". Koresha aya mahirwe kugira ngo ugire ikiganiro kirambuye kubyerekeye abakurambere. Nyuma yaho, itegure gutanga ikiganiro kigufi ku ruhare rw'abakurambere kuri ibyo bitekerezo.
- Baza abitabiriye amahugurwa niba barimo kureba aho batuye impinduka nziza n'iterambere bijyanye n'imiterere y'abagore, abakobwa, ibyiciro bivangura.
- Sobanura ko ugiye guha abashakanye umukoro. Buri mugabo n'umugore bashakanye bazamenya kandi bahitemo igikorwa gishariye cyo gukora mu gihe c'ukwezi kugeza inama itaha yo kuzamura urwego rw'abagore cyangwa abagabo babangamiwe n'ububasha bwabo.
 - *Abagabo bazagaragaza buri myizerere, ibitekerezo, imyizerere, (in) ibikorwa by'abandi bibagiraho ing aruka, imigenzo imenyereye igaragaza urwego rw'ipfobya n'isuzugurwa ry'abandi murugo ugatekereza ko ari ngombwa guhindura, gukosora kugirango ugarure, ushimangire uburinganire, ubutabera no gushi mangira cyangwa kubaka amahoro n'ubufatanye mu rugo.*
 - *Abagore bazagaragaza buri myizerere, ibitekerezo, imyizerere, (in) ibikorwa by'abandi bikugiraho ing aruka, imigenzo imenyereye igaragaza urwego rw'ipfobya n'isuzugurwa ry'abandi murugo ugatekereza ko ari ngombwa guhindura, gukosora kugirango ugarure, ushimangire uburinganire, ubutabera no gushi mangira cyangwa kubaka amahoro n'ubufatanye mu rugo.*

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abitabiriye amahugurwa bose ko baje.
- Basabe gusangira ikintu kimwe bize uyu munsu n'ikintu kimwe bategereje gukora mu kiganiro gitaha.
- Ubabaze kandi niba hari ibibazo basigaje mumasomo yuyu munsu.
- Menyesha ko insanganyamatsiko igira iti "Gusobanukirwa ibijyanye n'ububasha no gufata ibyemezo irangiriye aha" kandi ko ikiganiro gitaha kizaba ku insanganyamatsiko ya 4 ijyanye no "Gusobanukirwa imbaraga y'amakimbirane: isomo 1. Guteza imbere kuvuga rumwe no gusobanura amakimbirane". Bizaba kandi amahirwe kuri buri mugore, buri mugabo gutanga ubuhumya ku byerekeye impinduka zabaye mu kwezi kose mbere yuko batangira ikiganiro gitaha.
- Hanyuma, ubituse itariki n'igihe muzasubira guhura ari nako ubashishikariza kuzitabira inama ikiganiro cy'ubutaba kandi ko baose bagomba kuzitabira.

Inyandiko ku bafashamyumvire:

- Sobanurira abitabiriye ikiganiro ko iki gikorwa kigamije kumenya uburyo ibitekerezo, imyizerere n'ibikorwa by'abandi bishyiraho amahame rusange hamwe n'uburyo aya mahame atera impinduka mu baturage.
- Amahame ni amategeko y'imyitozo iyobora imyitwarire y'abantu muri sosiyete. Bagomba guhinduka mu gihe runaka.
- Basobanurire ko imico karande y'abakurambere ishingiyeye ku guha umugabo uburenganira buseseseye isobanura igenzura ry'ibyo dukora, igenwa ry'imyorokere n'imibonano mpuza bitsina bw'abagore kubw'inyungu z'abagabo. Nubwo iyo mico y'abakurambere ari imiterere ikorera mu bigo bitandukanye muri sosiyete, gukoresha nabi iyo mico byatumye abagabo bakomeza kwiyumvamo ko bategeka abagore.
- Imico karande y'abakurambere ishingiyeye ku guha umugabo uburenganira buseseseye ni ingaruka n'umusanzu m'uburyo uburinganire bwakoreshejwe mu gukomeza no kubungabunga gahunda z'imibereho. Ni uburyo bw'imibereho ikomeza sosiyete yiganjemo abagabo, aho abagabo bafite umwanya wo hejuru n'imbaraga nyinshi mu bice byinshi by'ubuzima. Nibo batanga izina ry'umuryango, bazungura umutungo kandi bafata ibyemezo. Iyo mico igena inshingano z'abagore n'abagabo. Inshingano ziteganijwe ku bagabo no ku bagore ni ibitekerezo by'umuryango w'abakurambere, ntabwo ari ibitekerezo biterwa n'imiterere y'umubiri w'umuntu".

Insanganyamatsiko 4.

Gusobanukirwa imbaraga z'amakimbirane

Intangiriro

Iyi nsanganyamatsiko, iganisha ku ntego nyamukuru ya « Mupaka Shamba Letu», ari yo « kugira uruhare muri sosiyete irushaho kudaheza, ubusabane buteye imbere n'amahoro arambye mu karere k'ibiyaga Bigari bya Afurika ». Umushinga wibanda ku kongerera imbaraga uruhare abagore b'abacuruzi batuye hafi y'imipaka bashobora kugira binyuze mu bucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka, mu korohereza ubwumvikane hagati y'imiryango yabo. Ikindi igamije na none ni ukongerera ubushobozi/kubaka ubushobozi abacuruzikazi baciriritse bo mu bice byegereye imipaka ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda ndetse n'u Burundi mu rwego rwo kongera kwibaza uburyo impinduka zijyanye n'uburinganire, zigira uruhare mu makimbirane mu miryango yabo cyane cyane muri kariya karere, ndetse bakaba bakifashisha ubushobozi bafite mu guteza imbere imibanire myiza n'ubutwererane muri ako karere.

Ni ngombwa cyane gusobanukirwa imbaraga z'amakimbirane niba dushaka guha imbaraga no guteza imbere imibanire myiza, amahoro mu ngo n'imiryango y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka. Uburinganire bugize ingingo y'ingenzi mu gushimangira amahoro. Uburinganire ni kimwe mu bintu bigira uruhare mu guhindura mu buryo bwiza cyangwa bubi, ubushobozi bwa sosiyete mu gucunga no gukemura amakimbirane bitabaye ngombwa ko hakoreshwa guhutaza. Byashoboka guteza imbere imibereho y'abaturage hitawe ku buriringanire mu gushakisha kubaka no gushimangira amahoro. Amahoro aganza iyo abantu bakumiriye bakanakemura amakimbirane nta guhutaza kandi bakagira uruhare mu mpinduka rusange zidaheza kandi zigateza imbere ireme ry'ubuzima kuri bese. Igitekerezo cy'amahoro « meza » kandi arambye ntiharimo gusa gukemura makimbirane mu buryo bwubaka ahubwo harimo no gushyiraho ibigo rusange byigisha amahoro kandi bikanafasha guha imbaraga imibereho myiza bwite rusange, mu rwego rwa politike n'ubukungu tuvuze ibyo.

Iyi nsanganyamatsiko ifite intego ebyiri. Iya mbere ni ugutuma abahugurwa barushaho kumva mu buryo bwimbitse imbaraga z'amakimbirane amakimbirane mu rwego rwo gushimangira amahoro n'impamvu uburinganire ari ngombwa mu kubaka amahoro arambye. Le second est d'aider les participants à analyser les dynamiques des conflits et de paix au moyen d'un langage simple et adapté à leurs contextes spécifiques et à devenir des acteurs capables d'influencer les processus de cohésion sociale dans les ménages et auprès des acteurs au niveau transfrontalier, local et régional. Iya kabiri ni ugufasha abahugurwa gusesengura amakimbirane n'amahoro hifashishijwe ururimi rworoshye kandi ruhuye n'imibereho yabo yihariye no guhinduka abantu bashobora kugira uruhare mu nzira y'imibanire myiza rusange mu ngo ndetse no mu baturage baturiyeye imipaka, imbere mu gihugu ndetse no mu karere.

Iyi nsanganyamatsiko igabanyijemo ibiganiri bitandatu bizatuma abitabiriye bashobora:

- Gusobanura neza icyo ari cyo amakimbirane, ihohoterwa, amahoro n'imibanire myiza.
- Kumenya ubwoko bw'amakimbirane n'impamvu yayo mu rwego rw'ubucuruzi buciriritse mu duce twambukiranya imipaka ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi.
- Gusobanura no gukoresha ibikoresho byo gusesengura amakimbirane.
- Gusobanura inzego z'ugukura kw'amakimbirane.
- Kumenya ingamba zo gukemura amakimbirane hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo ku ruhande rumwe, no ku rundi ruhande hagati ya kominote zitan dukanye zituye ku mipaka hagati ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi ku.
- Gutegura gahunda yakwifashishwa bikorwa nyuma y'uko habaye amakimbirane.

Incamake y'ibiganiro n'itego:

Ibiganiro	Intego
Ikiganiro 4.1: Gutegura uburyo bumwe bwo gusobanura amakimbirane	Gusobanura amakimbirane icyo ari cyo, ihohoterwa n'amahoro, no kumva ko amakimbirane adasobanuye urugomo. ²
Ikiganiro 4.2: Ihohoterwa rigaragara n'iritagaragara	Kumva ko ihohoterwa rishobora gusumba imyitwarire igaragara. ³
Ikiganiro 4.3: Uruhare rw'amakimbirane mu matsinda y'abanyanteye nke	Kwiga ku ruhare rw'amakimbirane mu matsinda y'abanyanteye nke. ⁴
Ikiganiro 4.4: Mpandeshatu y'amakimbirane (igice cya mbere)	Kwiga imyitwarire, n'imiterere y'amakimbirane mu buryo bwimbitse. ⁵
Ikiganiro 4.5: Mpandeshatu y'amakimbirane (igice cya kabiri)	Kwiga imyitwarire, n'imiterere y'amakimbirane mu buryo burambuye (ibikurikira). ⁶

- Cette activité peut servir de guide, mais devra être adaptée : CAMP and Saferworld Training of trainers manual: Transforming conflict and building peace. P. 18-19. (Document PDF)
- Cette activité peut servir de guide, mais devra être adaptée : CAMP and Saferworld Training of trainers manual: Transforming conflict and building peace. P. 21. (Document PDF)
- Cette activité peut servir de guide, mais devra être adaptée : FAO. Conflict Management over Natural Resources Capacity Building Program under the Community-Based Rural Development Project (CBRDP) (Government of Ghana-World Bank). Session 4: Implications of conflict for vulnerable groups. P. 7. <http://www.fao.org/3/a-ag864e.pdf>
- Cette activité peut servir de guide, mais devra être adaptée : CAMP and Saferworld Training of trainers manual: Transforming conflict and building peace. P. 25. (Document PDF). Voir aussi ce site en français : triangle des conflits https://learn.tearfund.org/fr-FR/resources/publications/footsteps/footsteps_91-100/footsteps_92/abc_of_conflict_analysis/
- Cette activité peut servir de guide, mais devra être adaptée : CAMP and Saferworld Training of trainers manual: Transforming conflict and building peace. P. 25. (Document PDF). Voir aussi ce site en français : triangle des conflits https://learn.tearfund.org/fr-FR/resources/publications/footsteps/footsteps_91-100/footsteps_92/abc_of_conflict_analysis/

Ikiganiro 4.1 : Gutegura uburyo bumwe bwo gusobanura amakimbirane

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha abiri
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gusobanura amakimbirane icyo ari cyo, ihohoterwa n'amahoro, no kumva ko amakimbirane adasobanura urugomo buri gihe.
 - Kwinjiza abahugurwa mu kugira imvugo imwe mu rwego rwo gutekerereza hamwe uko tubayeho, no kudufasha gutekerereza ku makimbirane n'urugomo bibera mu mpande zacu.
 - Kwigira gusesengura mu buryo bunononsoye imibereho yacu no kumenya guhitamo neza ibikorwa byo kushyigikira imibanire myiza hagati y'abaturage bo muri Kongo, mu Rwanda no mu Burundi.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abataje.
- Kwibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no kubaza abahugurwa kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize.
- Gutangaza ko ikiganiro cy'uyu muni kiza kuba umwitoto uhamagarira buri wese ku kumeya iby'ibanze mu isesengura ku byo abagore n'abagabo bashobora gukora, no kwiga ku buryo bwo kwitwara kugirango wumve imibanire irimo amakimbirane n'urugomo.

2. Amakimbirane, imidugararo n'amahoro: kumva no kumenya ibiranga amakimbirane mu bucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka hagati y'abagore babukora n'abagabo babo, hamwe ndetse no muri kominote zegereye imipaka ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi.

Iminota 100

Intego: Gusobanura amakimbirane, urugomo n'amahoro, no kumva ko amakimbirane adasobanura urugomo igihe cyose.

Ibikoresho: Flip charts, amakaramu yo guha abitabiriye

Uburyo bwo gutanga ikiganiro: Kuganirira hamwe bikurikiwe n'amabwiriza atangiwe hamwe.

Icyitonderwa: Umufashamyumvire n'umukangurambaga bagomba gufasha itsinda basoma cyangwa basobanura ibibazo kuko bishoboka ko abagore benshi batazi gusoma no kwandika.

Imigendekere:

Kumanika urupapuro muzaba mwanditseho neza intego z'ikiganiro 4.1. **(Kubiganiraho n'abafatanyabikorwa ba Alert kuko byaterwa n'ubwego abitabiriye bajijutseho).**

Intambwe ya 1. Umwitozo: Gutegura imvugo imwe ku amakimbirane, imidugararo ndeste n'amahoro.

Mu gihe kingana n'iminota 30, kangura abahugurwa. Manika flipchart igabanyijemo ibice bitatu (icyambere kikitwa "amakimbirane", icya kabiri kikitwa "Violence" hanyuma icya gatatu cyikitwa "Amahoro"). Niba abitabiriye bese batazi gusoma no kwandika, abafashamyumvire babo bashobora kwandika.

Umwitozo wo gutekereza 1. Gusaba abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka cyangwa abagabo babo gutekereza, noneho kubabaza ikibazo gikurikira: iyo mvuze ijambo « amakimbirane » ni iki gihita kibaza mu mutwe? Nta kubivugaho, kwandika amagambo n'interuro z'abitabiriye ku rupapuro.

Umwitozo wo gutekereza 2. Gusaba abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka cyangwa abagabo babo gutekereza hanyuma kubabaza ikibazo gikurikira: iyo mvuje ijambo "Imidugararo" ni iki kibaza mu mutwe? Nta kubivugaho, kwandika amagambo n'interuro z'abitabiriye ku rupapuro.

Umwitozo wo gutekereza 3. Gusaba abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka cyangwa abagabo babo gutekereza hanyuma babaze ikibazo gikurikira iyo mvuje ijambo "Amahoro" ni iki kibaza mu mutwe? Nta kubivugaho, kwandika amagambo n'interuro z'abitabiriye ku rupapuro.

Washishije ibyo abahugurwa bavuze, mu ncamake shimangira ko amakimbirane n'urugomo bifatwa ku buryo butandukanye. Shyira ahagaragara amagambo n'interuro ashobora gusobanura icyarimwe amakimbirane yangiza n'amakimbirane atangiza icyarimwe.

Sobanura ko ari ngombwa gutandukanya mu myumvire yacu amakimbirane n'urugomo. Ibiganiro bizakurikira bizibanda kuri iki kibazo.

Sobanura ko uyu muni mugiyeye kwibanda ku gusobanura amakimbirane, ko mu kiganiro kizakurikira muzavugaga rugomo no ku mahoro.

- Kubaza abitabiriye gusobanura uko bumva icyo amakimbirane ari cyo. Andika ku kibaho ibisubizo byatanze n'abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka cyangwa abagabo babo.
- Hanyuma, tanga igisobanuro cy'amakimbirane (mu kucyandika ku kibaho uko cyatanze mu ifishi yo kwifashisha cyangwa mu nama zahawe abafashamyumvire hano hasi).

Amakimbirane ni ugutandukana kw'ibitekerezo ku bihe runaka, bikaviramo gucika intege kuri buri rumwe mu mpande zombi, bityo bikabangamira urwego rusanzwe rw'ubufatanye kugira ngo tugere ku ntego zihuriweho. Amakimbirane yumvikana nk'ikibazo cyangwa ukudahuza bitewe n'ukutabona kimwe kugaragara cyangwa kutagaragara kw'ibikenewe, indangagaciro ndetse n'inyungu.

Intambwe ya 2. Mu gukusanya ibitekerezo, umufashamyumvire abaza abitabiriye gusangira ubunararibonye bwabo ku makimbirane ajyanye n'ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka, hagati y'abagore babukora n'abagabo babo ndetse no mu rwego mpuzamipaka no muri kominote zegereye imipaka ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n' u Burundi. Mu ncamake, umufashamyumvire yuzuzura ibyavuzwe n'abitabiriye akoresheje ingero nke kubera ko ari umwe mu bagize itsinda ry'ikiganiro.

Intambwe ya 3. Umufashamyumvire agabanya abitabiriye mu matsinda 3 yo gukoreramo mu gihe kingana n'iminota 30 akanabaha amabwiriza ngenderwaho. Duhereye ku ngero z'amakimbirane tumaze kubona no ku bunararibonye bwanyu bwite:

- Mwerekane amoko atandukanye y'amakimbirane n'impamvu ziyatera.
- Muganire kandi mwerekane niba ayo makimbirane mwabonye ari meza cyangwa mabi n'impamvu y'igisobanuro cyanyu.
- Menyekanisha inzego amakimbirane agaragaramo (mu muryango, ku muntu, mu baturage, hagati y'ibihugu, etc?)

Intambwe ya 4. Ikiganiro rusange: Buri tsinda risangiza abandi ibyo ryakoze. Ibyavuyemo bikagirwaho impaka n'abandi bose. Umufashamyumvire akora incamake y'igikorwa cyakozwe akanayobora abahugurwa mu kumva kimwe ingingo z'ingenzi.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu munsu n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu munsu.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku « midugararo/ihohoterwa rigaragara n'iritagaragara » n'uko ingaruka z'amakimbirane mu buzima bwacu bwa buri munsu zizigwaho mu buryo burambuye.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Icyitonderwa ku bafashamyumvire:

Ibiranga amakimbirane ku rwego rw'ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka.

Ibisobanuro:

Hari ibisobanuro byinshi washyira ku ijamba amakimbirane. Amakimbirane, ni ukutavuga rumwe ku bintu bitewe n'ibyaribyho, uko kutavuga rumwe gutera kutanyurwa kwa kimwe mu bice bibiri, bigatuma ubwumvikane n'ubusabane bwari busanzwe ku bw'inyungu rusange butagenda neza. Amakimbirane yumvikana nk'ibazo cyangwa ukudahuza bitewe n'ukutabona kimwe kugaragara cyangwa kutagaragara kw'ibikenewe, indangagaciro ndetse n'inyungu.

Ubucuruzi buciritse mu duce mpuzamipaka ya republika Iharanira Demokarasi ya Kono, u Rwanda n'u Burundi bushobora gukurura amakimbirane ajyanye n'inyungu kubera uguhangana ku janyanye n'ikoreshwa ry' umutungo kamere cyangwa icungwa ryawo cyangwa ku ukutumva kimwe uko bagera ku ntego. Atwo duce mpuzamipaka twahuye kandi turacyahura n'imidugararo, amakimbirane akoresheje intwari, amakimbirane mu by'ubukungu, politike n'imbonezambano.

Abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka cyangwa abagabo babo bashobora kumenyekanisha ubwoko bw'amakimbirane n'urugomo bahura nabwo mu buzima bwabo bwa buri munsu. Bakanasobanura uburyo ayo makimbirane avuka na ba nyirabayazana bayo.

Ingero z'ubwoko bw'amakimbirane aboneka cyane ayan n'ubucuruzi buciritse twavugaga (gutangwa hakurikijwe, uduce, ibihugu n'uduce mpuzamipaka):

- Arebana n'amabwiriza n'amategeko (amategeko y'imbere mu gihugu, amategeko na politikes byo mu karere, forodem ruswa).
- Amakimbirane hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka n'inzego zo ku mipaka.
- Amakimbirane hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo.
- Amakimbirane hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka n'abayobozi b'amasoko yo mu gihugu.
- Amakimbirane hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka n'abayobozi b'amasoko yo mu gihugu.
- Amakimbirane ajyanye n'ubutaka cyangwa ibyanya/ ibibanza/ amaseta by'aho bacururiza.

Twibukiranye ko:

- “Nta sosiyete itagira amakimbirane”, sosiyete itagira amakimbirane ntibaho...
- Igihe cyose hazabaho imihari ituranye, ibana kandi ifitanye imikoranye, bizashoboka ko hari ibyo batazumva kimwe, ari byo byatera intambwe ya mbere iganisha ku makimbirane anyuranye kuva ku yoroheje mu mvugo kugeza ku rugomo.
- Amakimbirane ni ibintu biba mu buzima busanzwe kandi siko buri gihe asenya. Amakimbirane yose ntaganisha ku rugomo. Buriya, buri sosiyete igizwe n’amatsinda y’abantu bafite indangagaciro, inyungu n’intego bidashobora guhura byanze bikunze kuri bese.
- Amakimbirane ahinduka ikibazo iyo abantu/ amatsinda bahisemo kugera ku ntego zabo bifashishije imidugararo cyangwa ingufu.
- Guhakana cyangwa kwanga amakimbirane nibyo bituma akura kandi akagira ubukana.
- Gusobanura na none ko amakimbirane amwe n’amwe ashobora gushingira ku hyo dutekereza undi ashaka cyangwa yenda kugeraho.
- Amakimbirane afite urwego rw’imibereho n’umuco n’ubukungu, imbaraga zikomeye zo gusenya no kubaka bityo bikaba bishobora kubyara igisubizo mu mibereho-umuco, ubukungu n’ibidukikije.
- Ku bw’ibyo, iyo icyizere no gutumanaho bikozwe nabi, hari ibisubizo byinshi bishoboka, byaba biboneye cyangwa bitaboneye, ku « wundi » bishobora kuvuka.

Ni ngombwa kumva amakimbirane no kugerageza kuyakemura mu buryo bwose bwubaka. Ikemura ry’amakimbirane ryifashisha imyumvire igaragara kandi yuzuye y’amakimbirane ubwayo. **“Ni ngombwa kwiga uko wamenya amakimbirane, kuyabamo no kuyakemura mu buryo bwose bushoboka.”**

Ikiganiro 4.2 : Guteza imbere imvugo imwe no gusobanura urugomo n'amahoro.

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Kwinjiza imyumvire ihuye ku bijyanye n'urugomo.
 - Kumva ko urugomo rushobora gusumba imyitwarire igaragara.⁷

1. Intangiriro

Iminota 10

- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abataje.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no ubaza abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize.
- Tangaza ko ikiganiro cy'umunsi kiza kuvuga ku makimbirane no ku mahoro.
- Shimangira ko iki kiganiro kiza kwibanda ku masano ari hagati y'amakimbirane n'urugomo no gushaka uburyo bwo kuyamenya no kuyasesengura.

2. Igisobanuro cy' imidugararo n'amahoro: kumva no kumenya ibiranga urugomo mu bucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka hagati y'abagore babukora n'abagabo babo, hamwe ndetse no muri kominote

Iminota 100

Intego: Nyuma y'iki kiganiro abahugurwa bagomba kuba bashobora kumva no gusesengura neza urugomo n'amahoro.

Ibikoresho: Flip charts, amakaramu agenewe abotabiriye.

Uburyo bwo gutanga ikiganiro: Igikorwa gihuriweho gikurikiwe n'amabwiriza rusange.

Bitewe n'igihe gito mufite, use nk'uwiharira ijamba unayobore ibiganiro.

Imigendekere:

- Kumanika ikibaho muzaba mwanditseho intego z'ikiganiro 4.2 (ni ngombwa cyane)

7. Cette activité peut servir de guide, mais devra être adaptée: CAMP and Saferworld Training of trainers manual: Transforming conflict and building peace. P. 21. (Document PDF)

Intambwe ya 2. Umwitozo: gutegura imvugo imwe ku bijyanye n'urugomo n'amahoro (iminota 10).

Umwitozo wo gutekereza 1.

- Baza abagore bakora ubucuruzi bucirirtse bwambuka imipaka cyangwa abagabo babo gutekereza no kureba ibibabaho mu buzima bwa buri musu, babaze ikibazo gikurikira: ni iki gihita kiza mu mutwe iyo mbabwiye ijamba "urugomo"? utagize icyo uvuga, andika amagambo n'interuro by'abitabiriye ku rupapuro.
- Na none baza ikibazo gikurikira: ni iki gihita kiza mu mutwe iyo mbabwiye "amahoro"? utagize icyo ubivugaho andika amagambo n'interuro z'abitabiriye ku rupapuro.
- Washishije ibyo abahugurwa bavuze, mu ncamake shimangira ko urugomo rushobora kumvwa ku buryo butandukanye.
- Shyira ahagaragara amagambo n'interuro bishobora gusobanura icyarimwe amakimbirane yangiza n'amakimbirane atangiza.

Mu minota mike mubiganireho mutagiye kure.

Mu gusoza, tanga igisobanuro cy'urugomo:

Les violences sont des actions, des mots, des attitudes, des structures ou bien des systèmes qui provoquent des dommages ni ibikorwa, amagambo, imyitwarire, cyangwa imikorere runaka ishoboragutuma habaho kwangirika kw'ibintu n'imibereho rusange bikaba byabuza abaturage kugera ku byifuzo byabo bisesuye nk'abantu.

Bwira abahugurwa ko muribuze kongera kuvuga ku gisobanuro cy'amahoro.

Intambwe ya 2. ((iminota 15 yo gukorera mu matsinda, iminota 15 yo kuganirira hamwe).

Umufashamyumvire asaba abahugurwa gufunga amaso no kugerageza kwibuka (ibya kera cyangwa vuba) no kuvuga inkuru bazi ku makimbirane n'urugomo.

- Saba abahugurwa gufungura amaso no ubabaze niba hari inkuru imwe bibutse ijyanye n'amakimbirane cyangwa urugomo yaba yarababaye ubwabo cyangwa yarabaye aho batuye.
- Kugabanya abahugurwa mu matsinda:

1. Saba itsinda rya mbere kwemeza cyangwa guhakana interuro zikurikira (uba wazanditse mbere ku rupapuro):

- Abibasirwa n'urugomo ni abantu bafite intege nke.
- Urugomo rukorerwa ku umubiri nirwo rukomeye kurusha urugomo rukozwe mu magambo.
- Kuba hariho amabwiriza ry'imbere agenga isoko ryambukiranya imipaka byatuma urugomo n'itotezwa bivaho.
- Kuba umugore ukora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka bishobora kubuza kugira uruhare rugaragara mu buzima rusange (bujyanye n'ubukungu na politike).

2. Saba itsinda rya kabiri kwemeza cyangwa guhakana interiuro zikurikira:

- Abantu bagira amakare ntibashobora gutsinda uburakari bwabo, urugomo ni ugutakaza mu gihe runaka ukwiyu mangaya.
- Umugore ukora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka ariko butagenda neza aba afite ibyago byinshi byo kwibasirwa n'urugomo.
- Isebanya n'ibihuha si ubwoko bw'urugomo.
- Birohoheje gusebya umuntu ukoreshye imbuga nkoranyambaga (facebook, whatsapp) kurusha kumusebya imbonankubone.
- Gusaba amatsinda gusubiza na NIBYO cyangwa SIBYO no gutanga byibuze impamvu eshatu kuri buri gisubizo, byose mu gihe kingana n'iminota 15.
- Ku mpera z'igihe cyatanzwe, tangirira ku itsinda rya mbere, batumire batange ibisubizo babonye n'impamvu kuri buri nteruro. Saba irindi tisnda kugira icyo ribivugaho.
- Ita ku gutanga igisubizo kuri buri nteruro mbere yo kujya ku ikurikira (kureba icyitonderwa cyagenewe umufash-

amyumvire.

- Saba amatsinda gushakisha ubwoko bunyuranye bw'urugomo bwavuzwe muri buri nteruro, nk'urugomo rw'amarangamutima/ mu mutwe, urugomo rukorerwa umubiri, ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa mu by'ubukungu.

Sobanura ko muri buze kugaruka ku gisobanuro cy'amahoro. Abafashamyumvire batanga igisobanuro (mu nyandiko zabo). Sigaza iminota 30 yo kuganira ku gisobanuro unabaze itsinda:

- Mutekereza iki kuri iki gisobanuro?
- Ninde wampa ingero y'amahoro mabi n'amahoro meza?
- Kubera iki ari ngombwa kugira amahoro meza?
- Ni gute uburinganire bwafasha mu kubona amahoro meza?

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku ngaruka z'amakimbirane ku matsinda y'abatishoboye no kuziga byum-bitse ingaruka z'amakimbirane mu buzima bwacu bwa buri muni.
- Hanyuma, kubibutsa itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Icyitonderwa ku bafashamyumvire:

Itondere gutanga igisubizo nyacyo kuri buri nteruro mbere yo kujya ku yindi. Niba ubyifuzaga ushobora gusoma igisubizo nyacyo kugirango umenye neza ko abitabiriye babyumvise neza.

ITSINDA RYA 1:

1. Abibasirwa n'urugomo ni abantu bafite intege nke – SIBYO

Nta byiciro byihariye by'abantu bagenewe kwibasirwa n'urugomo cyangwa ihohoterwa: ibi bishobora kuba kuri buri wese. Abantu bafite imbaraga bashobora guhohoterwa kubera ko ari bashya ku isoko mpuzamipaka, cyangwa muri ako gace, mu gikorwa cy'ubucuruzi buciritse bwambukiranyaga imipaka, cyangwa mu kigo runaka, iyo badafite inshuti cyangwa urugaga bakiyambaza, cyangwa nta mukozi utanga serivisi zo ku mupaka uhari kugirango abarinde. Bashobora kwibasirwa kubera imyemerere nyobokamana yabo cyangwa kubera ko batandukanyaga. Gusa na none nta rwitwazo na rumwe rushobora gusobanura ko umuntu yahohoterwa mu buryo ubwaribwo bwose. Umuntu ku giti cye niwe wihitiramo gukora urugomo.

2. Urugomo rukorerwa umubiri rukomeye kurusha urugomo rwo mu magambo – SIBYO

Urugomo rwo mu magambo narwo rushobora gusenya no gutera ubwoba nk'urugomo rukorerwa umubiri. Gucishya bugufi buri muni cyangwa kubangamira umuntu bishobora gutera ihungabana ryo mu mutwe no mu mbamutima, byakwangiza cyane imibereho myiza y'umuntu, kimwe n'urugomo rukorerwa umubiri.

3. Kuba hariho ibwiriza ry'imbere rigenga isoko ryambukiranyaga imipaka ryatuma urugomo n'itotezwa bivaho – SIBYO

N'ubwo itegeko ry'imbere ryamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina, birashoboka ko abagore bese bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranyaga imipaka cyangwa abagabo babo, batarizi. Muri icyo gihe hashobora guteganywa ibiganiro byo gukangura no gutanga amakuru kuri iryo tegeko, cyangwa hakabaho iyamamazwa rigamije gushyiraho ibwiriza rijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

4. Kuba umugore bishobora kubangamira kugira uruhare mu buzima busanzwe (nk'ubuzima bwa politike n'ubukungu) – NIBYO

Abantu benshi barakara siko bakemura ibibazo byabo mu mahane. Abantu bagira amahane cyangwa amakare bashobora kwitsinda: bahitamo gushyira mu gaciro cyangwa kugengwa n'uburakari bwabo, banahitamo abo bibasira.

ITSINDA RYA 2:

1. Abantu bagira amahane ntibashobora gutsinda uburakari bwabo, urugomo ni ugutakaza igihe runaka ukwiyumangay – SIBYO

Abantu benshi barakara siko bakemura ibibazo byabo mu mahane. Abantu bagira amahane cyangwa amakare bashobora kwitsinda: bahitamo gushyira mu gaciro cyangwa kugengwa n'uburakari bwabo, banahitamo abo bibasira.

2. Umugore ukora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka ariko butagenda neza aba afite ibyago byinshi byo kwibasirwa n'urugomo – NIBYO

Abantu bafite ububasha bwo hejuru cyane cyane akuriye abandi, abakozi batanga serivisi zo ku mipaka, abakozi bo mu nzego z'ibanze, abayobozi ba komite z'amasoko, bashobora kwitwaza ibibazo by'amikoro n'ubujiji bw'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bakabafatirana.

Muri za kaminuza, hari inyandiko nyinshi zivuga ku itotezwa n'urugomo rushingiye ku gitsina ryakorewe abarimu, abayobozi b'amasomo, n'abandi, bijejwe ibisubizo byiza. No mu bucuruzi bwambukiranya imipaka habaho ibibazo nk'ibyo byamenyekanishijwe cyangwa se bititaweho bijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryakorewe abagore bakora ubucuruzi buciriritse, barikorewe n'abakozi batandukanye ba serivisi za leta n'abagize komite z'amasoko, babijeje ko bazabarinda cyangwa bazaborohereza kubona serivisi runaka ku mipaka.

3. Isebanya n'ibihuha si ubwoko bw'urugomo – SIBYO

Gukwirakwiza ibihuha n'isebanya byashyirwa mu ihohoterwa ryo mu mutwe kandi rishobora kugira ingaruka z'igihe kirekire ku mibereho myiza mu marangamutima no mu mutwe w'abarikorerwa. Bishobora na none kugira ingaruka zikomeye ku mibanire myiza hagati y'abagore bakora ubucuruzi bwambukiranya imipaka n'abaturage baba mu bice bitandukanye byegereye imipaka ya Repubilika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi.

4. Biroroshye guseka/gusebya umuntu ukoreshye imbuga nkoranyambaga (facebook, whatsapp) kurusha imbonankubone – SIBYO

Kwibasirwa n'ibitutsi binyuze mu ikoranabuhanga (SMS, e-mails cyangwa imbugankoranyambaga) nabyo ni ibintu bikomeye kimwe no kwibasirwa nabyo imbonankubone.

IGISOBANURO CY'AMAHORO

Igisobanuro cy'amahoro meza.

Amahoro meza ni amahoro ayariyo yose asobanuwe uko "ari":

Bivuzwe mu mvugo yoroheje, ni ukubaho k'umudendezo. Ijambo amahoro meza n'amabi ryavuye ku mwanditsi w'umunyanoruveji witwa Johann Galtung (1970).

Amahoro meza ni imisusire y'ahari "ububanyi, ubuzima butagita ubwoba, butagira icyo bubuze kandi budakoreshwa nabi, ugukura n'iterambere ry'ubukungu, uburinganire n'ubutabera, ubwisanzure kandi niyo haba amakimbirane yaba nta ngufu afite."

Amahoro mabi**Kubura kw’:**

- intambara
- imidugararo
- ikandamizwa

Abaweho nka...

imimerere idashamaje, idahinduka

- kubura imisemburo
- gusabwa guhora witonze
- kumva umeze nk’uboshye

kwiteza imbere gake

- kushidikanya gukorera imbere hazaza
- umubano ututumbye kandi uhangayikishije
- guhatana hagati ya bose
- amarangamutima make ya kimuntu

dangereuse, inquietante ateye inkeke no guhangayika

- imimerere idafatika, yoroheje
- kurwanira intwara

Kutizera ejo hazaza**Amahoro meza****Kuba hari:**

- umutuzo, ubwumvikane, kumererwa neza
- umutekano, ukutabera
- umubano uhamye mu bantu
- ugusangira kw’indangagaciro
- amarangamutima ya kimuntu ahuriweho
- imbaraga zishingiye ku “muco w’amahoro”

Abaweho nka ...

imimerere ishimishije kandi ihoraho

- ashamaje- gushaka ibisubizo / amakimbirane
- ubushobozi bwo kwihesha agaciro
- ubwisanzure bwo guhimba, gukora mugihe

Ateye imbere kandi yubashywe

- imimerere ifasha kuba wakora
- umubano urangwa n’ubwubahane magirirane
- umubano ushingiyeye ku biganiro n’ubufatanye
- amarangamutima ya kimuntu ahuriweho

Atanga imimerere yuzuye

- imimerere irambye, ikomeye
- ishoramari riharanira imibereho myiza

Icyizere cy’ejo hazaza

Ikiganiro 4.3 : Ingaruka z'amakimbirane ku matsinda y'abanyanteye nke

- **IGIHE CYAGENWE:** amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka cyangwa/n'abagabo babo (batandukanye)
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ikiganiro, amakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Kwiga ingaruka z'amakimbirane ku matsinda y'abanyanteye nke.
 - Kumenya neza ingaruka z'amakimbirane ku baturage.
 - Abitabiriye babasha kumva neza ingaruka z'amakimbirane bishyize mu mwanya w'abahohotewe.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Akira abagore bakora ubucuruzi buciritse mpuzamipaka cyangwa/abagabo babo mu kiganiro gishya kandi ubashimire ubwitabire bwabo.
- Baza amakuru ku bakererewe cyangwa abasibye.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabane usaba abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyaganiriweho ubushize.
- Tangaza ko ikiganiro cy'umunsi kiza kwibanda ku biganiriro mpaka ku ngaruka z'amakimbirane ku banyanteye nke n'uko tuza gusesengura byimbitse ingaruka z'amakimbirane ku buzima bwacu bwa buri munsi.
- Shimangira ko ikiganiro cy'uyu munsi kiza kwibanda mu gushaka amasano ari hagato y'amakimbirane n'urugomo no gushaka uburyo bwo kuyasesengura.

2. Ingaruka z'amakimbirane ku matsinda y'abanyanteye nke, kuri kominote no kuri sosiyete muri rusange mu bice byegereye imipaka ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi.

Iminota 100

Intego: Nyuma y'ikiganiro, abitabiriye:

- Baraba bumva neza, bazi no gusesengura uburemere bushingiye ku muco ndetse n'ingaruka z'amakimbirane ku matsinda y'abanyanteye nke n'uburyo buboneye bwo kubarinda.
- Bazaba bumva kurushaho amatsinda y'abanyanteye nke zijyanye n'ingaruka zishoboka z'amakimbirane.

Ibikoresho: Ntabwo.

Imigendekere: Kumanika cintego z'ikiganiro 4.3 ku kibaho cya flipshart.

Intambwe ya 1: Kuganira

- Mu gihe cy'iminota 10, saba abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka cyangwa/n'abagabo babo kurondora ingeri cyangwa amatsinda y'abanyanteye nke babona iruhande rwabo:
 - Mu bikorwa byabo by'ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka.
 - Aho batuye cyangwa muri sosiyete muri rusange.
 - Mu ngo zabo.

- Ibisubizo bishoboka byaba: abafite ubumuga, abasaza, abagore batwite, abana, abakobwa babyariye iwabo, abatazi gusoma no kwandika, abashumba/aborozi, urubyiruko, abahejewe inyuma n'amateka/amoko, imfubyi, abafite ubumuga rw'uruho, abanyamahanga bishingiye ku matsinda y'amoko, impunzi, abavuye ku rugerero cyangwa abasubijwe mu buzima busanzwe, n'abandi.
- Abafashamyumvire bashobora kuzuzanya ibyo bagaragaza izindi ngeri z'ingenzi mu itsinda ry'ikiganiro. Mugihe habayeho kutumvikana ku biryanye n'ingeri z'abanyanteye nke, baza ibintu bigaragaza ko umuntu ari umunyanteye nke.
- Bahereye ku bunararibonye bwabo bwite, saba abitabiriye gutanga ingero z'ibintu bidasanzwe amatsinda y'abanyanteye nke ashobora guhura nabyo.
- Andika ibyo abitabiriye batanze nk'ibitekerezo, nta kubivugaho ako kanya.

Umwitoto 2: Udukino

- Sobanura ko mugiyeye gukora udukino no kugabanya itsinda mo udutsinda 3 duto (cyangwa menshi niba ari ngombwa)
- Sobanura ko buri tsinda riza gutegura agakino gafite amabwiriza akurikira: gutanga urugero rw'amakimbirane agararamo byibuzwe abantu batatu b'abanyanteye nke.
- Amatsinda agabanyijye mu buryo bukurikira:
 - *Itsinda 1: Amakimbirane mu bikorwa by'ubucuruzi buciriritse bwambukiranyaga imipaka.*
 - *Itsinda rya 2: amakimbirane aho batuye cyangwa muri sosiyete muri rusange.*
 - *Itsinda 3: amakimbirane mu muryango wabo.*
- Bahe iminota 10 yo gutegura umukino mugufi (utarengaje iminota 3).
- Bahurize hamwe bese noneho usabe itsinda rya mbere gukina imbere y'abandi.
- Baza abasigaye:
 - *Amakimbirane yari ayahe?*
 - *Ni abahe banyanteye nke bari muri kariya gakino? Ni nde wari uri ku butegetsi?*
 - *Ni gute amakimbirane yagize ingaruka ku banyanteye nke?*
 - *Ese yabagizeho ingaruka ku buryo bumwe cyangwa butandukanye? niba butandukanye ni ukubera iki? (igitsina cyabo, imyaka yabo, urwego rwabo rw'ubukungu?)*
 - *Mutekereza ko abanyanteye nke bumvise bamereye bate?*
 - *Ese aka gakino karangira mu buhe buryo bw'amahoro?*
- Notez les normes sociales positives à conserver, les normes sociales négatives à changer et rejeter ainsi que les responsabilités des acteurs du changement. Andika amabwiriza meza mbonezamubano yagumaho, amabwiriza rusange mabi yahindurwa kandi yakwamaganwa, n'abafite inshingano nini muri izo mpinduka.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku "mpande eshatu z'amakimbirane" n'uko tuzasesengura byimbitse imyifatire, imyitwarire n'imiterere bifitanye isano n'amakimbirane mu buzima bwacu bwa buri muni.
- Hanyuma, kubibutsa itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no ubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Icyitonderwa ku bafashamyumvire:

Garagaza ko iki kiganiro kigamije gukangurira abantu kumenya ko amakimbirane asiga abakomeretse; ibyiciro by'abanyantegere nke nibo bakunze kwibasirwa kandi nibo bakeneye kwitabwaho no kurindwa.

Ibutsa buri wese mu bitabiriye amahugurwa gutekereza ku mibereho ya buri muni y'abantu cyangwa ibyiciro by'abantu bibasiwe cyane n'amakimbirane, kwishyira mu mwanya wabo no gufata ibyemezo. Urugero, kubaha amahirwe yo kumva uko babona amakimbirane. Bashobora kuba ari abana badafite ubukure mu miryango yabo. Ni ngomwa gusesengura uko ibintu bimeze mbere yo gutanga ibisubizo. Ni ikibazo kijyane n'ubutabera, ukuringanira n'ubumuntu. Na none ni ihuriro hagati y'amahoro, amakimbirane n'uburinganire.

Ikiganiro 4.4 : Mpandeshatu y'amakimbirane (igice cy'ama mbere)

- **TEMPS TOTAL:** 2 heures maximum
- **AUDIENCE:** Les femmes petites commerçantes transfrontalières (FPCT) et/ou leurs époux.
- **FACILITATEUR:** 2 facilitateurs formés issus du groupe de dialogue, les animateurs/trices des organisations partenaires.
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Kwiga imyifatire, imyitwarire n'imitereremezo y'amakimbirane mu buryo burambuye.
 - Kwemerera abitabiriye kumva amakimbirane no gusesengura mu buryo burambuye.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Akira abagore bakora ubucuruzi baciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa /n'abagabo babo mu kiganiro gishya kandi unabashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Ibutsa abitabiriye ibyo mwize mu kiganiro gishize, unabababaza kuvuga muncamake ibyavyzwe mbere.
- Babwire ko ikiganiro cy'uyu muni kiri bwibande ku gikoresho byo gusesengura amakimbirane kitwa "mpandeshatu y'amakimbirane".
- Kizibanda ku biganiro abahugurwa bafitemo uruhare mu rwego rwo gushyiraho ifatizo rw'ingeri z'isesengura ry'imyifatire n'imyitwarire yafatwa kugira ngo humvikane isano hagati y'amakimbirane n'urugomo rubakikije.
- Shimangira ko iki kiganiro kizaba gifite intego yo kugaragaza amasano akomeye ari hagati y'amakimbirane n'urugomo ndetse no kubona uburyo bwo kuyasesengura kugirango habeho umudendezo rusange n'amahoro.

2. Isesengura ry'amakimbirane hifashishijwe "mpandeshatu y'amakimbirane"

Iminota 100

Intego: Nyuma y'ikiganiro abitabiriye bagomba kuba bashobora:

- Kumva neza no gusesengura amakimbirane bifashishije "mpandeshatu y'amakimbirane".
- Kumenya ubwoko bw'amakimbirane n'impamvu yayo mu bibakikije bya hafi.

Ibyifashishwa: Flipchart, amakaramu agenewe abitabiriye.

Uburyo bwo gutanga ikiganiro: Igikorwa gihuriweho gikurikiwe n'amabwiriza rusange.


Umufashyumu vire n'umukangurambaga bagomba gushyigikira cyane itsinda, basoma cyangwa basobanura ibibazo kuko bishoboka ko abagore benshi bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka batazi kusoma no kwandika.

Imigendekere:

Kwerekana igikoresho "mpandeshatu y'amakimbirane"

Umufashyumu vire azifashisha igisobanuro gito muri uyu mwitozo, hanyuma hakurikiweho ibiganiro rusange.

- Garagaza ko isesengura riri bukoreshwe rishingiye ku makimbirane kandi ko hariho ibikoresho/ibyakwifashishwa byinshi.
- Sobanura ko muri iki kiganiro, ari mpandeshatu y'amakimbirane idushishikaje, igikoresho rusange cyo gukora isesengura rihamye kandi rirambuye ry'amakimbirane.
- Shushanya ku kibaho mpandeshatu nini, wite buri ruhande rw'iyi mbandeshatu A, B na C.
- Sobanura ko utwo tudomo dusobanuye: A: Attitude (imyifatire), B: Behavior (imyitwarire) na C: Contexte (Imitereremezo).
- Sobanura ko mu gihe cy'amakimbirane, imyitwarire y'urugomo tubona iba afite imizi mu myumvire y'abantu mu rwego rwa politike n'ubukungu. y'amakimbirane ni uburyo bworoshye bwo gushakisha ingaruka n'impamvu zitera amakimbirane. Ibyiza, ni ugushushanya mpandeshatu kuri buri matsinda manini afite uruhare mu makimbirane.



Source : Analyse pratique du conflit, Tearfund Apprentissage, <https://learn.tearfund.org/fr-fr/resources/footsteps/footsteps-91-100/footsteps-92/abc-of-conflict-analysis>, consulté le 10 juin 2021

A: Imyifatire: ibyo dutekereza, ibyo twiyumvira cyangwa twemera- urugero: ubwoba, indangagaciro, imyizerere rusange, inyigisho zijyanye n’umuco n’imigenzo, urwikekwe, ibyo twumva, urwikekwe rubi, inzangano zishingiye ku moko cyangwa ku iyobokamana.

B: Imyitwarire: ibyo tubona urugero imirwano, ubwicanyi, gufata ku ngufu, kutizerana, ivangura. Ingero: imvururu, imyigaragambyo, ibitero by’ibisasu, ifungwa ry’abantu benshi icyarimwe, guhakana uburenganzira bwa muntu.

C: Imitereremezo: inzego zubakiye ku ivangura- nk’urugero amategeko, amabwiriza mbonezamubano (arimo n’uburyo umubano ucungwa mu muryango), za polikike, imigenzereze ijyanye n’umuco. Urugero: ubusumbane mu isaranganya ry’ubutaka, kubura akazi cyangwa amahirwe, ibura ry’umutungo kamere, ubusumbane mu myanya ya politike.

- Nyuma yo kwerekana iyi mpandeshatu, tumira abahugurwa kuguha ingero z’amakimbirane n’impamvu ziyatera.
- Babaze ari ku ruhembe ruhe rwa mpandeshatu bashyira izo ngero batanze.
- Niba abahugurwa batanze ingero zireba uruhembe rwa mpandeshatu, zishyire aho mutekereza zagombye kujya, munasobanure impamvu.
- Baza abahugurwa niba bemera cyangwa batemeranya n’aho urugero rwatanzwe rwashyizwe. Niba mudashobora kuvikana n’abitabiriye, shyira urwo rugero aho abitabiriye bashakira ko rujya uhace umurongo n’akabazo ku rundi ruhembe rwa mpandeshatu aho urwo rugero rwari kujya na none.

- Ereka abahugurwa ukuntu buri ruhembe rwa mpandeshatu rushobora kugira ingaruka ku zindi mpembe.
- Shimangira amahuriro n'imikoranire hagati y'impembe no ku buryo zakongererwa imbaraga. Sobanura ko akazi n'inshingano z'abagize amatsinda y'ibiganiro bishobora kwibanda ku ruhembe rumwe cyangwa ku mpembe zose za mpandeshatu y'amakimbirane.
- Tumira abahugurwa kugaragaza uruhembe rufite ingaruka kuri we, ibikorwa bye. Ibi bishobora gutanga igisobanuro ku mpinduka za ngombwa zifuzwa.
- Usoza ikiganiro shushanya umurongo hagati na hagati muri mpandeshatu, andika hejuru "urugomo rugaragara" no hasi "urugomo rutagaragara".
- Byaba bishishikaje gufotora icyo gikoresho cya mpandeshatu y'amakimbirane no guha buri wese urupapuro rwe (kureba umugereka).

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku "ngaruka z'amakimbirane ku matsina y'abanyantege nke" n'uko tuza-sesengura byimbitse ingaruka z'amakimbirane mu buzima bwacu bwa buri muni.
- Hanyuma, kubibutsa itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no ubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Ikiganiro 4.5 : Mpandeshatu y'amakimbirane (igice cya kabiri)

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ikiganiro, n'abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO CY'IKIGANIRO:**
 - Kwiga imyifatire, imyitwarire n'imitererereze y'amakimbirane mu buryo burambuye.
 - Kwemerera abitabiriye kumva amakimbirane no gusesengura mu buryo burambuye.
 - Gusozza no kwanzura insanganyamatsiko.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa /n'abagabo babo mu kiganiro gishya kandi unabashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Ibutsa abitabiriye ibyo mwize mu kiganiro gishize, unabababaza kuvuga muncamake ibyavyzwe mbere.
- Babwire ko ikiganiro cy'uyu muni kiri bwibande ku gikoresho byo gusesengura amakimbirane kitwa "mpandeshatu y'amakimbirane".
- Shimangira ko iki kiganiro kiza kuvuga na none ku gushyiraho amahuriro yegeranye hagati y'amakimbirane n'umudendezo rusange n'amahoro. Tangaza ko iki kiganiro aricyo cyanyuma cyivuga kuri iyi nsanganyamatsiko "Gusobanukirwa imbaraga z'amakimbirane".

2. Isesengura ry'Makimbirane hakoreshejwe mpandeshatu y'amakimbirane

Iminota 100

Intego: Nyuma y'ikiganiro abitabiriye bagomba kuba bashobora:

- Kumva neza no gusesengura amakimbirane bifashishije "mpandeshatu y'amakimbirane".
- Kumenya ubwoko bw'amakimbirane n'impamvu yayo mu bibakikije bya hafi.
- Gusozza isanganyamatsiko "gusobanukirwa imbaraga z'amakimbirane".

Ibizifashishwa: Ntabwo .

Uburyo bwo gutanga ikiganiro: Igikorwa gihuriweho gikurikiwe n'amabwiriza rusange.

Imigendekere:

- Manika ikibaho wandisteho neza intego z'ikiganiro 4.5 (ni ngombwa).
- Ibutsa abitabiriye igisobanuro cy'amakimbirane, urugomo n'amahoro mugihe kingana n'iminota 10 (abafashamyumvire: reba inyandiko z'ibiganiro bibanza).

Umwitoto: Umukino kuri mpandeshatu y'amakimbirane

- Tanga amabwiriza agendanye n'icyo gukora mu matsinda mato (atarengeje abantu 6 kuri buri tsinda).
- Baza buri tsinda rito ry'abagore bakora ubucuruzi buciriritse cyangwa abagabo babo kwerekana amakimbirane yisubiramo iruhande rwabo kandi afitanye isano n'abagore bakora ubucuruzi buciriritse n'ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka bashobora gusesengura badashyize mu ngorane zakomeretsa umwe mu bagize itsinda ry'ikiganiro cyangwa abandi bantu bo muri kominote.
- Menyeshya abahugurwa ko bafite ubwisanzure mu gukora iki gikorwa no kugitangariza abandi bakoresheje agakino.
- Tanga iminota 10 yo gutegura agakino unabibutse amabwiriza yo kugira ibanga yashyizweho mbere ku bijyanye n'ibikorwa mu itsinda.

- Saba itsinda rya mbere kwerekana agakino kabo (mugihe cyitarengeje iminota 3-5).
- Mu gihe itsinda rya mbere rimaze kwerekana agakino, baza abandi bahugurwa:
 - Ni iyihe myitwarire yaganisha ku makimbirane mwabonye?
 - Ni gute iyo myitwarire igaragara (urugero, kuvuga cyane, urugomo rukorerwa umubiri, urumuri rw’umubiri)?
 - Ni iyihe myifatire yaragaye ku bantu batandukanye barimo?
 - Mwabimenye gute?
 - Ni mu buhe buryo? Ni gute ibi bisobanura imyitwarire n’imyifatire?
 - Mutekereza ko abandi bantu bafite uruhare mu makimbirane bamenye gusesengura imiterere n’imyifatire? Mutekereza ko babyitwayemo neza?
 - Ni gute agakino kari kugenda nta makimbirane? Ni gute karangira mu mahoro?

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni n’ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy’uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku “ngaruka z’amakimbirane ku matsina y’abanyantege nke” n’uko tuza-sesengura byimbitse ingaruka z’amakimbirane mu buzima bwacu bwa buri muni.
- Hanyuma, kubibutsa itariki n’isaha ikiganiro cy’ubutaha kizaberaho no ubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Insanganyamatsiko 5.

Ubuyobozi

Intangiriro

Iyi nsanganyamatsiko ifite intego yo gufasha abagize itsinda ry'ibiganiro kumva neza icyo ubuyobozi buvuze no kongera ubumenyi kuri iyo ngingo. Uko iteguwe bizatuma mbere na mbere abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/n'abagabo babo bagira ubumenyi bufatika mbere yo kumva ubuyobozi icyo ari cyo mu rwego rw'amagambo, kandi bugasesengurwana n'isano bufitanye n'uburinganire.

Rero, mbere na mbere iraza kuvuga ku bumenyi mu itumanaho. Niba itumanaho ryaribanzweho mu nsanganyamatsiko ya 1, ibiganiro bibiri bizakurikira biratanga urukurikirane rw'imyitozo isobanura byimbitse ubwoko butandukanye bw'itumanaho yafasha kurushaho kwigirira ikizero. Turaza na none kuvuga ku bumenyi bwerekeye ku gukorera hamwe, ku gufata icyemezo, kujya impaka ndetse n'ubwoko bw'ubuyobozi mbere yo kugaruka ku mahuriro ari hagati y'uburinganire mu bice bitandukanye bikorerwamo amatsinda y'ibiganiro. Insanganyamatsiko izasozwa no gutanga umwanya w'ikiganiro gihuriweho n'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo kugirango bungurane ibitekerezo ku mahuriro ari hagati y'uburinganire n'ubuyobozi bitewe n'uko itsinda riri muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo mu Rwanda cyangwa mu Burundi.

Incamake y'ibiganiro n'itego yabyo:

Ibiganiro	Intego
<p>Ikiganiro 5.1: Ubuyobozi n'itumanaho-ubwoko bw'imyitwarire: uguhangana, kwihisha, gushukashuka, no kwigirira icyizere.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Twiyibutsa ibintu byinshi biri mu mvugo y'amagambo cyangwa y'umubiri byatumashya kumenya imyifatire n'imyitwarire y'undi. • Kuvubura na none ibyo bintu muri twe kubyifashisha mu kuvumbura ubwoko bw'imyitwarire byateza no gucunga icyarimwe aho bihuriye n'ibyo dushaka gukora.
<p>Ikiganiro 5.2: Ubuyobozi, gukorera hamwe, gufata icyemezo- umumaro w'imbamutima.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gushyira mu bikorwa ubumenyi bwe bujyanye n'ubuyobozi, gukorera hamwe no gufata icyemezo. • Kumenya uburyo ubumenyi bwacu bwo guciririkanye bugirwaho ingaruka n'imbamutima.
<p>Ikiganiro 5.3: Ubuyobozi n'itumanaho-kwitoza kwigirira icyizere.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwitoza kwiyemera mu gihe cy'amakimbarane hatabayeho gushotora umuntu uri imbere kandi hatabayeho no guhunga ikibazo. • Kwitoza gufata ibyemezo bitasubirwaho kandi bidatanga amasomo no kumenya uko witwara mu biganiro byubaka. • Kwitoza kuba wahita utanga igisubizo n'ubwo waba uri ku gitutu, mu buryo bushikamye.
<p>Ikiganiro 5.4: Uburinganire n'ubuyobozi muri RDC/ mu Rwanda/ mu Burundi.</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Gukangurira abagize itsinda ry'ibiganiro ku buyobozi bw'abagore. • Gushishikariza buri muyobozi kwita ku iterambere ry'uburinganire, gukora no kwiyemeza gukomeza ubumwe rusange no gushimangira amahoro mu baturage.
<p>Ikiganiro 5.5: Ikiganiro kivanze: uburinganire n'ubuyobozi muri RDC/mu Rwanda/ mu Burundi (ibikurikira)</p>	<ul style="list-style-type: none"> • Kwemerera kungurana ibitekerezo bivanze, kuteza imbere umuco wo kungurana ibitekerezo hagati y'abagabo n'abagore ku ngingo z'ingenzi z'ubuzima bwabo. • Gushishikariza abagize itsinda ry'ikiganiro ku bijyanye n'ubuyobozi bw'abagore. • Gushishikariza buri muyobozi kwita ku iterambere ry'uburinganire, gukora no kwiyemeza gukomeza ubumwe rusange no gushimangira amahoro mu batirage.

Ikiganiro 5.1: Ubuyobozi n'itumanaho- ubwoko bw'imyitwarire: uguhangana, kwihisha, gushukashuka, no kwigirira icyizere.

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi bucurutse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Kwiga byimbitse uburyo tuba dushaka guhindura abandi n'uburyo bwo kwitwara igihe abandi bashaka kudu hindura.
 - Kwiyibutsa ibintu byinshi biri mu mvugo y'amagambo cyangwa y'umubiri byatuma tubasha kumenya imyifatire n'imyitwarire y'undi.
 - Kuvubura na none ibimenyetso biri muri twe no kubyifashisha mu kuvumbura ubwoko bw'imyitwarire byateza no gucunga icyarimwe aho bihuriye n'ibyo dushaka gukora.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa bose nawe, abafashamyumvire, mukora uruziga runini.
- Ha ikaze abagore bakora ubucuruzi bucurutse mpuzamipaka cyangwa n'abagabo babo mu kiganiro gishya un-abashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu muni kiza kwibanda ku kungurana ibitekerezo ku "Ubuyobozi n'itumanaho- ubwoko bw'imyitwarire".
- Sobanura ko iki kiganiro kigamije kudufasha kuvubura ibyo bimenyetso biri muri twe no kubyifashisha mu kuvumbura ubwoko bw'imyitwarire byateza no gucunga icyarimwe aho bihuriye n'ibyo dushaka gukora.
- Babwire ko ikiganiro kiza kuba gishimishije cyane kubera ko kiza kudufasha gutekereza ku myitwarire n'uburyo dutumanaho.

2. Ubwoko bw'imyitwarire: uguhangana, kwihisha, gushukashuka, no kwigirira ikizere.

Iminota 100 : Iminota 50 y'imikino
Iminota 50 y'amabwiriza
rusange

Intego: Kumva ubwoko bw'imyitwarire: uguhangana, kwihisha, gushukashuka, no kwigirira ikizere.

Ibikoresho : Ntabwo.

Uburyo bukoreshwa: Umwitozo mu matisnda n'umukino mu rwego rwo kwimenyereza n'ukwiyemerano gusuzuma imyitwarire y'amahane, yihishahisha n'ishukashuka.

Imigendekere:

Igice cya 1. Kuganira mu ruhamwe

- Sobanura abahugurwa ko niba ushaka guhindura imyitwarire y'undi, bishobora kubaho ko wakifashisha uburyo bw'itumanaho butatuma ibintu byigira imbere.
- Bamenyeshe ko igikorwa kiza kwibanda by'umwihariko ku buryo bwo gutumanaho aribwo: igitero, kwihishahisha, gushukashuka no kwigirira icyizere.
- Sobanura ko buri wese muri twe shobora gukoresha ubwo buryo mu gihe runaka.
- Saba abahugurwa kurondora ubwoko bw'imyitwarire ihuye n'ibyo byiciro bine unayandike ku kibaho aho bose bareba (ni gombwa).
- Saba ababishaka kwigana imwe cyangwa imyinsi muri icyo myitwarire.

- Bibutse rwose ko hari igihe biba ngombwa ko tugira icyo myifatire, igaragara kenshi nk'iyoroshye mu kwitwara mu gihe gito. Nyamara mu gihe kirekire, ishobora kuba ikibazo. Urugero, umuntu uhora ushaka kwihisha aba afite ingorane zo kutaragaraga mu maso y'abandi. Kimwe n'umuntu uhora ushukashuka abandi, nawe aba afite ingorane zo kudakundwa n'abandi bazajya bamuhunga.

Igice cya 2: Umukino

- Gabanya abahugurwa mu matsinda ane.
- Basabe gutekereza ku gihe baba baragize imyitwarire y'amahane, igitero, gushukana no gukuramo umukino.
- Umukino uzaba uvuga ku bintu by'ukuli byabaye ku bagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa abagabo babo, yaba ari ku mupaka, mu rugo, ku isoko cyangwa aho batuye.
- Basabe noneho kuwukina imbere y'abandi, hagati mu ruziga.
- Nyuma ya buri yerekana, baza abandi bahugurwa gusubiza ibibazo bikurikira:
 - Ni iyihe myitwarire mwabonye?
 - Kubera iki abantu bifashishije uguhangana/ kwihisha/ gushukashuka?
 - Ni mu buhe buryo bagaragaje icyo myitwarire (mu magambo, mu bimenyetso)?
 - Ni izihe ngaruka icyo myitwarire yabo yagize icyo gihe?
 - Mushobora gutekereza indi myitwarire ishoboka? (KWIGIRIRA ICYIZERE) Rangiza umukino aho abakinnyi bigirira icyizere ukwigirira icyizere.

Igice cya 3. Kuganira mu ruhamwe

- Baza ibibazo bikurikira:
 - Ni ibihe bimenyesto bishobora kudufasha kumenya, guteganya imyitwarire y'abandi?
 - Ni ibihe bimenyetso mu myitwarire yacu bwite bishobora kutwerekana nk'aho tutiyemera bihagije?
 - Ni gute twahindura ibyo dusanganywe tukiga kwitwara bitandukanye?
- Mu gusoza uyu mwitoto, ibutsa buri wese ko akoresha ubu bwoko bw'imyitwarire mu gihe runaka, yaba abishaka cyangwa atabishaka. Nyamara uburyo bwiza bw'itumanaho ni ukwigirira icyizere.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva babwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku mumaro w'imbamutima.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Inyandiko igenerwe abafashamyumvire:

Ingero z'imyitwarire:

Guhangana: Gutoteza, gusakuza, kuca umuntu mu ijamba, kwihaniza, gukosora, kutava ku izima, gutukana

Kwihisha: Kwishyira ku ruhande, kutagaragaza uburakari, guhunga amakimbirane uko byagenda kose, kuvuga umuntu mu mugongo, kwihishahisha, kutavuga icyo utekereza, kumera nk'aho wemeye ikintu, kugira icyinyabupfura n'iyi waba urakaye.

Gushukashukana: Kugira urwitwazo ikintu, kwinginga, kwemera ikintu kubera impamvu y'icyo ushaka, kugira abandi abanyabyaha, gukoresha amarangamutima, kwiriza, gushaka kuguranisha ikintu (n'ibiribwa, ubufasha, amafaranga).

Kwiyemera mubyo uvuga/ukora: Imyitwarire ituma umuntu yigirira ikizere mubyo akora, kumenya kwirwanaho, kuvuga uko utekereza nta gutinya kandi n'amarangamutima yawe, kwemeza uburenganzira bwawe nta kubangamira ubw'abandi.

Ni gute wavubura iyo myitwarire itandukanye:

Guhangana: Iterabwoba, kuba warigeze kugira imyitwarire y'amahane, gushyira amakosa ku bandi, igitutu gikomeye kuri wowe, gutungurana cyangwa kutaguma hamwe.

Kwihishahisha: Kwanga gusohoka no kuguma mu rugo, kwikundira kuba wenyine kurusha kujya mu bikorwa bi-guhuza n'abandi, guhamagarwa gake n'inshuti, kutaganira n'abandi kuri telephone cyangwa kudasura abandi, kugira inshuti za hafi.

Gushukashukana: Kubeshya cyangwa gushaka urwitwazo, gukoresha urwenya runinura rugamije kugira abandi nyirabayazana cyangwa gushisha bugufi undi, guca imanza buri gihe, kwirengangiza, gushinja.

Ikiganiro 5.2 : Ubuyobozi, gukorera hamwe, gufata icyemezo-umumaro w'imbamutima

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gushyira mu bikorwa ubumenyi bw'ubuyobozi, gukorera hamwe no gufata icyemezo.
 - Kumenya ukuntu imbamutima zigira uruhare mu bushobozi bwacu bwo kuganira.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abataje.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no ubaza abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize (imyitwarire itandukanye y'ubuyobozi).
- Tangaza ko mu kiganiro cy'umunsi muza gusangira ibitekerezo ku mumaro w'imbamutima mu rwego rwo gufasha buri wese gushyira mu bikorwa, ubushobozi bwe bwo kuyobora, gukorera hamwe no gufata icyemezo. Iki kiganiro kiraza na none gutuma tumenya uburyo imbamutima zigira uruhare mu bushobozi bwacu bwo kuganira.
- Babwire ko muri iki kiganiro kiza kuba mu ngiro cyane kubera ko kiza kudufasha gutekereza ku myitwarire itandukanye n'uburyo bwacu bwo gutumanaho.

2. Ubuyobozi, gukorera hamwe no gufata icyemezo-umumaro w'imbamutima.

Iminota 100

Intego: Kumenya uburyo imbamutima zigira uruhare mu bushobozi bwacu bwo kuganira.

Ibyifashishwa: Amakarita ashushanyijeho

Uburyo bwo gukoresha: Umukino ukirikiwe n'amabwiriza.

Imigendekere:

- Gabanya abahugurwa mu matsinda manini angana.
- Buri wese muhe ikarita ishushanyije, witondere ko amatsinda yomba agira amakarita ashushanyijeho bimwe.
- Ushobora na none kubivuga nk'inkuru usoma wenyine amakarita atandukanye niba abahugurwa benshi batazi gu-soma no kwandika. Byaba byiza amakarita yose asobanuwe mu rurimi gakondo abahugurwa bumva neza.
- Noneho somera initeruro ikurikira amatsinda: "muri mu bwato bunini. Ako kanya, bugonze urutare buhita butangira kurohama. Hari ubwato buto bumwe bwonyine bwo kubatabara, bukwirwamo abantu ikenda (vuga umubare w'ababujyamo ukurikije umubare w'abari muri buri tsinda. Nta ya makoti yo kwitabaza mu mazi mu bwato bunini ndetse nta n'ubundi buryo buhari bwo gutabara abagenzi. Mugomba gufata icyemezo vuba vuba cy'abagenzi mugomba gushyira mbere na mbere muri ubwo bwato buton'ubwo bwose buri mugenzi yifuza kurokoka no kubujyamo."
- Abahugurwa bafite iminota 20 muri icyo gikorwa. Buri muntu agomba kwirwanaho kugirango akize ubuzima bwe.
- Igihe igihe cyatanzwe gishize, batumire bese bahurire ku ruziga.
- Bamenyeshe ko intego y'igikorwa atari ukumenya uwo gukiza kurohama, ariko ko ari kumenya guciririkanya no kumenya umumaro w'imbamutima.

- Utanga nk'inama, babaze ibibazo bikurikira:
 - Ni ibihe bibazo mwahuye nabyo?
 - Mwabikemuye mute?
 - Ni ubuhe buryo bwari buboneye bwo kubikemura?
 - Ni gute mwari kubwitwaramo kugirango mubikemure neza?
 - Imbamutimza zifite uruhe ruhare mu gufata icyemezo?
 - Kubera iki ibyo bibazo bigaruka?
 - Ni gute iki gikorwa cyahuzwa n'imibanire yanyu n'abandi ya buri minsi?
 - Ni izihe ngingo zihuye hagati y'ibyo mumaze kubamo no guciririkanya mukora iwanyu?
- Mu ncamake kora imyanzuro y'ingenzi kuri iki kiganiro nyuma y'ikigisho.
- Shimangira uruhare rw'ingezi imbamutima zishobora kugira mu gufata icyemezo n'ubushobozi bwo guciririkanya. Ni ngombwa cyane kugumana ibi mu mutwe iyo ushaka kwiyemeza mu by'ukora noneho mu mwanya wabyo uganira mu myitwarire y'ubushukanyi cyangwa kwihishahisha.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva babwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku ukwiyemeza mu byo ukora "kwigirira icyizere".
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Urutonde rw'abagenzi bo mu bwato:

1. Umunyapolitiki
2. Umunyeshuli
3. Umuntu wafunguwe
4. Umuganga
5. Umunyeshulikazi
6. Umupasiteri
7. Imamu
8. Umugore utwite
9. Umusore
10. Umwarimukazi
11. Umusaza
12. Umwana muto w'umukobwa
13. Umupolisi
14. Umwana muto w'umuhungu
15. Umucuruzikazi

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Akamaro k'imbamutima mu gufata icyemezo.

Imbamutima zifite umwanya w'ingenzi mu gufata icyemezo. Contrairement aux idées reçues, les opinions rationnelles n'existent pas. Bitandukanye n'ibyo twabwiwe, ibitekerezo bifatika ntibibaho.

Nk'ibiremwa muntu, ntidushobora kwigobotora imiterere y'umuco n'ibyo tubamo buri gihe. Ubunararibonye bwacu bwite n'imiterere yacu bigira ingaruka buri gihe ku byemezo byacu, mu buryo bumwe cyangwa ubundi. Izindi mpamvu nyinshi nazo zibigiraho ingaruka, nk'uko tumerewe, uko twiyakiriye ndetse n'umuvuduko dufatiraho icyemezo.

Inzobere 2 mu buzima bwo mu mutwe bashyiza ahagaragara uburyo busobanura akamaro k'imbamutima mu gufata icyemezo, bwerekana ko zifite akamaro kanini. Ku bwabo, imbamutima afite imimaro ine mu gufata icyemezo:

- 1. Imbamutima zizana amakuru y'ingenzi:** iyo ari ngombwa gufata icyemezo, imbamutima nziza n'imbi bivukira mu bisubizo bishobora, bigakora nk' « amakuru » yakwifashishwa mu isuzuma. Uru ruhare rushoboka cyane cyane iyo imbamutima zishobora kuvugwa mpande ibyiri zibangikanye (ibyishimo-umubabaro; gukururwa-kwanga).
- 2. Imbamutima zifasha gufata ibyemezo byihuse:** akenshi byashoboka kwisanga mu bihe bituma dufata icyemezo kihuse, nko muri kiriya gikorwa twabonye muri iki kiganiro. Imbamutima zifasha gufata ibyemezo vuba, ibyo byemezo bishobora no kuba ari bibi nk'ubwoba n'uburakari cyangwa ibyemezo byiza nk'ibyishimo.
- 3. Imbamutima zigira uruhare mu gusuzuma ireme ry'icyemezo:** Mu gufata icyemezo, imbamutima zishobora gufasha kureba neza igikwiye gukorwa mu gihe runaka kihariye. Rero, imimerere yo mu mutwe n'ubunararibonye bwite bya buri wese bishobora kujyana ku makuru afite ireme atandukanye cyane.
- 4. Imbamutima zigira ingaruka ku bafatirwaho ibyemezo:** zigira uruhare mu gufata icyemezo cy'ushobora gutsinda cyangwa gutsindwa n'icyo cyemezo nyine. Indangagaciro, kugandukira abantu bamwe na bamwe cyangwa amatsinda amwe n'amwe, n'ibindi byagenderwaho (mu bijyanye n'imari, imibereho rusange cyangwa politiki) bishobora kugira uruhare mu guhindura icyemezo, no guhindura inyungu bwite ako kanya mu nyungu rusange.

Nk'abafashamyumvire, ntikumwiye kwihanganira ibitekerezo, bitandukanya ibyemezo bikoresheje imbamutima n'ibikoresheje gutekereza, bitwaje y'itandukaniro ry'umubiri hagati y'abagabo n'abagore. Ni ngombwa cyane gusobanura neza ko abagore batarusha abagabo imbamutima.

Nk'uko byavuzweho mu nsanganyamatsiko ya 3 yibanze ku bugabo no ku bugore, uburinganire ni inyubako rusange. Imbamutima zihindura abagabo kimwe n'abagore mu gufata ibyemezo kwabo. Bibaho ko tubona tukanasesengura izo mbamutima ariko akenshi, uko guhindurwa n'imbamutima zitambuka mu buryo butagaragara zikanakorwa umuntu atabizi.

Ikiganiro 5.3: Ubuyobozi n'itumanaho- kwitoza kwiyemera

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi bucuriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakanguramba-ga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gushyira mu bikorwa ubumenyi bujyanye n'ubuyobozi, gukorera hamwe no gufata icyemezo.
 - Kumenya ukuntu ubumenyi bwacu mu gucirikanya bugirwaho ingaruka n'imbamutima.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga.
- Akira abagore bakora ubucuruzi bucuriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abataje.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no ubaza abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize (imyitwarire itandukanye y'ubuyobozi).
- Tangaza ko mu kiganiro cy'umunsi muza gusangira ibitekerezo ku "ubuyobozi, gukorera hamwe no gufata icyemezo- akamaro k'imbamutima" kugirango buri wese abshe gushyira mu bikorwa ubushobozi bwe bwo kuyobora, gukorera hamwe no gufata icyemezo. Iki kiganiro cyagombye na none gutuma tumenya uburyo ubushobozi bwacu gucirikanya bugirwaho ingaruka n'imbamutima.
- Kumenyesha ko iki kiganiro kiri kube gushyira mu bikorwa kubera ko kiza gutuma dutekereza ko myitwarire yacu itandukanye n'uburyo bwacu bwo gutumanaho.

2. Kwitoza kwiyemera-gukoresha ngenga "Jye"

Iminota 50

Intego: Gushyira mu bikorwa ubushobozi bwo kuyobora, gukorera hamwe no gufata icyemezo.

Ibikoresho: Ibibaho byo mu nama na feutres.

Guteganya udukaye n'amakaramu by'abagore bakora ubucuruzi bucuriritse cyangwa/ n'abagabo babo

Uburyo: Igikorwa gikurikiwe n'inama-amabwiriza.

Imigendekere:

- Sobanurira abahugurwa ko bagiye kwitoza itumanaho riyemeza bakoresha ngenga "Jye".
- Ngenga ya mbere yo mu bumwe ibashisha kuvuga mu buryo bukeye icyo utekereza ku kintu runaka, nko ku buryo itugiraho ingaruka no ku mpinduka zifuzwa mu kuyiteza imbere.
- Kuvuga neza ukoresheje ngenga ya mbere yo mu bumwe ntibitera ibibazo byihariye cyangwa gushinja. Bituma habaho impaka, no kurekera uwo muganira ubwisanzure bw'igisubizo cye.
- Sobanurira abahugurwa ko interuro bakoreshejemo ngenga ya mbere yo mu bumwe zigomba kuba zumvikana (ni ukuvuga zifatika) kandi zitanegura (nta kuninura cyangwa guca imanza).
- Ongeraho ko ari byiza kwitondera interuro zikoresheje ngenga ya kabiri kuko ziganisha ku gushyira amakosa ku bandi, kumufata nka nyirabayazana, gusaba indishyi cyangwa yifitemo iterabwoba.
- Nta na rimwe izo nteruro zigomba gushinjany; zigomba kuba zikozwe mu buryo bwo kutabangamira uwo muganira. Ibyo zitegerejweho ko ziyobora ntibigomba gutanga amasomo (kwirinda "ugomba/ mwakagombye...") ndetse no gushinja. Izo nteruro asobanura ibitegerejwe cyangwa ibyifuzo by'uvuga ariko nta gutegeka ko bishyirwa mu bikorwa.

- Sobanura uburyo bwo gukora interuro muri ngenga ya mbere yo mu bumwe, andika ibintu by'ingenzi ku kibaho aho bose bareba.
 - **Igikorwa:** “Ryari...” Koresha uko ushoboye interuro yawe itabamo uguca imanza. Urugero: “Cya igihe wansa baga serivisi...”
 - **Igisubizo:** “ndumva meze...” aho kuba “mbona ko, Ntekereza...”. Byongeye, garukira ku marangamutima yawe bwite, urugero: “ndumva nkomeretse, mbabaye/nezerewe/ natengushywe/ nirengagijwe...”. Aho kuba “mbona uri umugome!”
 - **Impamvu:** “... kubera ko...”. Niba wumva ko igisobanuro ari ngombwa, ushobora kucyongeramo hano. Ariko itondere, kudashyira ikosa ku wundi. Urugero rwiza rwo kwisobanura: “... kubera ko nkunda kuba ndi kumwe nawe.”
 - **Ibyifuzo:** “Nakwishimira ko...” Kwemeza impinduka mwakunda kubona. Biremewe rwose kuvuga icyo ushaka cyose utagituye ku wundi, urugero: “Ndashaka ko tuvugana kuri iki.”

Ni imbonerahamwe iri ku murongo ishobora kubagararira nk'itazwi mu ntangiriro. Bisaba igihe runaka kwimenyereza ubwo bumenyi bushya, mbere y'uko zihinduka nk'akamenyero.

Saba abagore bakora ubucuruzi buciriritse cyangwa/ n'abagabo babo gokoarana babiri babiri (n'uko begeranye) no gutegura interuro muri ngenga ya mbere yo mu bumwe, bihuye n'ibibakomereye mu buzima babayeho. Bashobora gufashanya kugirango bakore interuro zumvikana neza.

Bahe iminota 5 yo gutegura, hanyuma saba bamwe muri bo kuvuga interuro zabo. Ha ijamba abandi niba bafite ibibazo, ibitekerezo cyangwa ibyifuzo byubaka.

- **Gukomezaho utanga inama:**
 - *Ni mu buhe buryo gukora interuro muri ngenga ya mbere mu bumwe ishobora kubagirira akamaro?*
 - *Ni mu kihe gihe mushobora kuzikoresha?*
 - *Demandez à tous les participants de s'engager à s'affirmer face à quelqu'un, d'ici la prochaine séance, en mettant en pratique cette formule. Saba abahugurwa bose kwiyemeza imbere y'undi muntu mbere y'ikiganiro gitaha, bashyira mu bikorwa iyi nzira.*

3. Ibisubizo byemejwe/ bishikamye

Iminota 50

Intego: Kwitoza gusubiza vuba n'ubwo waba uri gukorera ku gitutu.

Ibikoresho: Ntabwo.

Uburyo bwo gukoresha: Umukino

Imigendekere:

- Gusobanurira abahugurwa ko byatubaho twese kugira “esprit d'escalier” ni ukuvuga, kubona igisubizo gikwiye igihe cyarenze. Niyo mpamvu intego y'uyu mwitoto ari ukwitoza gusubiza vuba vuba.
- Tangira unyura muri make, ubwoko bune bw'imyitwarire- guhangana, ukwihisha, ugushukana, no kwigirira icyizere-usaba abahugurwa kurondora igikorwa cyangwa ikivugwa kuri buri gihe.
- Tumira abahugurwa bane (abagore bakora ubucuruzi buciriritse 2 cyangwa abagabo babo) babishaka gusohoka mu cyumba cy'inama cyangwa mu ruziga mu gihe kingana n'iminota 5.
- Gabanya abahugurwa basigaye mu matsinda ya 3kugeza kuri 5. NK'abafashamyumvire, mukore ku buryo haba umukorerabushake 1 kuri buri tsinda.
- Buri tsinda igomba gutekereza nk'imimerere, aho abayigize bigana abakinnyi bashaka gukoresha ku ngufu umwe mu bakoorerabushake ikintu atifuza.
- Bafite ubwisanzure bwo guhitamo abantu n'imimerere yo kwigana.
- Saba abagore bakora ubucuruzi buciriritse cyangwa abagabo babo gutangira bibwirana mu ncamake banatangari

za ibyivuzo byabo umukorerabushake.

- Bashishikarize gusubiza byabo bavuga banakora ibimenyetso. Dore urugero: *“Ndi umukozi utanga serivisi zo ku mipaka, none ibicuruzwa byawe ntabwo byanditswe kuri gasutamo mu gihembwe gishize. Uziko uri mwiza? Ese twajya gusangira ikirahuri kugirango tumenyane kurushaho? bishobora guteza imbere bisinesi yawe”*.
- Igihe amatsinda yose abonye umukino wabo kandi bamaze kubana uko bakina, injiza abakorerabushake, buri wese umushyire muri buri tsinda.
- Saba itsinda rya mbere kwerekana vuba umukino waryo, na buri urigize gukina umukino we.
- Naho umukorerabushake agomba gusubiza ako kanya, agerageza gushikama ku ruhande rwe no ku bitekerezo bye. Nko kubyo yasabwwe n'umukozi wa serivisi zo ku mupaka ashobora gusubiza: *“Murakoze cyane, ariko ntujyana gusangira ikirahuri, ndakora uko nshoboye mu gutegura inyemezabuguzi n'ibindi bimenyetso nishyuriyeho nizera kuzanoza icyo kibazo ubutaha.”* Tanga umwanya kuri buri wese atange igisubizo cye.
- Suzuma ibyavuye muri icyo gikorwa ubaza abakorerabushake:
 - *Mwiyumvise mute igihe mwari muri kuvugana ikizere imbere y'abo mwaganiraga?*
 - *Byari bikomeye? Niba ari yego, kubera iki?*
- Noneho baza abahugurwa bose:
 - *Iki gikorwa mwagitekerejeho iki?*
 - *Ni iki wabonye gikomeye?*
 - *Ni kuki mubona ko kwigirira ikizere ari ngombwa? Mwabisobanura gut?*

4. mwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva basangiza undi muntu n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda gushyira mu bikorwa ubushobozi bwa kukorera hamwe no gufata icyemezo ndetse n'isesengura ry'uruhare rw'imbamutima mu buyobozi.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubawira ko muzishimira kongera kubabona

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Igisobanuro cyo kwigirira icyizere:

Kwiyizera bivuga kumenya gusobanura uburenganzira bwite- kuvuga icyo atekereza, amarangamutima ye, ibyiyumviro bye mu buryo buziguye, mu kuli kandi biboneye.

Kwigirira icyizere bivuga buri gihe kubaha ibitekerezo, amarangamutima, ibyiyumviro by'undi, nyuma y'ibyacu. Kwigirira icyizere bikomatanyije isobanura ry'amarangamutima, ibyifuzo, ubushake n'ibyifuzo mu buryo buboneye. Ni ubushobozi bwite bw'ibanze kandi buhuza abantu. Mu mibanire n'abandi muri rudange, kwigirira icyizere bigira uruhare mu kwisanzura mu mivugire icyeye kandi nta guhutaza uburenganzira bwe bwite cyangwa ubw'abandi.

Ibiranga imytwarire yo kwigirira icyizere:

- Avuga ibyifuzo, ibitekerezo n'amarangamutima byawe wisanzuye unashishikariza abandi kubigenza gutyo.
- Yumva uko abandi babona ibintu no akagira n'icyo abivugaho, yaba abishyigikiye cyangwa atabishyigikiye'.
- Yemere inshingano ze kandi akamenya kuba yazisigira abandi.

- Avuga uko atekereza ibikorwa by'ahahise cyangwa biriho by'abandi.
- Azi kwemera amakosa ye kandi agasaba imbabazi.
- Ariyumanganya.
- Yitwara nk'ureshya n'abandi.

Nk'abafashamyumvire, mugomba kumenya neza niba abahugurwa bose bumvishe igikorwa cy'iki kiganiro. Bitewe n'uko iki gifite ibikorwa bibiri muri gahunda, mugomba kubaha igihe cyatanzwe, mu buryo budasubirwaho, ariko na none mu kinyabupfura no mu cyubahiro.

Mushobora gushishikariza ikiganiro ku bipimo by'uburinganire no kwigirira icyizere mubaza niba abagore n'abagabo, abakobwa n'abahungu baterwa na sosiyete barimo kugira imyitwarire itandukanye, n'impamvu zibitera ndetse n'ingaruka. Niba mufite ugushidikanya cyangwa ibibazo ku bijyanye no gutegura no gufasha kuyobora ikiganirom-paka nk'iki, saba inama abakangurambaga cyangwa ikipe ya "Mupaka Shamba Letu".

Ikiganiro 5.4 : Ikiganiro kivanze: uburinganire n'ubuyobozi muri RDC/mu Rwanda/ mu Burundi

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakanguramba-ga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gushishikariza abagize itsinda ry'ikiganiro ku bijyanye n'ubuyobozi bw'abagore.
 - Gushishikariza buri muyobozi kwita ku iterambere ry'uburinganire, gukora no kwiyemeza gukomeza ubumbwe rusange no gushimangira amahoro mu baturage.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abataje.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no ubaza abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize (imytwarire itandukanye y'ubuyobozi).
- Tangaza ko mu kiganiro cy'umunsi kiza kuvuga ku masano ari hagati y'uburinganire n'ubuyobozi (muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, mu Rwanda n'u Burundi).

2. Uburinganire n'ubuyobozi (muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, mu Rwanda n'u Burundi)

Iminota 100

Intego: Gukangurira abagize itsinda ry'ikiganiro ubuyobozi muri rusange n'ubuyobozi bwa'abagore by'umwihariko.

Ibikoresho: Ibibaho byo mu nama na feutres.

Uburyo: Ikiganiro mu ruhame.

Imigendekere:

- Saba abahugurwa gufunga amaso no kutekerezwa ku muyobozi.
- Saba ababonye umugabo kuzamura ikiganza. (Tegereza kugeza ubwo baba aribo benshi).
- Shyushya ikiganiro n'abahugurwa bose:
 - Abagore bashobora kuba abayobozi kimwe nk'abagabo?
 - Niba ari byo, byakorwa ku nzego zose (mu muryango, mu bucuruzi, kaminuza, serivisi rusange, z'ibanze, urusisiro, amasoko mpuzamipaka, ku rwego rw'igihugu, akarere,...)?
 - Kubera iki bitakorwa mu mu nzego zose?
 - Ni izihe nzitizi zibangamira ubuyobozi bw'abagore mu bice by'iwanyu?
 - Ni ibihe bisubizo byatangwa mu rwego rwo kuzirenga?
 - Mwaba muzi umuyobozi w'umugore?
 - Sobanura umuyobozi icyo ari cyo.
 - Ni izihe ngaruka mbi kuri sosiyete ziterwa no kubura ubuyobozi b'abagore?
 - Ni ibihe bintu byiza byahuzwa n'umubare munini w'abayobozi b'abagore?
 - Kuri mwe, ni inshingano z'abagabo guteza imbere uburinganire n'ubuyobozi bw'abagore/ abakobwa?

- Mu gihe cy'ikiganiro, genda wandika ingingo z'ingenzi ku kibaho cy'inama. Mu gusoza icyiganiro, kora incamake y'ingingo zavuzwe n'abahugurwa. Ita ku kuba wasubije ibibazo byose n'uko ibisubizo byumvishwe neza.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva basangiza undi muntu n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku kungurana ibitekerezo hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse n'abagabo babo unabasabe kwitegura bombi kuzitabira.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Nk'abafashamyumvire, mwrite kukumenya ko iyi nsanganyamatsiko ikomeye kandi ari ngombwa icyarimwe. Ni ngombwa cyane ko abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambuka imipaka cyangwa abagabo babo bava mu kiganiro bafite ibitekerezo bitariby cyangwa bitanywe. Mwrite ku gushimangira uburinganire mu gufata icyemezo n'ubuyobozi, mu nzego zose (umuryango, mu bikorwa by'ubucuruzi bwambukiranya imipaka, z'ibanze, z'igihugu n'Akarere). Abagore nabo bashobora kuba abayobozi beza kimwe nk'abagabo mu gihe bahawe amahirwe amwe mu burezi no mu kazi. Abagize sosiyete bese bagomba gushyigikira uburinganire, cyane cyane abayobozi, baba abagabo cyangwa abagore. Ni inchingano z'abagize amatsinda y'ibiganiro gushyigikira ukuvuka k'ubuyobozi bwa'abagore.

Uburinganire n'ubuyobozi:

Abagore n'abakobwa bahura n'inzitizi zitandukanye ugereranyije n'abagabo n'abahungu. Inshuro nyinshi izo nzitizi ni nini kadi zigoye kuzirenga kubere ubusumbane hagati y'abagabo n'abagore. Uburinganire bufite uruhare runini mu buzima bwa buri muntu. Kuva mu myaka yo hasi, abana bahabwa imirimo yihariye muri sosiyete bitewe n'uko ari abakobwa cyangwa abahungu. Imwe muri iyo migirire iba iri muri kamere, igafatwa nk'aho ari ibintu bisanzwe, ariko ishobora kuba impamvu y'ivangura n'ubusumbane bw'ibitsina. N'abayobozi bato, dufite inshingano yo kwemera ko ivangura n'ubusumbane bishingiye ku burunganire ari ibyo kvanaho.

Tuzi uko bigenda iyo abagabo bonyine bafite ububasha busesuye mu gufata ibyemezo, kubera ko niko bimeze muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo (no mu bindi bihugu byinshi). Nyamara iyo abagore basangijwe uko gufata ibyemezo, sosiyete irahinduka.

Umuryango w'Abibumbye uvuga ko:

- Abagore bafite uruhare runini mu kubungabunga amahoro kubera ko bababazwa n'ingaruka z'amakimbirane akoresha intwari. Kongera kwiyubaka n'ubwiyunge bishoboka kenshi kandi bikamara igihe kinini iyo abagore babigizemo uruhare. Amakimbirane aba make mu bihugu ahari abagore b'abanyapolitiki benshi.
- Abagore bakora neza mu guteza imbere leta « y'ukuli ». Urwego rwa ruswa ruba ari ruto mu bihugu bifite abagore mu myanya y'ubuyobozi.

Abagore bishingira gukuraho imbogamizi z'imibereho myiza, ubukungu na politiki zigira ingaruka ku bagore, abana n'amatsinda y'abatitaweho. Bakora mu guteza imbere uburezi, ibikorwaremezo n'urwego rw'ubuvuzi. Ibipimo by'iterambere biri hejuru mu bihugu bifite abayobozi b'abagore benshi.

Ikiganiro 5.4: Ikiganiro kivanze: uburinganire n'ubuyobozi muri RDC/mu Rwanda/ mu Burundi (ibikurikira).

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Lbagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gushishikaza gusangira ibitekerezo bivanze no gutera imbaraga umuco wo kuganira no gusangira ibitekerezo mu buryo bufunguye hagati y'abagore n'abagabo ku ngingo z'ingenzi z'ubuzima bwabo.
 - Gukangurira abagize itsinda y'ikiganiro ku bijyanye n'ubuyobozi bw'abagore.
 - Gushishikariza buri muyobozi kwita ku iterambere ry'uburinganire, gukora no kwiyemeza gukomeza ubumbwe rusange no gushimangira amahoro mu batirage.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abataje.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no ubaza abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize (imyitwarire itandukanye y'ubuyobozi).
- Tangaza ko mu kiganiro cy'umunsi kiza kuvuga ku masano ari hagati y'uburinganire n'ubuyobozi (muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, mu Rwanda n'u Burundi).
- Saba bese kwibwirana (bakurikije insanganyamatsiko ya 1, kumenyana)

2. Guburinganire n'ubuyobozi (Muri Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, mu Rwanda no mu Burundi hakurikijwe amatsinda y'ibiganiro)

Iminota 100

Intego: Gukangurira abagize itsinda ry'ikiganiro ubuyobozi bw'abagore.

Uburyo: Umwitozo mu matsinda abiri (abagore n'abagabo batandukanye) hakurikira gutangaza n'ikiganiro mu ruhamwe.

Ibikoresho: Ikibaho cy'inama na feutres

Imigendekere:

Igice cya 1. Gukorera mu matsinda mato:

Groupe 1. Itsinda ry'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka.

- *Kumena inzitizi abagore n'abakobwa bahura nazo mu buyobozi bwabo by'umwihariko mu gufata ibyemezo, zitandukanye n'iz'abagabo n'abahungu bahura nazo, kandi zigaragaza ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo.*
- *Kumena inzitizi abagabo/ abahungu bahura nazo mu buyobozi bwabo by'umwihariko mu gufata ibyemezo, zitandukanye n'izo abagore/abakobwa bahura nazo, zigaragaza ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo.*
- *Byaba ari ngombwa ko sosiyete yacu ifata icyemezo cyo kuzihindura cyangwa kutazihindura mu rwego rw'ubutabera n'ukuringanira kugirango amahoro n'umudendezo rusange bigire ingufu?*
- *Ni iki cyahinduka, ni iki mushobora guhindura cyangwa mwashyiramo imbaraga iwanyu?*
- *Abagabo bafite inshingano yo guhindura ibintu? Vuga icyo bagakwiye gukora.*
- *Abagore bafite inshingano yo guhindura ibintu? Vuga icyo bagakwiye gukora.*

Itsinda rya 2. itsinda ry'abagabo b'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwamukiranya imipaka.

- Kumenya inzitizi abagore n'abakobwa bahura nazo mu buyobozi bwabo by'umwihariko mu gufata ibyemezo, zitandukanye n'iz'abagabo n'abahungu bahura nazo, kandi zigaragaza ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo.
- Kumenya inzitizi abagabo/ abahungu bahura nazo mu buyobozi bwabo by'umwihariko mu gufata ibyemezo, zitandukanye n'izo abagore/abakobwa bahura nazo, zigaragaza ubusumbane hagati y'abagore n'abagabo.
- Byaba ari ngombwa ko sosiyete yacu ifata icyemezo cyo kuzihindura cyangwa kutazihindura mu rwego rw'ubutabera n'ukuringanira kugirango amahoro n'imibereho myiza bigire ingufu?
- Ni iki cyahinduka, ni iki mushobora guhindura cyangwa mwashyiramo imbaraga iwanyu?
- Abagabo bafite inshingano yo guhindura ibintu? Vuga icyo bagakwiye gukora.
- Abagore bafite inshingano yo guhindura ibintu? Vuga icyo bagakwiye gukora.

Igice cya 2. Mu ruhamwe

- Mu minota nka 30, huriza hamwe abahugurwa muruziga, banza usabe itsinda ry'abagabo kuvuga ibyo babonye mu kiganiro cyabo. Kurikizaho gusaba abagore gutangaza nabo ibyabo.
- Mubiganireho mwese hamwe, munandike ingingo z'ingenzi ku kibaho cy'inama:
 - Ni ayahe matandukaniro mubona mu bijyanye n'inzitizi abagabo/ abahungu bahura nazo ugereranyije n'izo abagore/abakobwa bahura nazo mu buzima busanzwe?
 - Muri abo bantu bombi uhura n'ibintu bikomeye kurusha undi?
 - Ari abagabo n'abagore, ni bande bakunze kugira imyanya y'ubuyobozi no gufata ibyemezo? Ni gute mwasobanura ubuyobozi?
- Nyuma yo kuganira, musobanure ko abagore/abakobwa bashobora kuba abayobozi beza kimwe n'abagabo mu gihe bahawe amahirwe amwe mu rwego rw'uburezi n'akazi. Abagize sosiyete bese bagomba gushyigikira uburinganire by'umwihariko abayobozi, baba abagabo cyangwa abagore. Abagize amatsinda y'ibiganiro bagomba guharanira guteza imbere ukuvuka kw'ubuyobozi bw'abagore. Gushishikariza ingo z'abashakanye kuganira buri gihe ku bibazo by'ingenzi byo mu buzima bwabo bwa buri muni bibanda ku busumbane bukorerwa abagore/abakobwa, abagabo/abahungu, no kugerageza gushaka ibisubizo bitanga amaammahirwe amwe kuri bese. Ibyo bishobora gutera imbaraga imibereho myiza rusange no gutegurira abagore n'abagabo ubuzima bwiza bw'ejo hazaza mu ngo zacu n'aho dutuye.

Igice cya 3. Muhe abahugurwa umukoro wo mu rugo:

- Abagore n'abagabo batumiwe kumenya no guhitamo inzitizi buri wese agomba gukoraho.
- Mu gihe kimwe, abagore n'abagabo bashobora kushakisha abagabo/abagore babayeho nabi. Bigezweho cyangwa bakorewe ivangura mu ngo zabo, mu nsisiro zabo cyangwa ahandi no gufata icyemezo cyo kubaha amahirwe (amahitamo yisanzuye)
- Utangaze ko ibyababayeho buzaganirwaho mu kiganiro cy'ubutaha cy'itsinda ry'ibiganiro.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva basangiza undi muntu n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko mugiyeye gutangira insanganyamatsiko nshya mu kiganiro gitaha: Imishyikirano ifatika.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Insanganyamatsiko 6.

Imishyikirano ifatika

Intangiriro

Iyi nsanganyamatsiko ifite intego rusange yo kwereka abagize amatsinda y'ibiganiro uburyo bushya bwio gushyikirana aribwo, ihame ry'imishyikirano. Ibiganiro bigize iyi nsanganyamatsiko byishingikirije iyi « Ihame ry'imishyikirano- Uburyo bwa Havard ». Ubu buryo bwerekanwe bwa mbere mu gitaba cya Roger Ficher na William Ury, *Atteindre le OUI: négociier un accord sans céder* (1981). Ubu buryo bukoresha mu mishyikirano yo gukemura amakimbirane ku isi hose cyane cyane mu nziga za diporomasi.

Aha turagerageza kuyihuza n'ibihe by'amakimbirane abagore bakora ubucuruzi buciriritse bahura nabyo, abagabo babo n'aho batuye mu nkengero z'imipaka hagati ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi. Ibiganiro by'iyi nsanganyamatsiko bifite aho bihuriye cyane n'insanganyamatsiko ya 4: "kumva imbaraga z'amakimbirane".

Iyi nsanganyamatsiko iteguye ku buryo izaha abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwamukiranya imipaka n'abagabo babo ubushobozi bufatika mu rwego rw'imishyikirano. Buri kiganiro gikorsha imyitozo yoroshye ariko y'ingenzi mu rwego rwo guhuza igikorwagi n'ubunararimbonye bwite bw'abahugurwa. Ibiganiro bivuga mu buryo bwimbitse amahame ane y' "imishyikirano ifatika" ya Havard, nk'uko yanditswe mu kinyamakuru cya Michel Ghazal, washinze ikigo cy'uburayi cy'imishyikirano.⁸ Ayo mahame ashya ahagaragara "ubuhanzi bwo gushyikirana nk'inama mu bihe bitandukanye nko kuva mu makimbirane rusange cyangwa ingorane zo mu bikorwa by'ubucuruzi, urugero nko guhagarika ikigo cy'ubucuruzi. »

Iyi nsanganyamatsiko igizwe n'ibiganiro birindwi. Ikiganiro cya nyuma kivuga ku gusangira ibitekerezo mu matsinda ahuje abagabo n'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka ku bijyanye n'imishyikirano ifatika.

Iyi nsanganyamatsiko izasaba ubufasha bukomwe bw'ikipe ya Alert.

8. Michel Ghazal (2016), Les 10 principes clés de la « négociation raisonnée » de Harvard. <https://www.contrepoints.org/2016/02/06/237838-les-10-principes-cles-de-la-negociation-raisonnee-de-harvard>

Incamake y'ibiganiro n'itege yabyo:

Ibiganiro	Intego
<p>Ikiganiro 6.1: Incamake ku mbaraga z'amakimbirane no kwerekana amahame y'imishyikirano ifatika.</p>	<ul style="list-style-type: none"> Kwibutsa ingingo z'ingenzi zirebana n'amakimbirane, urugomo n'amahoro. Kwiga mu buryo burambuye ingaruka z'amakimbirane ku matsinda y'abanyanteganye, imyifatire n'imyitwarire n'imitereremezo y'amakimbirane. Gushyiraho amahuriro hagati y'amakimbirane n'imishyikirano ifatika nk'ingamba zo kuva mu makimbirane, gushakisha amahoro n'umudendezo rusange.
<p>Ikiganiro 6.2: Imishyikirano ifatika: Ihame rya 1: Gutandukanya abantu n'ikibazo.</p>	<ul style="list-style-type: none"> Kwibutsa abahugurwa ingingo ziranga gutega amatwi no gushimangira ko imvugo y'umubiri kenshi ishobora guhindurwa mu gihe cyo gutanga ubutumwa runaka ku bigukikije, harimo no mu gihe cy'imishyikirano. Kumvisha abahugurwa ko, mu mishyikirano ari ngombwa gufata mu buryo butandukanye ibibazo bwite n'ikibazo nyacyo.
<p>Ikiganiro 6.3: Ihame rya 2. Kwibanda ku nyungu, aho kuba ku nzego</p>	<ul style="list-style-type: none"> Kumvisha abahugurwa ko, mu gihe cy'imishyikirano, ari ngombwa kumva inyungu. Kwiyumvisha kurushaho uburyo ubushobozi/ubumenyi bwacu mu mishyikirano bushobora guhindurwa n'imbamutima. Kwitoza gushyira mu ngiro imishyikirano ifatika – "ni byiza koko kumva ibyaha, ariko ni ngombwa cyane gutekereza ku hazaza".
<p>Ikiganiro 6.4: Ihame rya 3. Kuremera hamwe inzira zo gutsinda</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gushishikariza umuyobozi wese kwitondera gushakisha inyungu ku mpande zombi. Gushishikariza abahugurwa gutekereza igihe cyose ibisubizo byinshi bishoboka mbere yo gufata icyemezo. Gushishikariza abagize itsinda ry'ibiganiro kumva ko umushyikirano uba ukeneye gutegurwa.
<p>Ikiganiro 6.5: Ihame rya 4: Gushimangira ku ikoresha ry'ingingo zitabogama.</p>	<ul style="list-style-type: none"> Kumva ko umushyikirano usaba ko ibyavuye mu biganiro, impaka cyangwa guciririkanya bishingira ku ngingo zitabogamye aho kuba ku mbamutima.
<p>Ikiganiro 6.6: Iyo igice muhanganye cyanze imishyikirano ifatika kigahitamo gukoresha inzira zinyuranyije n'amategeko.</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gushishikariza abahugurwa bashyikirana kwanga kuba abahohoterwa: ushobora kwikomeza, kwikomeza cyane kurusha uwo muhanganye, ariko ku bijyanye n'amahame atari ku izima. Kumva ko mu mishyikirano, uburyo budahwitse nabwo ni uburyo ariko si imbere ni inyuma, ni ngombwa gutangirira ku kumvikana uburyo bwo gushyikirana.
<p>Ikiganiro 6.7: Ibiganiro bivanze: imishyikirano ifatika</p>	<ul style="list-style-type: none"> Gushishikariza umugabo n'umugore we gushyira mu ngiro imishyikirano ifatika aho kuba imishyikirano ku nzego. Gushishikariza umugabo n'umugore we kumva amakimbirane no kugerageza kuyakemura mu buryo bwiza kandi bwubaka mu rwego rwo kurema icyizere no gushimangira imigozi y'urugo rwabo, kominote yabo, no kumva ko "imishyikirano ifatika" ari amahitamo yubaka. Gusubiramo iby'ingenzi byavuzwe ku nsanganyamatsiko "imishyikirano ifatika" no gusoza insanganyamatsiko.

Ikiganiro 6.1: Incamake ku mbaraga z'amakimbirane no kwerekana amahame y'imishyikirano ifatika.

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha abiri
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Kwibutsa ingingo z'ingenzi zirebana n'amakimbirane, urugomo n'amahoro.
 - Kwiga mu buryo burambuye ingaruka z'amakimbirane ku matsinda y'abanyanteye nke, imyifatire n'imyitwarire n'imitererereze y'amakimbirane.
 - Gushyiraho amahuriro hagati y'amakimbirane n'imishyikirano ifatika nk'ingamba zo kuva mu makimbirane, gushakisha amahoro n'umudendezo rusange.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa bose nawe, abafashamyumvire, mukora uruziga runini.
- Tanga ikaze abagore bakora ubucuruzi buciriritse mpuzamipaka cyangwa n'abagabo babo mu kiganiro gishya un-abashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu muni kiza kwibanda ku kungurana ibitekerezo ku "Ubuyobozi n'itumanaho- ubwoko bw'imyitwarire".
- Ibutsa ibyavuzwe mu kiganiro cyashize usaba abahugurwa kuvuga muri make ibyo mwabonye ubushize ku nsanganyamatsiko: "Ubuyobozi n'itumanaho_ ubwoko bw'imyitwarire: guhangana, kwihisha, gushukana no kwigirira ikizere."
- Vuga ko ikiganiro cy'uyu muni kiza kwibukiranya muri make imbaraga z'amakimbirane no kwerekana amahame y'imishyikirano ifatika; ni ukuvuga ko hari bukorwe imyitwazo abahugurwa bagiramo uruhare mu rwego rwo kwibutsa ingingo z'ingenzi ku nyito z'amakimbirane, urugomo n'amahoro, no kureba mu muryo burambuye imyifatire, imyitwarire n'imitererereze y'amakimbirane.
- Ikiganiro kiraza kwerekana na none imishyikirano ifatika nk'ingamba zo kuva mu makimbirane, gushakisha amahoro n'umudendezo rusange.

2. Kwibukiranya ingingo zirebana n'amakimbirane, urugomo n'amahoro.

Iminota 50

Intego: Kwibutsa inyito z'amagambo amakimbirane, urugomo n'amahoro, no kumva ko amakimbirane atabyara buri gihe urugomo. Nyuma y'iki kiganiro, abahugurwa bakagombye kuba bashobora:

- Gutanga ibitekerezo by'ingenzi byerekeranye n'inyito z'amagambo amakimbirane, urugomo n'amahoro (umudendezo rusange).
- Gutanga ibitekerezo by'ingenzi byafasha kumenya ubwoko bw'amakimbirane n'impamvu zayo mu rwego rw'ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka.
- Décrire et appliquer quelques outils d'analyse du conflit. Gusobanura no gukoresha bimwe mu bikoresho byo gusesengura amakimbirane.

Ibikoresho: Impapuro, amakaramu agenewe abahugurwa, papier craft, marikerim ikibaho, ingwa, amakarita, ishusho.

Uburyo: Gukorera hamwe bikurikiwe n'inama-amabwiriza.

Amabwiriza: Gutegura neza no kumanika urupapuro rurondora intego z'ikiganiro

Imigendekere:

Igice cya 1 (Iminota 20)

- Mu gihe cy'iminota 10, kusanya ibitekerezo mu itsinda rimwe ry'abagore bakora ubucuruzi buciriritse cyangwa abagabo babo (bitewe n'itsinda ry'ikiganiro iryariryo).
- Baza abagore bakora ubucuruzi buciriritse: mu gihe cy'ibiganiro ku mbaraga z'amakimbirane, ni ibihe bitekerezo by'ingenzi mwagumanye ku:
 - *Gisobanuro cy'amakimbirane,*
 - *Gisobanuro cy'urugomo,*
 - *Gisobanuro cy'amahoro n'umudendezo rusange,*
 - *Gisobanuro cy'ibikoresho byo gusesengura amakimbirane byaganiriweho mu matsinda y'ibiganiro, n'uburyo mubikoresha ubu. Abahugurwa basangira ubunararibonye akanya gato.*
- Muganire ku moko atandukanye n'inzego amakimbirane. Discutez des différentes formes, types ou phases du conflit. Saba abahugurwa kubusobanura.
- Kora incamake nto y'ibyo mubonye.
- Kongera gushyira ahagaragara amagambo n'interuro ashobora gutera urujijo. Ibutsa ko amakimbirane, urugomo n'amahoro bishobora kumvwa mu buryo butandukanye.
- Manika ibisobanuro by'inyito y'amagambo amakimbirane, urugomo n'amahoro nk'uko byatanze mu ifishi yo kwifashisha cyangwa mu nama y'abafashamyumvire, hanyuma mubiganireho akanya gato.

Igice cya 2. (Iminota 30)

- Mu gihe cyo gukusanya ibitekerezo, umufashamyumvire asaba abahugurwa kuvuga ingero ebyiri cyangwa eshatu zubunararibonye bwite bwa vuba bujyanye n'amakimbirane, urugomo cyangwa amahoro bwaba hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse n'abagabo babo mu rugo, mu rwego mpuzamipaka cyangwa muri kominote zituriye imipaka ya RDC, u Rwanda n'u Burundi.
- Abaza ibibazo bimwe na bimwe ku makimbirane, nk'urugero: mutange ingero z'amakimbirane, z'urugomo, z'umudendezo rusange, z'amahoro mwaba mwarabayeho mu gihe cya vuba (Mu cyumweru gishize, mu kwezi gushize, mu gihemwe gishize).
- Baza abahugurwa niba banyuzwe cyangwa batishimiye ibyo bahuye nabyo vuba aha.
- Basabe gusobanura impamvu bavuga ko banyuzwe cyangwa batishimiye no gutanga ingamba kubera izo mpamvu.
- Baza abahugurwa niba batekereza ko amakimbirane ari meza cyangwa mabi mu ngo, mu rwego mpuzamipaka no muri za kominote.
- Mu ncamake, umufashamyumvire yuzuzwa ibyavuzwe n'abahugurwa akoresheje ingero zimwe na zimwe.

Bigenewe abafashamyumvire:

Igisobanuro cy'amakimbirane

- Amakimbirane, ni ukutavuga rumwe ku bintu bitewe n'ibyaribyho, uko kutavuga rumwe gutera kutanyurwa kwa kimwe mu bice bibiri, bigatuma ubwumvikane n'ubusabane bwari busanzwe ku bw'inyungu rusange butagenda neza. Amakimbirane yumvikana nk'ikibazo cyangwa ukudahuza bitewe n'ukutabona kimwe kugaragara cyangwa kutagaragara kw'ibikenewe, indangagaciro ndetse n'inyungu.

Ubwoko bw'amakimbirane agaragara mu bucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka hagati y'abagore babukora n'abagabo babo, amakimbirane yambukiranya imipaka no muri kominote zituriye iyo mipaka ya RDC, u Rwanda n'u Burundi.

- Ubucuruzi buciriritse mu duce mpuzamipaka ya repubulika Iharanira Demokarasi ya Kono, u Rwanda n'u Burundi bushobora bukurura amakimbirane ajyanye n'inyungu kubera uguhangana kujyanye n'ikoreshwa ry'umutngo kamere cyangwa icungwa ryawo cyangwa ku ukutumva kimwe uko bagera ku ntego. Atwo duce mpuzamipaka twahuye kandi turacyahura n'imidugararo, amakimbirane akoresheje intwari, amakimbirane

mu by'ubukungu, politike n'imbonezamubano.

- Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa abagabo babo bashobora kumenyekanisha ubwoko bw'amakimbirane n'urugomo bahura nabwo mu buzima bwabo bwa buri muni. Bakanasobanura uburyo ayo makimbirane avuka na ba nyirabayazana bayo.
- Ingero z'ubwoko bw'amakimbirane aboneka cyane ajyane n'ubucuruzi buciriritse twavuga (gutangwa hakurikijwe, uduce, ibihugu n'uduce mpuzamipaka):
 - Arebana n'amabwiriza n'amategeko (amategeko y'imbere mu gihugu, amategeko na politikes byo mu kare, forode na ruswa).
 - Amakimbirane hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'inzezo zo ku mipaka.
 - Amakimbirane hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo.
 - Amakimbirane hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abayobozi b'amasoko yo mu gihugu.
 - Amakimbirane ajyanye n'ubutaka cyangwa ibyanya/ ibibanza/ amaseta by'aho bacururiza.
 - Ibyo bice byegereye imipaka byahuye kandi biracyakomeza guhura n'urugomo, amakimbirane arimo intwari, imirwano n'amakimbirane ashingye ku bukungu, politike n'imibanire.

Uko amakimbirane agaragara:

- « Il n'y a pas de société sans conflit », une société sans conflit n'existe pas. À partir du moment où plusieurs entités cohabitent et interagissent, elles peuvent avoir des points de vue divergents, ce qui peut constituer un premier pas vers le conflit susceptible de revêtir plusieurs dimensions allant de simples échanges verbaux à une violence physique.
- Les conflits sont une réalité de la vie et ils ne sont pas forcément nuisibles. Tout conflit n'est pas nécessairement violent. En effet, toute société est constituée de groupes sociaux dont les valeurs, les intérêts et les objectifs ne coïncident pas nécessairement les uns avec les autres.
- Le conflit devient un problème lorsque les individus/groupes choisissent d'atteindre leurs objectifs par la violence ou la force.
- Nier ou refuser le conflit, c'est d'ailleurs généralement le meilleur moyen de le rendre, à terme, plus virulent.
- Certains conflits peuvent être fondés sur l'idée que nous nous faisons de ce que l'autre partie veut ou tente d'atteindre.
- Le conflit a une dimension socio-culturelle et économique, un fort potentiel destructeur et constructif et peut donc engendrer dans sa résolution un coût socio-culturel, économique et écologique.
- Par conséquent, lorsque la confiance et la communication sont mises à mal, de nombreuses hypothèses, justes ou non, sur l'« autre » peuvent apparaître.
- Il faut comprendre le conflit et essayer de le résoudre de la manière la plus positive et constructive possible.
- La résolution d'un conflit s'appuie sur une compréhension précise et complète du conflit lui-même.
- « Il faut donc apprendre à reconnaître le conflit, à le vivre et à le gérer du mieux possible. »

3. Présentation des fondements de la négociation raisonnée Kwerekana inkebe z'imishyikirano ifatika

Iminota 50

Ibikoresho: Amakarita cyangwa impapuro zanditse cyangwa zafotowe mbere ziriho urutonde rw'amahame 10 y'imishyikirano ifatika ya Havard, impapuro zo mu nama, amakaramo agenewe abahugurwa, marikeri, ikibaho, ingwa, amashusho.

Uburyo: Gukorera hamwe bikurikiwe n'inama-amabwiriza mu ruhame.

Imigendekere:

- Saba abahugurwa kwiremamo amatsinda y'abantu 6.
- Ha buri tsinda ikarita imwe cyangwa amakarita 2/impapuro zanditseho/ zafotowe. Musome inyandiko ziri ku ikarita cyangwa banza umenye neza ko mu itsinda harimo umuntu uzi gusoma neza.
- Kuri buri karita cyangwa urupapuro kariho rimwe mu mahame 10 y'imishyikirano ifatika (reka ku rutonde hasi).

- Saba buri tsinda gusoma ihame bafite banariganireho (iminota 15):
 - Muratekereza iki kuri iri hame?
 - Mushobora gutanga urugero rw'ubuzima bwanyu buhuye naryo?
 - Ni izihe mbogamizi z'iri hame?
- Iminota 15 irangiye, saba buri tsinda kwerekana ihame ry'imishyikirano ifatika baganiriyeho, uhereye ku itsinda rifite ihame rya mbere n'irya 2, gutyo gutyo.
- Mu gihe amatsinda yose yarangije kuvuga, binyuremo usoma kandi unashimangira ku nama zihariye zavuye muri buri hame.

Urutonde rw'amahame 10 y'imishyikirano ifatika

1. **Kubaka icyizere utakiremereje:** buriya gutsinda bisaba kubaka ikizere n'abo mushyikirana. Rimwe na rimwe, utumenyetso duto duto turahagije kugirango ugarure kandi unahashye imyaka y'urwikekwe.
2. **Gufata uwo mushyikirana nk'uko wakwifuje ko wafatwa:** buri gihe ukwiye kwibaza iki kibazo mbere yo kugira imyifatire runaka: nabigenza nte baramutse bamfashe muri buriya buryo? Mwibuke ko abantu bose bakunda guhabwa agaciro no kwakirwa.
3. **Kumva ko bishoboka guharirana nta gufashanya:** Kenshi na kenshi, mu ntangiriro z'imishyikirano, buri ruhanda rubogama ku buryo burenze ubukenewe, kugirango rukomeze nko kuyobora. Ariko aho kubogama imbere y'undi, ni ngombwa kujya kureba inyungu ziri inyuma y'ukubogama. Mu yandi magambo, ntumukibande ku bisabwa ahubwo ku mpamvu zigutera gusaba. Muzarushaho kumva neza inyungu z'uwo mushyikirana.
4. **Kwemera ko bishoboka gufashanya nta guharirana:** Bitandukanye n'ibyo abantu benshi bishyizemo/batekereza ko bitaba aribyo gutangaza inyungu kugirango bidatuma ucika intege, ni byiza ahubwo kuzimenya no kuzishimangira. Nuvuga ibyawe mbere bizatera undi nawe imbaraga zo kukwigana. Impagarara zivuye mu kwemeza inyungu zifungura guhanga ibisubizo bishya, bitari byitezwe kandi bifatika ku mpande zombi bikajya ahagaragara.
5. **Kutigerashyamba cyangwa kugurisha umubano:** Ni ngombwa guhagarika kwitambika mu mubano usaba abo mushyikirana impano. Na none ni ngombwa kwirinda gushyamba kuwubungabunga ku giciro icyaricyo cyose kandi nawe ubwawe uzitanga. Kuko, undi ntazigera yibagirwa ibyo wamwambuye kandi azakora uko ashoboye kose ngo abigaruze. Nyamara, naba ari wowe umuharira ntacyo umusabye, azatekereza ko wamuhenze ubwenge kandi azicuza impamvu atagusabye byinshi.
6. **Gukemura ikibazo cy' imibanire mbere y'ikibazo kigaragara/gifatika:** Niba intego yumushyikirano ari ugukemura amakimbirane y'abantu, uko wagerageza kose gukemura ikibazo, ibitavuzwe bizahora byihishe inyuma kandi bizabangamira imigendekere yayo myiza. Rero birakwiye mbere na mbere kugira imyifatire iganisha ku kwiungana ituma habaho gutuza k'umubano.
7. **Kwiga ibibazo by'abandi mbere yo kubyakira cyangwa kubyanga:** Ubwoba bwo kubona undi yakira ibitekerezo byawe nk'ukwiyemeza bizitira kugira udushya. Ni ngombwa cyane kwirinda, guhita urwanya ako kanya igitekerezo cy'uwo mushyikirana. Ahubwo, akira kandi wumve ibitekerezo by'uwo mushyikirana. Hari amahirwe menshi yo kubona igitekerezo cyiza iyo ku meza hatari umurundo wabyo.
8. **Kwirinda ugusubizanya kubi "ijisho ku rindi, irinyo ku rindi":** Benshi batekereza ko imishyikirano ari intambara byanze bikunze irimo uwatsinze n'uwatsinzwe. Imbere y'igitero, wirwanaho kandi ukarwana. Imbere y'uburakari, uzamura ijwi. Kubw'ibyo, biroroshye cyane kugwa mu mutego wo kuzamuka, noneho imishyikirano ikagwa mu mbaraga zisenya. Gukora ibinyuranye n'ibyo uwo mushyikirana yiteze biramutungura bigatuma afunguka.
9. **Guha rugari imbamutima:** Mu mishyikirano, imbamutima (zawe cyangwa z'undi) sishobora kuba inzitizi mbi kurusha izindi z'ugutsinda. Nyamara birashoboka kuzigira abafasha bakomeye. Na none, ni ngombwa kuvumbura iby'injenzi bikenewe byihishe inyuma yazo yaba kuri wowe cyangwa kubo mushyikirana. Amahane agaragara ashobora kuba ikimenyetso cy'ibura ry'ukwakirwa cyangwa icyiyumviro cy'ukutagira uruhare mu cyemezo runaka. Uko biri kose, si ngombwa kuyoroshya, habe no kuyahisha ahubwo kuyasohora ariko ukabyishingira, ni ukuvuga kutayashinja undi. Kugaragaza gutyo imbamutima zawe ni imwe mu nzira zatuma undi yemera kukumva.
10. **Gutegura icyo ugiye gukora mbere yo kugitangira igihe imishyikirano yanze:** Bisa nk'aho bihabanye kwinjira mu mishyikirano n'umuntu ukanashaka kubona ibisubizo hanze mbere yo gutangira gushyikirana nawe. Mbere yo gutangira tegura umuryango wo gusohokeramo twita Igisubizo kiza cyo guhindura "Meilleure Solution de Rechange (MESORE)". Ubwisanzure uzumva ufite buzakurinda umutego wo gushakisha ukumvikana ku buryo bwose, kandi buzakongerera ububasha mu maso y'abo mushyikirana. Icyitonderwa: niba mwifitemo MESORE, imishyikirano yanyu ntizigera yanga ukundi.rimwe na rimwe mu by'ukuli, gutsinda imishyikirano niko kuyitsindwa kuko mbere amasezerano yo ku meza ayariyo yose siyo meza kurusha igisubizo ukuye hanze.

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Imishyikirano ifatika ibangikanye n'imishyikirano ishingiyeye ku nzego:

- Inama ya mbere ni: kutigera ugira imishyikirano ishingiyeye ku nzego. Imishyikirano ishingiyeye ku nzego yiga mbere na mbere ku byahise kurusha imishyikirano ifatika yibanda ku hazaza.
- Inyungu y'imishyikirano ni inyabubiri: amakimbirane n'umubano n'uwo muhanganye (umubano ufite agaciro ubu: kumva ugutsinda guhujwe n'ireme ry'umubano ukomeye n'uwo muhanganye, ejo hazaza: akenshi uwo muhanganye azakomeza kuba ejo uwo mushyikiranye ejo). Abashyikirana ni abantu: amarangamutima nta-subirwaho, akenshi aba avanze n'ibibazo by'ibanze.
- Ni ngombwa kwegera ibibazo by'abantu nta kuzuyaza kugirango ubinyuranye n'ikibazo cy'ibanze, kwishyira mu mwanya w'uwo muhanganye, kuvumbura amarangamutima yawe bwite, gushyira uwo muhanganye mu gushakisha no kwemerwa, gushyiraho ibimenyetso, kumva no kugaragaza mu buryo buziguye ibyo wumva, kuvuga kugirango ubashe kumvwa no kudahangana n'abantu ariko intego y'amakimbirane.

Imishyikirano ifatika yishyigikiriza amahame ane y'ingenzi:

1. ABANTU: gutandukanya ibibazo by'abantu n'amakimbirane (amakimbirane cyangwa ikibazo).
2. INYUNGU: kwibanda ku nyungu ziriho aho kwibanda ku nzego.
3. IBISUBIZO: gutekereza urusobe rw'ibisubizo mbere yo gufata icyemezo
4. IBIPIMO: kwibanda ku ikoreshwa ry'ibipimo bitabogama.

Aya mahame ane yifashishwa mu bihe bitatu by'imishyikirano:

5. ISESENGURA
6. GUSHYIRA ahagaragara gahunda
7. IKIGANIRO

4. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku kwiga amahame ane imishyikirano ifatika yishyigikiriza.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Ikiganiro 6.2: Imishyikirano ifatika: Ihame rya 1: Gutandukanya abantu n'ikibazo.

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Kwibutsa abahugurwa ingingo ziranga gutega amatwi no gushimangira ko imvugo y'umubiri kenshi ishobora guhindurwa mu gihe cyo gutanga ubutumwa runaka ku bigukikije, harimo no mu gihe cy'imishyikirano.
 - Kumvisha abahugurwa ko, mu mishyikirano ari ngombwa gufata mu buryo butandukanye ibibazo bwite n'ikibazo nyacyo.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no ubaza abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize (imyitwarire itandukanye y'ubuyobozi).
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu munsu kiza kuba kungurana ibitekerezo ku ihame rya mbere mu mahame ane y'imishyikirano ifatika ariryo: gutandukanya abantu n'ikibazo.
- Shimangira ko ikiganiro kiza kuba mu ngiro cyane kubera ko ari ukwibutsa imyitwarire itandukanye, uburyo bwacu bwo gutumanaho n'ingaruka bugira mu gihe cy'imishyikirano.
- Shimangira ko abahugurwa bari buze gusabwa cyane gukanguka kugirango babashe gushyira mu ngiro iryo hame ry'imishyikirano ifatika.

2. Principe N° 1. Séparer les personnes du problème

Iminota 100

Ibikoresho: Amakarita y'abakinnyi (ni ngombwa).

Modalités : Umukino ukurikiwe no gutanga inama.

Intego:

- Gufasha abahugurwa kwiyumvisha cyane akamaro ko gutega amatwi kugirango habeho itumanaho ryiza atari gusa mu itsinda ry'ikiganiro ariko na none no mu buzimabwabo bwite, nko mu gihe hakenewe imishyikirano.
- Kubafasha kumva ko itumanaho ari igikoresho k'ibanze mu mikoranire myiza n'abandi ishobora guteza imbere umudendezo rusange n'ubusabane burambye, kandi ko gushyira mu bikorwa uburinganire no kubaka amahoro bisaba ubushobozi bw'itumanaho ryiza (bwite cyangwa rusange), no mu gihe cy'imishyikirano.

Imigendekere:

Igice cya 1. (iminota 20)

- Gusaba abahugurwa kurema itsinda rimwe ry'abantu bane. Iryo tsinda ry' "abavuga" iravuga inkuru ku buzima bwaryo. Gukora irindi tsinda ry'abantu bane baza kuba "abatega amatwi" bakumva iryo tsinda rindi.
- Saba abavuga gutekereza ku kintu cyabaye mu buzima bwabo bakishimira gusobanura hanyuma ubatumire kuva mu

cyumba aho muri.

- Mu gihe abavuga bamaze gusohoka, saba abatega amatwi gutangira kumva uvuga neza mu gihe cy'iminota ya mbere, ubundi bahagarike kumva igihe ubaciriye isiri (ushobora gukoma amshyi cyangwa ikindi kimenyetso).
- Mu gihe uvuga akomeza kuvuga inkuru ye, utega amatwi agomba guhagarika burundu kumwumva. Urugero ashobora kwayura, kureba hirya, guhindukira, gutangira kuganira n'abandi cyangwa guora icyo ashaka: icyangombwa ni uko aba atacyimwumva, n'ubwo uvuga agikomeza inkuru ye (umuntu uri kuvuga ntazi ibiri kuba kandi agomba kujya imbere y'ugutegwa amatwi nyakwo n'ukutari ko).
- Menya neza niba amabwiriza ari kubahirizwa n'abatega amatwi, hanyuma winjize abari kuvuga noneho mutangire igikorwa.
- Nyuma y'iminota 2-3, tanga ikimenyetso abatega amatwi bahagarike kumva.
- Baza abari kuvuga:
 - *Mwumvaga mumeze mute muri kuvuga inkuru yanyu?*
 - *Ese byari bitandukanye igihe mwari mutezwe amatwi n'igihe ababumva bari bagiye?*
- Baza abatega amatwi:
 - *Mwumvaga mumeze mute nk'abategaga amatwi ariko badahari?*
- Saba itsinda ryose gutekereza ko ari nko mu gihe cy'imishyikirano yo gukemura amakimbirane:
 - *Ingaruka zavamo ni izihe?*
 - *Kubera iki gutega amatwi ari ngombwa?*
 - *Ku bwanyu, ni iyihe sano iri hagati y'ugutega amatwi n'imishyikirano?*
- Cunga neza ufashe kuyobora ikiganiro cy'itsinda ku buryo abahugurwa benshi bagira iyo bavuga.
- Saba abahugurwa gutekereza ku ngero z'aho babaye abatega amatwi beza n'aho barangaye.
- Anzurira hamwe n'abahugurwa mwifashishije inama ikurikira: gutega amatwi gushobora kuba ku bantu impamvu ya mbere yo kuvuga ibibazo byabo. Ituma habaho kuvuga ibiyumviro akenshi byirengagijwe n'abagukikije, kumenya ibyifuzo no kugaragaza ibisabwa.

Igice cya 2. (iminota 80)

- Gusobanura ko mugiyeye gusaba ababishaka gukina umukino n'uko abandi bagomba kwitegereza neza.
- Saba abahugurwa batanu babishaka gusohoka mu ruziga no kujya guhimba umukino ku mushyikirano w'amakimbiranane/ikibazo bihimbiye kibahanganisha (byaba byiza harimo amakimbirane umugore n'umugabo, mu rugo, abaturanyi, akazi).
- Mu gihe babandi batanu bagiye gutegura umukino wabo, saba abandi babisha batatu kuza gusesengura uko imishyikirano yagenze nyuma y'uko bamaze gukina. Muganire mu ruziga mwiyebutsa amahame y'imishyikirano ifatika yizwe mu kiganiro cyahise.
- Mu gihe cy'iminota 20 yo gutegura, saba abagiye kuza kwerekana umukino wabo.
- Nyuma y'umukino, baza ba bakorerabushake batatu gusesengura ibyo (iminota 5-10) banasubiza ibi bibazo bikurikira:
 - *Ni ibihe bibazo mu mukino wakinwe?*
 - *Ni ibihe bitekerezo bitandukanye kuri uwo mukino?*
 - *Ni gute twatandukanye abantu n'ikibazo mu mishyikirano?*
 - *Abakinnyi b'umukino, bavanze amahame y'imishyikirano ifatika?*
 - *Ni gute babigenza mu gutandukanya abantu n'ikibazo?*
- None fungura ikiganirompaka mu ruhamu usabe ibitekerezo bindi.
- Nyuma yo kuganira ku buryo bwo gutandukanya abantu n'ikibazo, baza abakorerabushake bakinye umukino kongera gusohoka no guhimba umukino w'umushyikirano ufatika kdai urangira neza.
- Baza mu ruhamu (iminota 10):
 - *Ku bwanyu, uburyo umukino urangira harimo umushyikirano ufatika?*
 - *Ese abakorerabushake bari gushobora gutandukanya abantu n'ikibazo, no kubona igisubizo cy'ikibazo?*
- Mu gusoza, tanga ikiganiro gito:
 - *Iyo amakimbirane akemuwe nabi, ashobora guteza inzika no n'itandukana rya burundu. Nyamara iyo akemuwe neza, ateza imbere ubwumvikane n'icyizere, akanatuma habaho gushimangirwa kw'umubano uhuje abantu babiri.*
 - *Mu gukemura ikibazo neza, ni ngombwa kumenya neza amarangamutima n'imbamutima byawe, kugirango uvum*

bure ibyo ukeneye bwite.

- Niba umuntu atazi ibyo ashaka kugeraho, bishobora kumugora kubitangariza abandi no kwemera gukemura am akimbirane. Ibyo bizatuma habaho impaka zidafite aho ziganisha, zidacukumbura ikibazo nyacyo kugirango im pamvu y'amakimbirane iboneke.

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Byaba byiza kumenya neza ibikoresho byose. Saba ubufasha bw'ikipe ya Alerte International igihe bikenewe.

- Sobanurira abahugurwa ko imishyikirano ifatika ibangikanye n'imishyikirano ku nzego. Mbese inama ya mbere yaba: "kutigera na rimwe ushyikirana ku nzego!"

Imishyikirano ifatika yishyigikiriza amahame ane y'ingenzi:

1. ABANTU: gutandukanya ibibazo by'abantu n'amakimbirane (amakimbirane cyangwa ikibazo)
2. INYUNGU: kwibanda ku nyungu ziriho aho kwibanda ku nzego.
3. IBISUBIZO: gutekereza urusobe rw'ibisubizo mbere yo gufata icyemezo
4. IBIPIMO: kwibanda ku ikoreshwa ry'ibipimo bitabogama.

Ihame rya 1. Gutandukanya abantu n'ikibazo n'amakimbirane cyangwa ikibazo.

- **Kutigera ushaka cyangwa kugurisha umubano:** Ni ngombwa guhagarika kwitambika mu mubano usaba abo mushyikirana impano. Na none ni ngombwa kwirinda gushaka kuwubungabunga ku giciro icyaricyo cyose kandi nawe ubwawe uzitanga. Kuko, undi ntazigera yibagirwa ibyo wamwambuye kandi azakora uko ashoboye kose ngo abigaruze. Nyamara, naba ari wowe umuharira ntacyo umusabye, azatekereza ko wamuhenze ubwenge kandi azicuza impamvu atagusabye byinshi.
- **Kubaka icyizere nta utakiremereje:** buriya gutsinda bisaba kubaka ikizere n'abo mushyikirana. Rimwe na rimwe, utumenyetso duto duto turahagije kugirango ugarure kandi unahashye imyaka y'urwikekwe. Ariko na none, ni ngombwa kwitondera imwe mu ngaruka zikomeye wahura nazo: gushingira amasezerano ku cyizere cyonyine aho kuba ku kibazo cyiri kiganirwaho.
- **Gufata uwo mushyikirana nk'uko wakwifuje ko bagufata:** burigiye ukwiye kwibaza iki kibazo mbere yo kwifata mu buryo runaka: nabigenza nte baramutse bamfashe muri buriya buryo? Bizabarinda ikimwaro. Mwibuke ko abantu bose bakunda guhabwa agaciro no kwakirwa. Mbere na mbere ni ahanyu kwereka uwo mushyikirana ko mushaka kumva ibyo ashaka kuvuga kandi ko mwiteguye kubihira agaciro. Dusarura ibyo twabibye.
- Shyira mu ncamake iby'ingenzi byizwe muri iki kiganiro mu kugisoza:
 - Mu mishyikirano, nibyo kwita ku kibazo ariko na none no ku muntu. Ni ngombwa "gutandukanya ibibazo by'abantu n'ikibazo nyacyo".
 - Gushyira itandukaniro hagati y' « ikibazo » ni ukuvuga "ikibazo uko cyagaragajwe" n'amakimbirane (hagati y'abantu bashyamiranye), ni ukuvuga "ikibazo n'ibindi byose bijyana nacyo."
- Mu gihe cy'imishyikirano, abashyikirana ni abantu. Ibyiyumviro ntibyabura, akenshi bivanze n'ikibazo nyacyo.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
 - Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bazabwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
 - Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
 - Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku kwiga na none ku mishyikirano ifatika, Ihame rya kabiri. Inyungu: kwibanda ku nyungu aho kuba ku nzego.
 - Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.
-

Ikiganiro 6.3: Ihame rya 2. Kwibanda ku nyungu aho kuba ku nzego

- **IGIHE CYAGENWE:** aAmasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi bucuriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Kumvisha abahugurwa ko, mu gihe cy'imishyikirano, ari ngombwa kumva inyungu.
 - Kwiyumvisha kurushaho uburyo ubushobozi/ubumenyi bwacu mu mishyikirano bushobora guhindurwa n'im bamutima.
 - Kumvisha abahugurwa ko mu msihyikirano, ari ngombwa kumva inyungu.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga.
- Akira abagore bakora ubucuruzi bucuriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no ubaza abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize.
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu munsu kiza kuba kungurana ibitekerezo ku ihame rya 2: INYUNGU: kwibanda ku nyungu aho kuba ku nzego
- Shimangira ko ikiganiro kiza kuba mu ngiro cyane kubera ko ari ukwibutsa imyitwarire itandukanye, uburyo bwacu bwo gutumanaho n'ingaruka bugira mu gihe cy'imishyikirano.
- Shimangira ko abahugurwa bari buze gusabwa cyane gukanguka kugirango babashe
- gushyira mu ngiro iryo hame ry'imishyikirano ifatika.

2. Ihame rya 2. Kwibanda ku nyungu aho kuba ku nzego

Iminota 100

Ibikoresho: Amakarita y'abakinnyi.

Uburyo: Jmukino ukurikiwe n'amabwiriza.

Intego:

- Kumvisha abahugurwa ko, mu gihe cy'imishyikirano, ari ngombwa kumva inyungu.
- Kwiyumvisha kurushaho uburyo ubushobozi/ubumenyi bwacu mu mishyikirano bushobora guhindurwa n'im bamutima.
- Kumvisha abahugurwa ko mu msihyikirano, ari ngombwa kumva inyungu.
- Kwitoza gukora imishyikirano ifatika; ni byiza "koko kumva ibahise. Ariko nanone ni ingombwa cyane gutekereza ku hazaza h'ejo".

Imigendekere:

Igice cya 1. (iminota 15)

- Baza abahugurwa icyabakozeho cyane mu kiganiro cyashize cyerkeye n'ihame rya mbere ry'imishyikirano ifatika (gutandukanya abantu n'ikibazo).
- Baza abahugurwa ibibazo bikurikira:
 - *Kuva mu kiganiro gishize, hari umuntu muri mwe wigeze agira uruhare mu gukiza makimbirane?*
 - *Ni iki cyari gikomeye? ni iki cyari cyoroshye?*

- Gufasha ikiganiro mu itsinda ku buryo abantu besnhi babona amahirwe yo gutanga ibitekerezo. Gushishikariza abantu badakunda kuvuga nabo kugirango batange ibitekerezo (nta guca imanza kuko bishobora kubabangamira).

Igice cya 2. (iminota 85)

- Sobanura ko ugiye gusaba ababishaka bamwe gukina agakino n'uko abandi bahugurwa basabwa kwitegereza cyane.
- Saba abahugurwa batanu babishaka gusohoka mu ruziga nunini no kujya guhimba umukino ku imishyikirano w'amakimbirane/ikibazo bihimbiye bibabangikanyije. (ibyiza byaba ari nk'ikibazo hagati y'abashakanye, mu rugo, abaturanyi n'akazi). Kora ku buryo abakorerabushake bataba bamwe nk'abo mu kiganiro cyashize.
- Abakorerabushake bamaze gusohoka gutegura umukino wabo, saba abandi bashya gusesengura uburyo imishyikirano nyuma yo kugina umukino. Muganirire mu ruziga mwibutsa amahame y'imishyikirano ifatika (reba inyandiko y'abafashamyumvire).
- Mu minota icumi bategura, saba abagiye gutegura kuza kwerekana umukino wabo.
- Nyuma y'umukino, saba ba bakorerabushake batatu gusesengura ikibazo (iminota -5-10) banasubiza ibi bisubizo bindi:
 - Ni ibihe bibazo mu mukino wakinye?
 - Ni ibihe bitekerezo bitandukanye byavugwa ku mukino?
 - Ni gute bishoboka gutandukanya abantu n'ikibazo mu mishyikirano?
 - Abakinnye umukino bavanze amahame y'imishyikirano ifatika?
 - Ni gute bakagombye kubigenza mu gutandukanya abantu n'ikibazo?
- Noneho fungura ikiganiro mu ruhamu usabe ibindi bitekerezo.
- Nyuma yo kuganira ku buryo bwo gutandukanya bantu n'ikibazo, baza abakinnye umukino kongera gusohoka no guhimba umukino aho mu mushyikirano ufatika, ugira iherezo ryiza.
- Bariza mu ruhamu (iminota 10):
- Kuri mwe, iherezo ry'uyu mukino ririmo umushyikirano ufatika?
 - Abakorerabushake babashije gutandukanya neza abantu n'ikibazo, no kubona igisubizo cy'ikibazo.
- Mu gusoza, tanga ikiganiro gito:
 - Iyo amakimbirane akemuwe nabi, ashobora guteza inzika no n'itandukana rya burundu. Nyamara iyo akemuwe neza, ateza imbere ubwumvikane n'icyizere, akanatuma habaho gushimangirwa kw'umubano uhuje abantu babiri.
 - Mu gukemura ikibazo neza, ni ngombwa kwibanda ku nyungu aho kuba ku nzego, niba umuntu atazi neza ibyo ashaka kugeraho bishobora kumugora kubitangariza abandi no kwemera gukemura amakimbirane. Ibyo biza tuma habaho impaka zidafite aho ziganisha, zidacukumbura ikibazo nyacyo kugirango impamvu y'amakimbirane iboneke.

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Byaba byiza kumenya neza ibikoresho byose. Saba ubufasha bw'ikipe ya *Alerte International* igihe bikenewe.

- Sobanurira abahugurwa ko imishyikirano ifatika ibangikanye n'imishyikirano ku nzego. Mbese inama ya mbere yaba: "kutigera na rimwe ushyikirana ku nzego."

Imishyikirano ifatika yishyigikiriza amahame ane y'ingenzi:

5. ABANTU: gutandukanya ibibazo by'abantu n'amakimbirane (amakimbirane cyangwa ikibazo).
6. INYUNGU: kwibanda ku nyungu ziriho aho kwibanda ku nzego.
7. IBISUBIZO: gutekereza urusobe rw'ibisubizo mbere yo gufata icyemezo.
8. IBIPIMO: kwibanda ku ikoreshwa ry'ibipimo bitabogama.

Ihame rya 2. Kwibanda ku nyungu, aho kuba ku nzego prince

- **Kumva ko bishoboka guharirana nta gufashanya:** Kenshi na kenshi, mu ntangiriro z'imishyikirano, buri ruhande rubogama ku buryo burenze ubukenewe, kugirango rukomeze nko kuyobora. Iyo umwe ashaka ko imishyikirano ikomeza, akageraho "arekura", undi yumva ko yakabije mu byo asaba kandi ko « yarengereye ». ingaruka, aho kugirango yemere kwingingwa, azarushaho kwikomeza. Ni aho iri hame ry'imishyikirano ifatika: aho kwihagararaho imbere y'undi, « jya gushaka inyungu inyuma y'inzego ». Mu yandi magambo, mwikibanda cyane ku bisabwa ahubwo ku mpamvu bisabwa. Muzarushaho kumva neza ibyo uwo muhanganye akeneye.
- **Kwemera ko bishoboka gufashanya nta guharirana:** ingaruka y'ingingo ibanza, ni uko nk'uko abantu bakeka aho bavuga ko atari byo gutangaza inyungu kugirango bidatuma ucika intege, ni byiza ahubwo kuzimenya no kuzishimangira. Nuvuga ibyawe mbere bizatera undi nawe imbaraga zo kukwigana. Impagarara zivuye mu kwemeza inyungu zifungura guhanga ibisubizo bishya, bitari byitezwe kandi bifatika ku mpande zombi bikajya ahagaragara. Numwereka ko uhayeho agaciro ibye, muzabonera hamwe ko inzego zihora zihabanye, inyungu zishishe inyuma zo siko zimeze cyane. Ni aho habera igitangaza: igitutu cyavutse kubera guhagarara ku nyungu kizafungura uguhanga igisubizo gishya, kitari kitezwe kandi kinogeye impande zombi.
- **Inzego:** ahanini abantu baba bashaka urwego. Urwego ukaba ari icyarimwe uburyo bwo gutekereza, icyerekeze cyangwa intego. Urwego akenshi ruba rushingiye ku nyungu zishobora kuba bwite, zihuye n'akazi cyangwa ari gusa itegeko ryo kugenza imsihyikirano. Inyungu zishobora na none guhindurwa mu by'ingenzi bikenewe.
- **Inyungu:** inyungu ni ibyifuzo n'imihangayiko itagaragara bitera abantu gufata inzego runaka. Zishobora kuba ingingo zifatika zishobora guhindurwa kugirango inyungu bwite zigerweho.
- **Ibibazo by'ingenzi byo kuvumbura inyungu (izacu n'izabo):**
 - Ni iki mushaka kuzageraho?
 - Ni ibihe bisubizo mushaka kugeraho?
 - Ni ibiki bibahangayikishije bijyanye n'ingingo?
 - Ni ibihe bibazo dushaka gukemura?
 - Haba iki kugirango twumve tunyuzwe, tumerewe neza?
 - Ni ikihe gisubizo kiza ku mpande zombi?
 - Ni iki vy'ingenzi kuri mwe?
 - Ni iyihe nyungu mu kuba warafashe urwo rwego rwanyu? Ni iyihe ngaruka?
 - Ni izihe mpinduka zizazanwa n'igisubizo?
- Uburyo bwose dusobanuramo inyungu n'ibikenewe n'uburyo bwo kubigeraho, kubasha kubimenya byonyine bitoroshya ibiganiri binafashe kubona ibisubizo byiza.
- **"Imishyikirano ifatika" uburyo bwubaka kurusha guhangana:** nibyo, mu mubano ukomeje, guhagarara ku nyungu ze bishobora gufatanywa no kubaha undi. Sibyo, gushyikirana mu buryo bwiza ntibisaba gukoresha amayeri, guhindukana no kwemera utemeye. Nibyo, kugirango utsinde imishyikirano, ibyiza ni ukwicarana iruhande aho kuba imbere n'imbere kuko kwerekana imbaraga sicyo cya nyuma.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva babwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiri gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiri cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiri gitaha kizibanda ku mishyikirano ifatika: ihame rya gatatu: kuremera hamwe inzira zo gutsinda.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiri cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Ikiganiro 6.4: Ihame rya 3. Kuremera hamwe inzira zo gutsinda

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Z'IKIGANIRO:**
 - Gushishikariza umuyobozi wese kwitondera gushakisha inyungu ku mpande zombi.
 - Gushishikariza abahugurwa gutekereza igihe cyose ibisubizo byinshi bishoboka mbere yo gufata icyemezo.
 - Gushishikariza abagize itsinda ry'ibiganiro kumva ko umushyikirano uba ukeneye gutegurwa.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa bose nawe, abafashamyumvire, mukora uruziga runini.
- Ha ikaze abagore bakora ubucuruzi buciriritse mpuzamipaka cyangwa/n'abagabo babo mu kiganiro gishya un-abashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Tumira abahugurwa kutanga incamake y'ikiganiro ku bwoko butandukanye bw'ubuyobozi.
- Tangaza ko iki kiganiro kizibanda ku: "mishyikirano ifatika: Ihame rya gatatu. Kuremera hamwe inzira zo gutsinda" n'uko abahugurwa baza gushishikarizwa igihe cyo gutekereza ku bisubizo byinshi bishoboka mbere yo gufata umwanzuro.

2. Ihame rya 3. Kuremera hamwe inzira zo gutsinda

Iminota 100

Ibikoresho: Ibibaho by'inama na feutres Tableaux de conférence et feutres.

Uburyo: Ikiganiro mu ruhame, imyitozo yo kubona, kungurana ibitekerezo

Imigendekere:

Igice cya 1. Ikiganiro mu ruhame (Iminota 60)


- Saba abahugurwa gufunga amaso no gutekereza ubwoko bw'ibisubizo babonye igihe baganiraga ku kibazo mu rugo, aho batuye, ku mupaka, ku isokp, mu rukiko, kuro=i polisi, n'ahandi.
- Sobanura ibishoboka bitandukanye:
 - *Gutsinda magirirane: impande zombi, babonye inyungu kandi batsinze.*
 - *Gutsindwa magirirane: impande zombi nta nyungu zabonye kandi bose batsinzwe.*
 - *Gutsinda-gutsinda: uruhande rumwe nirwo rwabonye inyungu, urundi rwatsinzwe.*
- Baza ababonye ubwoko bw'igisubizo cy'imishyikirano kuzamura ikiganza. (Tegereza babe benshi).
- Saba n'abandi bamwe gutanga ingero, noneho uyobore ikiganiro n'abahugurwa bose:
 - *Ni nde utsinda kenshi? ni nde utsindwa kenshi?*
 - *Kuri mwe, ni izihe nyungu ziri mu kuba impande zombi zitsinzwe? Ingaruka zabamo ni izihe?*
 - *Kuri mwe, ni izihe nyungu ziri mu kuba impande zombi zitsinze? Ingaruka zabamo ni izihe?*
 - *Kuri mwe, ni ikihe gisubizo cyaba kiza hagati y'ibyo bitatu twavuze kugirango habe umudendezo rusange n'amahoro?*
 - *Mu miryango yanyu, aho mutuye, mu masoko yanyu, ninde akenshi uba ukurikirana mu gushakisha ibisubizo mu mishyikirano (abagore cyangwa abagabo, etc)?*
 - *Ni izihe ngaruka mbi, z'ukubura kw'abagore mu mishyikirano mu gushakira ibisubizo by'ibibazo byo mu miryango,*

aho mutuye, mu masoko, muri sosiyete, etc.?



- Ni izihe nyungu zo kugira abagore bari mu mishyikirano? Ni izihe nzitizi?
- Ni ngombwa cyane: mu gihe cy'ikiganiro, andika ingingo z'ingenzi ku kibaho cy'inama.

Étape 2. Kureba (Iminota 40)

- Erekana ishusho y'izi nyamanswa (mushobora kuba mwashushanyije/ mwakoze impapuro nyinshi zo guha abahugurwa):



- Bariza abahugurwa mu ruhame:
 - Musobanure ibyo mureba.
 - Iyi shusho yaba ihuje n'ubunararibonye bwanyu mu buzima (urugero iyo mwitegereje amakimbirane impande zanyu)?
- Nyuma y'iminota 2, erekana indi shusho:



- Baza abahugurwa:
 - *Iyi shusho murayitekerezaho iki? Ishushanya iki kuri mwe?*
 - *Twahuza gute iyi shusho n'ibiganiro byabanje?*
 - *Muri gutekereza ku ngero mwatanze mu ntangiriro z'iki kiganiro, ni gute mwahindura imishyikirano yanyu ku Gustinda-gutsinda?*
- Menya neza niba ibibazo byose byasubijwe kandi ibisubizo byumvishwe neza.

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

- **Gutekereza ku bisubizo bitanga inyungu ku mpande zombi.** Inzitizi enye zibangikanye n'ihimbwa ry'ibisubizo byinshi bishoboka:
 - Guca imanza byihuse
 - Gutekereza ko igisubizo gishoboka ari kimwe gusa
 - *L'idée que le gâteau est limité par nature/ igitekerezo cy'uko gato itagirwa na kamere*
 - Gutekereza ko uwo muhangaye ari we urebwa n'ingorane gusa
 - Iyo guteze amatwi undi, dukuzi ukwishyira mu mwanya we. Gutege amatwi bituma tumenya amakuru y'ibiri kuba. Hejuru y'ibyo, uko mutega abandi amatwi, ni nako namwe bayabatega. Gukemura amakimbirane bishobora kunaniza. Nugukora uko mushoboye kugirango atongera kugaruka.
- **Kugirango uhimbe ibisubizo byihariye, bizasaba:**
 - Kudahuza ihimbwa n'icyemezo
 - Kwiha umwanya wo gutekereza
 - Gushahakisha inyungu magirirane (guhindura inyungu zibangikanye zikuzuzanya)
 - Gufasha uwo muhanganye gufata icyemezo cye
- **Nk'abafashamyumvire:**
 - Kugumana mu mutwe ko iyi nsanganyamatsiko ikomeye kandi arii ingenzi. Ni ngombwa cyane ko abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo basohokana mu kiganiro ibitekerezo bihabanye cyangwa ibyo bumvise nabi.
 - Ita ku gushimangira akamaro cyangwa inyungu ziri mu "kuremera hamwe inzira zo gutsinda." shishika riza abahugurwa gutekereza ku bisubizo byinshi bishoboka mbere yo gufata icyemezo mu nzego zose (mu muryango, mu bikorwa by'ubucuruzi bwambukiranya imipaka, mu rwego rw'ibanze, mu gihugu cyangwa mu karere).
 - Abagore nabo bashobora gukora imishyikirano neza kimwe nk'abagabo, mu gihe bahawe amahirwe amwe mu burezi no mu kazi. Abagize sosiyete bese, baba abagabo cyangwa abagore, bagomba gukorera ama horo, umudendezo rusange ndetse n'uburinganire.
 - Abagize amatsinda y'ibiganiro bagomba kwiyezeza gufasha abantu "kurebera hamwe inzira z'ibisubizo zatuma batsinda." abagize amatsinda y'ibiganiro bagomba kubera abandi urugero mu gihe cy'imishyikirano.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva babwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Babwire ko ikiganiro gitaha na none kizibanda ku "mishyikirano ifatika Ihame rya 4. Gushimangira ku ikoreshwa ry'ingingo zitabogama."
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Ikiganiro 6.5: Ihame rya 4. Gushimangira ku ikoreshwa ry'ingingo zitabogama

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Comprendre que la négociation raisonnée exige que les résultats des discussions, dialogues ou négociations reposent sur des critères objectifs et non sur des émotions. Kumva ko umishyikirano ufatika usaba ko ibyavuye mu biganiro, imipaka cyangwa guciririkanya bishingira ku ingingo zitabogamye aho kuba ku mbamutima.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abataje.
- Shimangira muri iki kiganiro hari buze kuba gusangira ibitekerezo cyane ku ihame rya kane. Gushimangira ku ikoreshwa r'ingingo zitabogama.
- Menyesha ko iki kiganiro kirii buze kubaho gushyira mu ngiro cyane kubera ko kiratuma tuza gutekereza ku byo du-shingiraho ingingo zacu, hatitawe ku bindi bice bihari.
- Jyana abahugurwa ku kumenya no gushyiraho ingingo itabogamye, itabereye kandi yemewe n'impande zose.
- Shimangira ko abahugurwa bari buze gusabwa guhimba no kuba abanyakuli mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iryo hame rikomeye ry'imishyikirano ifatika.

2. Ihame rya 4. Gushimangira ku ikoreshwa ry'ingingo zitabogama

Iminota 100

Ibikoresho: Ishusho y'urubura, amakarita yanditsweho

Uburyo: Kuvuga, umukino bikurikiwe n'amabwiriza.

Imigendekere:

Igice cya 1. Gusubiramo (iminota 10).

- Gusaba abahugurwa ikintu cyabakozeho cyane mu kiganiro cyabanje ku ihame rya gatatu ry'imishyikirano ifatika (Kuremera hamwe inzira z'ibisubizo byo gutsinda)
- Baza abahugurwa ibibazo bikurikira:
 - *Kuva mu kiganiro cyabanje hari uwigeze abasha kwinjira mu ikemurwa ry'amakimbirane?*
 - *Ni iki cyagoranye cyane? ni iki cyoroshye cyane?*
- Itondera korohereza ikiganiro mu matsinda ku buryo abahugurwa benshi bagira icyo bavuga, shishikariza abatagira akamenyeru ku kuvuga nabo kugirango bagire icyo batangaza (nta kubacira urubanza kuko byababangamira).

Igice cya 2. Kuvuga (iminota 10)

- Saba abahugurwa kwitegereza ishusho y'ibihu no gutekereza urwo rubura rushushanya ikibazo runaka.



- Sobanura uruhande ko "rutabogamy" rw'ikibazo rusa nk'aho buri gihe rugaragara. Ruhora rugaragara iyo tubona ibiriho: abantu bafitemo uruhare, inzego, amategeko ariho, n'ibindi.
- Sobanura ko uruhande "rubogamy" rw'ikibazo ari urwo kuvumbura kandi ko rutazigera rugaragazwa. Dushobora kubibona mu gice kitagaragara, munsu y'amazi ahari urubura, nk'urugero: imihangayiko, ukutumvikana, ibyo twibwira, amarangamutima, imbamutima, ubwoba, inyungu, indangagaciro n'ibikenewe.
- Ndi nde ufite "ukuli" mu kibazo?

Igice cya 3. Umukino (iminota 40)

- Saba itsinda ry'abantu batandatu babishaka kuva mu ruziga runini no kujya guhimba umukino w'imishyikirano n'ibiganiro ku makimbirane (tanga iminota 10 yo gutegura)
- Mu gihe abakorera bushake bategura umukino, tandukanya abahugurwa mu matsinda abiri yo kwitegereza:
 - Saba igice kimwe cy'abahugurwa kwitegereza no kugumana ibyo babona, inzego n'amategeko ariho.
 - Saba ikindi gice cy'abahugurwa kwitegereza no kugumana imihangayiko, imbamutima, ubwoba n'inyungu byavuzwe n'abakinnyi b'umukino.
- Nyuma y'umukino, baza igice cya mbere cy'abahugurwa gusobanura ibyo babonye:
 - Ni ibihe bintu, inzego mwabashije kwitegereza?
 - Ni ayahe mategeko ariho (niba bayazi)?
- Hanyuma baza itsinda rya kabiri ry'abahugurwa:
 - Ni iyihe mihangayiko, imbamutima, ubwoba n'inyungu byavuzwe n'abakinnyi?
 - Ni gute zagaragaye? (urugero: ibimenyetso, gusohoka kw'ijwi n'ibindi)
- Hanyuma baza bose:
 - Ni gute abakinnyi bari kuzungura ngo babashe kwinjira neza mu gukemura amakimbirane hagati yabo?
 - Ni izihe ngingo zitabogama mushobora kuvana mu makimbirana yerekanywe mu mukino?
 - Ni gute abakinnyi bari kwitwara kugirango babone igisubizo kiza kiboneye bose?
 - Muganire kandi munasobanure mukurikije inama z'umufashanyumvire zikurikira hasi.

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Bisaba kuba uzi neza gukoresha ibikoresho bitandukanye. Saba ubufasha ikipe ibishinzwe yo muri Alerte International igihe bikenewe.

Gutekereza ku bisubuzo bitanga inyungu ku mpande zombi.

Inzitizi enye zibangikanye n'ihimbwa ry'ibisubizo byinshi bishoboka:

- Guca imanza byihuse
- Gutekereza ko igisubizo gishoboka ari kimwe gusa
- L'idée que le gâteau est limité par nature Igitekerezo cy'uko gato itagarukira kuri kamere [sinizeye uburyo iyi nteruro isemuye]
- Gutekereza ko uwo muhangaye ari we urebwa n'ingorane gusa

Kugirango uhimbe ibisubizo byihariye, bizasaba:

- Kudahuza ihimbwa n'icyemezo
- Kwiha umwanya wo gutekereza
- Gushahakisha inyungu magirirane (guhindura inyungu zibangikanye zikuzuzanya)
- Gufasha uwo muhanganye gufata icyemezo cye

Ihame rya 4. Gushimangira ikoreshwa ry'ingingo zitabogama:

- **Les critères objectifs sont: ingingo zitabogama ni:**
 - Ntizigendera ku bushake bw'impande zihari
 - Zemerwa n'impande zombie
 - Ku bimenyetso by'ukuringanira- ukuringanira kw'igisubizo (urugero: ibice 2 bingana), ukuringanira kw'inzira zanyuzwemo (urugero: gutombora)
- **Gushingira ibiganiro ku ngingo zitabogama bivuze:**
 - Gushakishiriza hamwe ingingo itabogamye
 - Igihe cyose guhora ufungukiye gutekereza, kutabererekerera igitutu
- **Kwiga ku bitekerezo by'abandi mbere yo kubyemera cyangwa kubyanga**
 - Ubwoba bwo kubona undi afata ibitekerezo byawe nk'ukwiyemeza bituma habaho kuzitira imihimbire. Ni byiza kubanza guhimba mbere yo kwiyemeza.
 - Rero, mu kwerekana ugufunguka kwawe, birasaba kwirinda kurwanya ako kanya igitekerezo gitanzwe n'uwo muganira.
 - Akira kandi utege amatwi ibitekerezo by'uwo muganira. Hanyuma muzabasha kumwerekera ko mwifuzaga kurondora ibitekerezo byinshi mbere yo kugumana ikibanyuze mwembi.
 - Amahirwe yo kubona igitekerezo kiza aba menshi kurusha iyo hari ibitekerezo byinshi ku meza.
- **Kwirinda ugusubizanya kubi "ijisho ku rindi, iryinyo ku rindi":**
 - Benshi batekereza ko imishyikirano ari intambara byanze bikunze irimo uwatsinze n'uwatsinzwe.
 - Imbere y'igitero, uba wirwanaho kandi ukarwana. Imbere y'uburakari, uzamura ijwi. Kubw'ibyoyi, biroroshye cyane kugwa mu mutego wo kuzamuka, noneho imishyikirano ikagwa mu mbaraga zisenya. Gukora ibinyuranye n'ibyoyi uwo mushyikirana yiteze biramutungura bigatuma afunguka.
 - Aho kwibanda ku guhunga imbaraga z'uwo muhanganye, ugomba kumukoresha umuyobora ku kibazo cyo gukemura. Gukora ibitandukanye n'ibyoyi uwo muhanganye yari yiteze mu nzira nziza bituma atungurwa akaba yanifungura.

- **Guha rugari imbamutima:**
 - Mu mishyikirano, imbamutima (zawe cyangwa z'undi) sishobora kuba inzitizi mbi kurusha izindi z'ugutsinda. Nyamara birashoboka kuzigira abafasha bakomeye.
 - Na none, ni ngombwa gushingira ku bikenewe by'ingenzi byihishe inyuma yaba kuri wowe cyangwa kubo mushyikirana. Amahane agaragara ashobora kuba ikimenyetso cy'ibura ry'ukwakirwa cyangwa icyiyumviro cy'ukutagira uruhare mu cyemezo runaka.
 - Uko biri kose, si ngombwa kuyoroshya, habe no kuyahisha ahubwo kuyareka agasohoka ariko ukabyishingira, ni ukuvuga kutayashinja undi. Kugaragaza gutyo imbamutima zawe ni imwe mu nzira zatuma undi yemera kukumva.
- **“Imishyikirano ifatika” uburyo bwubaka kurusha guhangana**
 - Nibyo, mu mubano ukomeje, guhagarara ku nyungu ze bishobora gufatanywa no kubaha undi.
 - Sibyo, gushyikirana mu buryo bwiza ntibisaba gukoresha amayeri, guhindukana no kwemera utemeye.
 - Nibyo, kugirango utsinde imishyikirano, ibyiza ni ukwicarana iruhande aho kuba imbere n'imbere kuko kwerekana imbaraga sicyo cya nyuma.

3. Uwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva babwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku mumaro w'imbamutima.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Ikiganiro 6.6: Iyo igice muhanganye cyanze imishyikirano ifatika kigahitamo gukoresha inzira zinyuranyije n'amategeko

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gushishikariza abahugurwa bashyikirana kwanga kuba abahohoterwa: ushobora kwikomeza, kwikomeza cyane kurusha uwo muhanganye, ariko ku bijyanye n'amahame atari ku izima.
 - Kumva ko mu mishyikirano, uburyo budahwitse nabwo ni uburyo ariko si imbere ni inyuma, ni ngombwa gutan girira ku kumvikana uburyo bwo gushyikirana.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga runini.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo mu kiganiro ni kubashimira ubwitabire bwabo.
- Shaka amakuru ku bakererewe n'abataje.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cyabanje no ubaza abitabiriye kuvuga mu ncamake ibyo mwaganiriyeho ubushize (imyitwarire itandukanye y'ubuyobozi).
- Tangaza ko mu kiganiro cy'umunsi muza gusangira ibitekerezo kibazo: "Iyo igice muhanganye cyanze imishyikirano ifatika kigahitamo gukoresha inzira zinyuranyije n'amategeko."
- Babwire ko muri iki kiganiro kiza kuba mu ngiro cyane kubera ko kiza kudufasha gutekereza kumenya imikorere ngiro inyuranyije n'amategeko n'inzira z'ibinyoma zibaho zikoreshwa cyane n'abo muhanganye, n'uburyo bwo kuzisubiza.

2. Iyo igice muhanganye cyanze imishyikirano ifatika kigahitamo gukoresha inzira zinyuranyije n'amategeko.

Iminota 100

Ibikoresho: Amakarita yanditse, marikeri, papiers flipcharts.

Uburyo: Kuvuga, umukino bikurikiwe n'inama-amabwiriza.

Imigendekere:

Igice cya 1. Gusubiramo (iminota 10).

- Baza abahugurwa ikintu cyabakozeho cyane mu kiganiro ku ihame rya kane ry'imishyikirano ifatika. (Ibande ku ikoreshwa ry'ingingo zitabogama)
- Baza ibibazo bikurikira:
 - Muri mwe hari uwigeze ahura n'amakimbirane akagira uruhare mu kuyacyemura kuva mu kiganiro?
 - Ni iki cyari gikomeyemo? Ni iki cyari cyoroshyemo?
- Itondere koroshya ikiganiro mu matsinda ku buryo abahugurwa benshi bagira iumwanya wo kugira icyo bavuga.
- By'umwihariko shishikariza abadafite akamenyero ku kuvuga kugira icyo bavuga (nta guca urubanza kuko by-ababangamira).

Igice cya 2. Umukino no kuganira (iminota40)

- Saba itsinda ry'ababishaka batandatu kuva mu ruziga no kuja guhimba umukino ku gikorwa cyangwa ibikorwa binyuranyije n'amategeko/ inzira z'ibinyoma zikunze kubaho bahura nazo mu bucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'uwo bahanganye mu mishyikirano n'uburyo babyitwaramo (tanga iminota 10 yo gutegura).
- Mu gihe abakorerabushake bategura umukino, saba abahugurwa kwitegereza no gufata umuryo bw'ibinyoma bukoreshwa n'abakinnyi b'umukino.
- Nyuma y'umukino. Baza ibibazo bikurikira abahugurwa:
 - *Sobanura amakimbirane agaragara muri uyu mukino.*
 - *Ni ayahe mayeri mwabonyemo?*
 - *Kubera iki mutekereza ko uriya/bariya m/bantu ya/bakoresheje amayeri?*
 - *Hari ibice by'imishyikirano ifatika mwabonyemo? Niba ari byo ni ibihe?*
 - *Ku bwanyu, ni iyihe mihangayiko, imbamutima, ubwoba n'inyungu byavuzwe n'abakinnyi?*
 - *Ni gute mwabonyemo? urugero: ibimenyetso, gusohoka kw'ijwi, n'ibindi.*
 - *Ni gute abakinnyi bari kubigenza kundi kugirango bakemure amakimbirane neza?*
 - *Ni izihe ngingo zitabogama mushobora gukura muri aya makimbirane yerekanwe n'umukino?*
 - *Ni mu buhe buryo abakinnyi bari kwitwara kugirango bagere ku gisubizo kiza kuri bose?*
 - *Hari ibintu nk'ibi mujya muhura nabyo mu buzima bwanyu bwa buri muni?*
 - *Ni gute mugerageza gukemura amakimbirane mu buryo bufatika?*
- Muganire munasobanura mugendeye ku by'inama z'umufashamyumvire zibivuga.

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Ibikorwa by'ibinyoma:

- Kubeshya nkana: gutanga amakuru atari yo ku byabaye, ku bubasha ushyikirana afite, ku byifuzo (gutandukanya kubeshya no kutavuga byose).
- Ibintu biteye ubwoba (ibidukikije): kubivugaho, kubihindura, gusaba guhagarara.
- Kwibasira umuntu bwite: kuvuga umuntu, gukora ibishoboka byamushyira ku rwego rwo hasi (gutegererasha gahunda ufitanye n'umuntu, guhagarika imishyikirano ako kanya ugakora ibindi, ibitekerezo bibi, kwanga gutege amatwi ku bwende kugirango usubirishemo umuntu, kutareba mu maso).
- Imbaraga z'iterabwoba ziva mu kuziha agaciro, ushobora kuryirengagiza, ushobora gushyiraho ingaruka ku muntu urikora, ushobora kurikoresha mu nyungu zawe, kuzivuga, kuvugako utarisubiza no kwigizayo ikiganiro ku ngingo zitabogama.
- Ingamba yo gukoresha igitutu mu mishyikirano y'inzego: kwanga imishyikirano, gusaba ibirenze, gusaba ubutitsa ibirenze, kwanga kuva kw'izima k'uwo muhanganye (ihinduka ku mwizakujya ku mubi), kwimana igihe, "kugifata cyangwa ukabyihorera".
- Uko biri kose bisaba kwanga kuba uhohoterwa: ushobora kwiyerekana nk'ukomeye imbere y'uwo muhanganye ariko ku mahame atari ku nzego. Biroroshye kurinda amahame atabogama kurusha gusobanura ibikorwa by'ibinyoma.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo. Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu munsi, icyo bumva basangiza undi muntu n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
 - Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu munsi.
 - Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku kungurana ibitekerezo hagati y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse n'abagabo babo unabasabe kwitegura bombi kuzitabira.
 - Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona
-

Ikiganiro 6.7: Ikiganiro kivanze: imishyikirano ifatika

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha 2
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka cyangwa/ n'abagabo babo.
- **ABAFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe baturutse mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gushishikariza abashakanye gukora imishyikirano ifatika aho kuba imishyikirano ku nzego.
 - Gushishikariza abashakanye kumva amakimbarane no kugerageza kuyakemura mu buryo bwiza kandi bwubaka mu rwego rwo kurema icyizere no gushimangira imigozi y'urugo rwabo, kominote yabo, no kumva ko « imishyikirano ifatika » ari amahitamo yubaka.
 - Gusubiramo iby'ingenzi byavuzwe ku nsanganyamatsiko « imishyikirano ifatika » no gusozza insanganyamatsiko.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa nawe ubwawe, abafashamyumvire mukora uruziga runini. Ubu buryo butuma abahugurwa bose barebana bagategana amatwi bakumva bangana.
- Akira abitabiriye amahugurwa bose mukiganiro unabashimira ubwitabire bwabo. Ibi biganirwa bivanze biba wongeye-ho n'ibiganirwa bitandukanye.
- Sobanura ko intego y'ibiganirwa bivanze ari ugutanga "umwanya utekanye" kugirango haganirwe ku nsanganyamatsiko zireba ubuzima busanzwe bwabo nk'abashakanye.
- Sobanura ko ibiganirwa biteguye neza kandi ko bsaba kubigiramo uruhare kw'ababyitabiriye mu myitoto yo mu matsinda no mu mikino.
- Andika ko amabwiriza shingiro amwe akurikizwa mu biganirwa bivanze (ibanga, ibivugiwe aha niho bisigara, kubaha ibyo abantu bose bavuze, gutega amatwi neza, amajwi y'abagore n'abagabo agombwa kumvwa, kugira uruhare mu biganirwa byose bivanze, gutangirira ku gihe, kubaha igitekerezo cy'abandi,...)
- Sobanura na none akamaro ko kugira ibanga hagati y'abashakanye batandukanye. Intego y'ibiganirwa bivanze si ugutunga undi urutoki, gutongana, gucirana imanza, ahubwo ni ugutekereza ku buryo tubanamo n'uko twateza imbere imigirire yacu n'itumanaho ryacu kugirango turushaho kuba mu mahoro no gukora imishinga yacu nk'abashakanye.
- Tangaza ko mugiyeye kubanza kwibwirana, hanyuma mukaganirira ku "imishyikirano ifatika mu rwego rwo gukemura amakimbarane mu bashakanye."

2. Imishyikirano ifatika. Amahame 4 y'ingenzi

Iminota 100

Uburyo: Imyitoto bwite no mu bashakanye

Ibikoresho: Ntabyo

Intego:

- Kwiga kumenya amakimbarane mu bashakanye cyangwa mu muryango, kuyabamo no kuyacunga neza.
- Kwiga gutandukanya abantu n'ikibazo mu rwego rwo kugira ubuzima bwiza nk'abashakanye no mu muryango.
- Kwitwaza gushyira mu bikorwa imishyikirano ifatika hagati y'abashakanye no mu muryango.

Imigendekere:

- Ibutsa abahugurwa ko bagize amatsinda y'ibiganirwa afite intego yo uteza imbere imibereho myiza y'umuryango n'urugo.

- Ibutsa abahugurwa ko ubwitabire bwabo ari ikimenyetso ko bashaka kuzana impinduka mu ngo zabo.
- Saba buri wese gutekereza mu gihe cy'imino 5 ku buryo yifuzaga ko umuryango we ubaho, noneho usabe abahugurwa babishaka gusangiza intumbero zabo.
- Baza abahugurwa:
 - *Kuri mwe, ni ayahe makimbirane akunze kuba mu bashakanye? (muri rusange aho kuba ku giti cyabo bwite).*
- NK'umufashamyumvire, shaka urugero rw'amakimbirane rwavuzwe n'abashakanye. Sobanura ko mugiyeye gufata urwo rugero rw'amakimbirane mukarusesengura. Baza abahugurwa:
 - *Kuri mwe, mubona abantu batandukanwa n'ikibazo?*
 - *Muri aya makimbirane, kuri mwe mubona harimo izihe nyungu?*
 - *Ni ibihe bisubizo bishoboka byatanga inyungu ihuriweho?*
 - *Ni izihe mpinduka igisubizo kizazana?*
 - *Ni ikihe gisubizo kiza cyo Gutsinda-gutsinda mu muryango wacu?*
 - *Ni iki kigomba kuba kugirango twumve tunyuzwe kandi tumerewe neza?*
- Sobanura imigirire ishoboka itanyuze mu mategeko/amayeri akunze kubaho akoreshwa cyane n'abagore cyangwa abagabo mu miryango yabo mu gihe cy'imishyikirano munarebe ukuntu yahiduka.
- Sigira umwanya uhagije n'igihe guhagije ikiganiro cya rusange, ariko witondere kuvuga ku ngingo zose z'imishyikirano ifatika.
- Ha abahugurwa umukoro wo mu rugo:
 - *Abagore n'abagabo batumiwe guhitamo igikorwa cyangwa amayeri mabi atubahirije amategeko yo gukosora mu rwego rwo kuzanira amahoro n'umunezero undi, abana be, umuryango we, abaturanyi be (urugero kubeshya ubigam buriye, intambara yo mu mutwe, ibihe biteye ubwoba (ibidukikije), kwibasira umuntu : kumuvuga, kumushyira hasi, kutumva uwo mwashakanye, kumuca mu ijamba ari kuvuga, gukora ikindi kintu ari kukuvugisha, kumukekaho ibintu bibi, kwanga kumwumva nkana kugirango asubiremo, kutareba mu maso... ;amayeri y'umubi n'umwiza, gutera uwoba, kwirengagiza udni, gushyira igitutu ku muntu, kwanga gushyikirana, gusaba ibirenze, gusaba ibirenze buri gihe, kwanga kuva ku izima, n'ibindi).*
 - *Tangaza ko ubuhamya n'ubunararibonye bwabo bishobora gusangizwa mu kiganiro gitaha.*

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

Bisaba kuba uzi neza gukoresha ibikoresho bitandukanye. Saba ubufasha ikipe ibishinzwe yo muri Alert International igihe bikenewe.

Ibisobanuro:

- **Inzego:** ahanini abantu baba bashaka urwego. Urwego rukaba ari icyarimwe uburyo bwo gutekereza, icyerekezo cyangwa intego. Urwego akenshi ruba rushingiye ku nyungu zishobora kuba bwite, zihuye n'akazi cyangwa ari gusa itegeko ryo kugenza imishyikirano. Inyungu zishobora na none guhindurwa mu by'ingenzi bikenewe. Une position est essentiellement ce que les gens veulent.
- **Inyungu:** inyungu ni ibyifuzo n'imihangayiko itagaragara bitera abantu gufata ibyemezo runaka. Zishobora kuba ingingo zifatika zishobora guhindurwa kugirango inyungu bwite zigerweho.

Kwiyibutsa rutonde rw'amahame 10 y'imishyikirano ifatika:

1. **Kubaka icyizere utakiremereje:** buriya gutsinda bisaba kubaka ikizere n'abo mushyikirana. Rimwe na rimwe, utumenyetso duto duto turahagije kugirango ugarure kandi unahashye imyaka y'urwikekwe.
2. **Gufata uwo mushyikirana nk'uko wakwifuje ko wafatwa:** buri gihe ukwiye kwibaza iki kibazo mbere yo kugira imyifatire runaka: nabigenza nte baramutse bamfashe muri buriya buryo? Mwibuke ko abantu bose bakunda guhabwa agaciro no kwakirwa.
3. **Kumva ko bishoboka guharirana nta gufashanya:** Kenshi na kenshi, mu ntangiriro z'imishyikirano, buri ru-

hande rubogama ku buryo burenze ubukenewe, kugirango rukomeze nko kuyobora. Ariko aho kubogama imbere y'undi, ni ngombwa kujya kureba inyungu ziri inyuma y'ukubogama. Mu yandi magambo, ntimukibande ku bisabwa ahubwo ku mpamvu zigutera gusaba. Muzarushaho kumva neza inyungu z'uwo mushyikirana.

4. **Kwemera ko bishoboka gufashanya nta guharirana:** Bitandukanye n'ibyo abantu benshi bishyizemo/batekereza ko bitaba aribyo gutangaza inyungu kugirango bidatuma ucika intege, ni byiza ahubwo kuzimenya no kuzishimangira. Nuvuga ibyawe mbere bizatera undi nawe imbaraga zo kukwigana. Impagarara zivuye mu kwemeza inyungu zifungura guhanga ibisubizo bishya, bitari byitezwe kandi bifatika ku mpande zombi bikajya ahagaragara.
5. **Kutigera ushaka cyangwa kugurisha umubano:** Ni ngombwa guhagarika kwitambika mu mubano usaba abo mushyikirana impano. Na none ni ngombwa kwirinda gushaka kuwubungabunga ku giciro icyaricyo cyose kandi nawe ubwawe uzitanga. Kuko, undi ntazigera yibagirwa ibyo wamwambuye kandi azakora uko ashoboye kose ngo abigaruze. Nyamara, naba ari wowe umuharira ntacyo umusabye, azatekereza ko wamuhenze ubwenge kandi azicuza impamvu atagusabye byinshi.
6. **Gukemura ikibazo cy' imibanire mbere y'ikibazo kigaragara/gifatika:** Niba intego yumushyikirano ari ugukemura amakimbirane y'abantu, uko wagerageza kose gukemura ikibazo, ibitavuzwe bizahora byihishe inyuma kandi bizabangamira imigendekere yayo myiza. Rero birakwiye mbere na mbere kugira imyifatire iganisha ku kwiyounga ituma habaho gutuza k'umubano.
7. **Kwiga ibibazo by'abandi mbere yo kubyakira cyangwa kubyanga:** Ubwoba bwo kubona undi yakira ibitekerezo byawe nk'ukwiyemeza bizitira kugira udushya. Ni ngombwa cyane kwirinda, guhita urwanya ako kanya igitekerezo cy'uwo mushyikirana. Ahubwo, akira kandi wumve ibitekerezo by'uwo mushyikirana. Hari amahirwe menshi yo kubona igitekerezo cyiza iyo ku meza hatari umurundo wabyo.
8. **Kwirinda ugusubizanya kubi "ijisho ku rindi, iryinyo ku rindi":** Benshi batekereza ko imishyikirano ari intambara byanze bikunze irimo uwatsinze n'uwatsinze. Imbere y'igitero, wirwanaho kandi ukarwana. Imbere y'uburakari, uzamura ijwi. Kubw'ibyo, biroroshya cyane kugwa mu mutego wo kuzamuka, noneho imishyikirano ikagwa mu mbaraga zisenya. Gukora ibinyuranye n'ibyo uwo mushyikirana yiteze biramutungura bigatuma afunguka.
9. **Guha rugari imbamutima:** Mu mishyikirano, imbamutima (zawe cyangwa z'undi) sishobora kuba inzitizi mbi kurusha izindi z'ugutsinda. Nyamara birashoboka kuzigira abafasha bakomeye. Na none, ni ngombwa kuvumbura iby'ingenzi bikenewe byihishe inyuma yazo yaba kuri wowe cyangwa kubo mushyikirana. Amahane agaragara ashobora kuba ikimenyetso cy'ibura ry'ukwakirwa cyangwa icyiyumviro cy'ukutagira uruhare mu cyemezo runaka. Uko biri kose, si ngombwa kuyoroshya, habe no kuyahisha ahubwo kuyasohora ariko ukabyishingira, ni ukuvuga kutayashinja undi. Kugaragaza gutyo imbamutima zawe ni imwe mu nzira zatuma undi yemera kukumva.
10. **Gutegura icyo ugiye gukora mbere yo kugitangira igihe imishyikirano yanze:** Bisa nk'aho bihabanye kwinjira mu mishyikirano n'umuntu ukanashaka kubona ibisubizo hanze mbere yo gutangira gushyikirana nawe. Mbere yo gutangira tegura umuryango wo gusohokeramo twita Igisubizo kiza cyo guhindura "Meilleure Solution de Rechange (MESORE)." Ubwisanzure uzumva ufite buzakurinda umutego wo gushakisha ukumvikana ku buryo bwose, kandi buzakongerera ububasha mu maso y'abo mushyikirana. Icyitonderwa: niba mwifitemo MESORE, imishyikirano yanyu ntazigera yanga ukundi.rimwe na rimwe mu by'ukuli, gutsinda imishyikirano niko kuyitsindwa kuko mbere amasezerano yo ku meza ayariyo yose siyo meza kurusha igisubizo ukuye hanze.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
 - Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva basangiza undi muntu n'ikindi bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
 - Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
 - Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.
-

Insanganyamatsiko 7.

Ubumwe rusange no gushimangira amahoro

Intangiriro

Iyi nsanganyamatsiko ifite intego rusange yo kwigisha abagize amatsinda y'ibiganiro gusesengurira hamwe no gukorera hamwe mu rwego rwo kubaka ubumwe rusange. Ibiganiro byahujwe kubera ibihe byabayeho by'amakimbirane abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo n'abaturage bahuye nabyo, ndetse n'ibikorwa byabo bya buri muni mu bice byegereye imipaka ya Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi. Ibiganiro bigize iyi nsanganyamatsiko hari aho bihuriye cyane n'insanganyamatsiko ya 4: "Gusobanukirwa imbaraga z'amakimbirane."

Ibiganiro bivuga ku bumwe rusange biganisha cyane cyane ku cyizere, kwihanganira, ubwumvikane, amasano n'imiyoboro. Umwe mu bahanga ba mbere banditse kuri iki gitekerezo ni Emile Durkheim (1858-1917). Mu gitabo cye « De la Division du travail social », Durkheim agaragaza ubumwe rusange mu rwego rw'imikorere myiza ya sosiyete irangwa n'imitandukanire mu mibanire n'ubufatanye bukomeye ndetse n'umutima-nama rusange. Mu gihe abantu bafatanye amasano hagati yabo bahurira mu itsinda rimwe bakagira uruhare mu bikorwa rusange bibahuje, sosiyete ikarushaho kunga ubumwe. icyakora, Durkheim akomeza avuga ko ubumwe rusange bushobora kwitwazwa bugakoreshwa mu ntego yo gushyigikira ubusumbane n'akarengane mu nzego.

Binyuze muri iyi nsanganyamatsiko, iyi mfasanyigisho ku buringanire yemeranywa cyane n'igisobanuro cy'ubumwe rusange kegereye cyane icy'Ubumwe bw'Uburayi: "Ubumbwe bw'Uburayi busobanura ubumwe rusange nk'ubushobozi bwa sosiyete mu gusigasira imibereho myiza y'abayigize, mu kugabanya ubutandukane uko bishoboka banirinda gutanga akato, bacunga amatandukaniro n'amacakubiri ndetse no kwiha uburyo bwo kurinda abaturage bose bayigize."⁹

Insanganyamatsiko igizwe n'ibiganiro bitanu. Ikiganiro cya gatatu n'icya gatanu bizibanda mu guhuriza hamwe amatsinda y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo. Iyi nsanganyamatsiko iha Alerte Internationale n'abafatanyabikorwa bayo uburyo bwisanzuye bwo gutegura ibiganiro hagati y'amatsinda atandukanye byagenewe mu bice byegereye imipaka ya Repubulika iharandira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi, ku bw'iby, kugirango haganirwe ku buryo buziguye ibibazo byerekeye ubumwe rusange hagati y'abaturage bireba.

Ibiganiro bivanze mpuzamipaka biramutse biteguwe, ni ngombwa cyane kumva no gusesengura ingingo z'urwikekwe rwahozeho n'ururiho hanatekerezwa no ku ngaruka zarwo ku buzima bw'abaturage ariko by'umwihariko gufata icyemezo cyo kwibanda kuri ejo hazaza; nta gushyira akitso cyane ku byahise ahubwo gushishikariza abahugurwa ku kumva no gusesengura ingingo zatuma habaho iterambere ry'ubumwe rusange mu rwego rwo kubana neza. Ni ngombwa gutera imbaraga icyifuzo cyo gutekereza sosiyete igizwe n'umubano nyawo, ungana kuri bose kandi usesuye, utanga umusaruro kandi urambye hagati "ya bose (abagore n'abagabo)", hibandwa mu kuvubura icyiza kiri muri mugenzi wawe ndetse no mubo muhanganye. Iyo ishobora kuba imwe mu nzira zo kushyiraho sosiyete yuje ubumwe."

9. Conseil de l'Europe (2010). Nouvelle stratégie et Plan d'action du Conseil de l'Europe pour la cohésion sociale. Page 2. Disponible sur: https://www.coe.int/t/dg3/socialpolicies/socialcohesiondev/source/2010Strategie_PlanAction_CohesionSociale.pdf

Incamake y'ibiganiro n'itego yabyo:

Ibiganiro	Intego
Ikiganiro 7.1: Kubaka icyerekezo kimwe cy'ubumwe rusange	<ul style="list-style-type: none"> Gufasha abahugurwa kugira no gusangira icyerekezo cy'ubumwe rusange mu matsinda no hagati y'amatsinda mu rwego rw'igihugu cyabo.
Ikiganiro 7.2: Gusesengurira hamwe ubumwe rusange	<ul style="list-style-type: none"> Gutegurira hamwe urutonde rw'ingingo zongera zikanagabanya ubumwe rusange mu bihugu byabo bwite n'ubutumwa bw'amahoro hagati y'amatsinda atandukanye.
Ikiganiro 7.3: Ikiganiro kivanze: gusesengurira hamwe ubumwe rusange	<ul style="list-style-type: none"> Gutegurira hamwe urutonde rw'ingingo zongera zikanagabanya ubumwe rusange mu bihugu byabo bwite n'ubutumwa bw'amahoro hagati y'abashakanye.
Ikiganiro 7.4: Gukorera hamwe kugirango habeho bumwe rusange	<ul style="list-style-type: none"> Gutegura gahunda y'ibikorwa kugira ngo amatsinda atandukanye akorere hamwe mu bijyanye n'ubumwe rusange aho batuye.
Ikiganiro 7.5: Ikiganiro kivanze: gukorera hamwe kugirango habeho ubumwe rusange	<ul style="list-style-type: none"> Gutegura gahunda y'ibikorwa kugirango abashakanye batandukanye bakorere hamwe kugirango habeho ubumwe rusange aho batuye. Gushishikariza amatsinda y'abagore bakora ubucuruzi buciriritse hagati yabo no hagati y'abagabo babo ku bibazo by'uburinganire, ubumwe rusange no gushimangira amahoro.

Ikiganiro 7.1: Kubaka icyerekezo kimwe cy'ubumwe rusange

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha atatu
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gufasha abahugurwa kugira no gusangira icyerekezo cy'ubumwe rusange mu matsinda no hagati y'amatsinda mu rwego rw'igihugu cyabo.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa bose hamwe nawe, abafashamyumvire, mukora uruziga runini.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse mpuzamipaka n'abagabo babo mu kiganiro gishya unabashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cy'ubushize usaba abahugurwa kuvuga mu ncamake ibyaganiriweho ubushize: Ikiganiro 6.7. ikiganiro kivanze: "imishyikirano ifatika".
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu muni kiza kwibanda ku kungurana ibitekerezo ku "kubaka icyerekezo kimwe ku bumwe rusange." Bizaba ari kuganirira hamwe no gutanga ibitekerezo kugirango hasobanurwe ubumwe rusange nk'ishingiro ryo kubaka inzozu zimwe za sosiyete isagambye n'ibice mpuzamipaka aho abaturage bafite umubano mwiza. Ikiganiro kizinjiza na none mu insaganyamatsiko ya 7: ubumwe rusange/ gushimangira amahoro nyuma yo kwibutsa "ikiganiro 4.1: guteza imbere imvugo imwe no gusobanura amakimbirane".

2. Kubaka icyerekezo kimwe cy'ubumwe rusange

Iminota 130

Ibikoresho: Ntabyo.

Uburyo: Gukorera hamwe, gukorera mu matsinda mato bikurikiwe n'inama mu ruhame.

Intego:

- Nyuma y'iki kiganiro, abahugurwa bazaba bamaze kugira icyerekezo cy'ubumwe rusange mu itsinda no hagati y'itsinda mu gihugu cyabo no mu karere, ndetse n'icyerekezo gishya cy'ubumwe rusange busangiwe n'abagize amatsinda y'ibiganiro atadukanye.
- Gufasha abahugurwa kumva imbaraga z'amateka y'ubumwe rusange kugirango bumvikane ku cyerekezo bifuzwa mu miryango yabo, aho batuye no mu bice mpuzamipaka hagati ya Republika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi.

Imigendekere: (Ni ngombwa: kumanika urupapuro rwanditseho intego z'ikiganiro 7.1)

Igice cya 1. Kwibutsa icyo ari cyo amakimbirane, urugomo n'amahoro (iminota 20)

- Saba abahugurwa kwibutsa uburyo basobanuye amakimbirane, urugomo n'amahoro, mu kiganiro 4.1.
- Saba abahugurwa kuvuga ubwoko 2 bw'amakimbirane akunze kugaruka aho baba mu ngo zabo, aho batuye cyangwa mu bice mpuzamipaka hagati ya Republika iharanira Demokarasi ya Kongo, u Rwanda n'u Burundi.
- Saba abahugurwa gusobanura uko ayo makimbirane avuka, abayagiramo uruhare cyane n'ingaruka agira ku batu-

rage bayabayemo. (gushingira ku bunararibonye bwabo mu ngo zabo, mu bikorwa byabo by'ubucuruzi mpuzami-paka, n'ibindi,).

- Saba abahugurwa gusobanura no kuganira ku myitwarire yabo (imyifatire, imyitwarire) imbere y'amakimbirane.
- Soza uyu mwitoto usobanura amakimbirane nk'ikintu kibi, ariko na none nk'amahirwe yo kubaka ubumwe rusange; mushime imyifatire ikwiye ku bumwe rusange mu gihe cy'amakimbirane; musobanure uruhare bashobora kugira cyangwa bagira ku giti cyabo mu kongera kugarura ubumwe rusange, by'umwihariko binyuze mu mishyikirano ifatika.

Umwitoto 1. Gufasha mu mwitoto w'inzozi (iminota 30)

- Tangira ushimangira icyizere cy'abahugurwa ukoresheje inkuru igaragaza akamaro k'inzozi z'isi nziza ku mpinduka rusange.
- Yobora abahugurwa mu mwitoto w'inzozi ubasaba gufunga amaso no kureka bakayoborwa n'inama z'umufash-amyumvire.

Consignes :

- Saba abahugurwa kwicara mu dutsinda duto tw'abantu 5-6.
- Saba buri wese gufunga amaso no gutekereza uko ubuzima bwe bwaba bumeze, uko ubuzima bw'umuryango we bwaba bumeze, aho atuye, uko ibikorwa bye by'ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka bwaba bimeze mu myaka 5-10 iri imbere.
- Mu gusozza umwitoto, saba buri wese gufungura amaso no gusangiza abo bari kumwe mu itsinda inzozi se niba abyifuza.
- Bose bamaze kuvuga, tumira buri meza ku kumvikana ku mashusho akomeye yavuye mu gusangira kwabo.
- Zenguruka ku meza yose, ukore ku buryo buri tsinda risangiza abahugurwa bese ayo mashusho.

Igice cya 2. Kubaka inzozi zimwe, zitanga umusaruro kandi zirambye z'amatsinda y'ibiganiro ya sosiyete inezerewe. (iminota 80)

Kwifashisha inzozi mu gusobanura icyerekezo cy'itsinda hakoreshejwe udutsinda duto cyangwa ameza (iminota 20)

- Saba buri wese guhitamo ijamba risobanura neza kuri we ubumwe rusange ahereye ku byo bavuze (ni gombwa: kubyandika ku kinyugunyugu bomeka).
- Tumira abagize buri tsinda gushyira hamwe amagambo babonye kugirango bakore interuro isobanura ubumwe rusange nk'uko baburose mu itsinda.
- Buri tsinda riraza kwandika icyerekezo cyaryo ku rupapuro na none ritege amatwi ibyo andi matsinda yabonye bibanda cyane mu kumva uburyo asobanura ubumwe rusange.

Igice cya 3. Gushimangira icyerekezo cya buri tsinda (iminota 20)

- Gufasha ikiganiro gito ku bitekerezo zikomeye biganisha ngingo z'imbaraga z'ubumwe rusange, by'umwihariko: icyizere, kwihanganira, ubwumvikane, amasano n'imiyoboro, ubufatanye hamwe n'umutimanama rusange ukomeye, kwiyumva mu itsinda, gusangira imirimo no kugira uruhare mu bikorwa by'itsinda ry'ibiganiro, n'ibindi.
- Tumira abahugurwa mu kiganiro gito cy'ibibazo-ibisubizo nyuma ya buri gisobanuro mu rwego rwo kugirango bumve neza ibisobanuro byatanzwe.
- Saba buri tsinda gusubiramo igisobanuro cyabo bagendeye ku bisobanuro byatanzwe banashyire igisobanuro cyabo mu gishushanyo, umuvugho, indirimbo cyangwa umukino. Demandez à chaque groupe de revoir sa définition en rapport avec la présentation et de traduire sa vision finale dans un dessin, un poème, une chanson ou un sketch.

Igice cya 4. Itegurwa ry'icyerekezo rusange mu itsinda (iminota 50)

- Tegura gushyira hamwe unatumire buri tsinda gusoma icyerecyezo cyaryo.
- Noneho saba itsinda rimwe ku rindi kwerekana ibyo bahanze ku bumwe rusange.
- Shimira abahugurwa bose nyuma ya buri iyerekana.
- Saba buri tsinda gushaka umuntu umwe urihagararira mu ikipe, iza guhuza ibyerekezo bitandukanye mu kerecyezo cy'ibanze ku cyerekezo gisangiwe n'itsinda. (nyuma ya buri gikorwa gushyiramo akaruhuko).
- Iyo kipe iraza gufata iminota mike yo gutegurira hamwe igisobanuro cy'ibanze cy'icyerekezo gisangiwe.
- Mu ruhame, tangaza ku kibaho igisobanuro cy'icyerekezo gisangiwe. Tumira abahugurwa kugira icyo bahindura kugirango hasigare igisobanuro gihuriweho na bose.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu munsi, icyo bumva basangiza undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu munsi.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda ku "gusesengurira hamwe ubumwe rusange."
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Inyandiko igenewe umufashamyumvire:

- Sobanura ko ari icyerekezo kizatuma abantu bahaguruka bakanakomeza kujya imbere; n'iyi mwatsitara ku nzitizi muzahura nazo mu nzira, inzira yanyu y'ubuzima, mu ngo zanyu, mu bikorwa byanyu, n'ibindi.
- Niba abagize itsinda batazi gusoma no kwandika, abafashamyumvire bazabafasha gukusanya ibitekerezo byabo no kubyandika ku kibaho bazereka andi matsinda manini.
- Mu gihe cy'umwitozo ku nzizi, soma witonze kandi byumvikana amabwiriza kandi ubikore uzenguruka ujya ku meza ku yandi, mu rwego rwo kubaha ibisobanuro n'ubufasha bukwiye niba ari ngombwa.
- Soza ikiganiro n'ibirori, bishobora kuba indirimbo, ikimenyetseo cyo gushima cyangwa gusuha abahugurwa bose.

Ikiganiro 7.2: Gusesengurira hamwe ubumwe rusange

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha abiri n'iminota 30
- **ABO KIGENEWE:** Abagore bakora ubucuruzi buciriritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gutegurira hamwe urutonde rw'impamvu zongera zikanagabanya ubumwe rusange mu bihugu byabo bwite n'ubutumwa bw'amahoro hagati y'amatsinda atandukanye.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa bose hamwe nawe, abafashamyumvire, mukora uruziga runini.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse mpuzamipaka cyangwa abagabo babo mu kiganiro gishya unabashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cy'ubushize usaba abahugurwa kuvuga mu ncamake ibyaganiriweho ubushize: "Séance 7. 1. Kubaka icyerekezo kimwe cy'ubumwe rusange."
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu muni kiza kwibanda ku kungurana ibitekerezo ku « kubaka icyerekezo kimwe ku bumwe rusange». Bizaba ari kuganirira hamwe no gutanga ibitekerezo mu rwego rwo gutegurira hamwe urutonde rw'impamvu zongera cyangwa zigabanya ubumwe rusange mu bihugu byabo byihariye, mu ngo zabo no gutegura ubutumwa bw'amahoro hagati y'amatsinda atandukanye bireba.

2. Gusesengurira hamwe ubumwe rusange

Iminota 130

Ibikoresho: impapuro, amakaramu yo guha abahugurwa, impapuro crafts, marikeri, ikibaho, ingwa, amakarita, ishusho.

Uburyo: gukorera hamwe, gukorera mu matsinda mato bikurikiwe n'inama mu ruhame.

Intego: Nyuma y'iki kiganiro, abahugurwa bazaba bakoreye hamwe urutonde rw'impamvu zongera cyangwa zigabanya ubumwe rusange mu bihugu byabo bwite, mu matsinda y'ibiganiro, mu ngo zabo banakoze ubutumwa bw'amahoro hagati y'amatsinda atandukanye bireba.

Imigendekere: (Ni ngombwa: kumanika urupapuro rwanditseho intego z'ikiganiro 7.2)

Igice cya 1. Gutegura ikiganiro (iminota 30)

- Ereka ko hamwe abagize itsinda ry'ibiganiro bahari, mugiyeho gushyira ahagaragara ubwoko bw'amakimbirane abiri cyangwa atatu ahora agaruka; bawe mu bagize amatsinda ahanganye baraza kuba abagize amatsinda y'ibiganiro.
- Tegura amatsinda yo kukoreramo hakurikijwe uko abahugurwa baziranye.
- Ereka ahantu bari butegurira ikiganiro, hagomba kuba ari hanze y'icyumba cy'inama.
- Andika mu izina ry'aho baturuka, ubutumwa bw'amahoro bugenewe andi matsinda bazashyikiriza kominote zabo bwite.
- Hitamo abaza kubahagararira mu kiganiro.

Imigendekere y'ikiganiro (iminota 40)

- Tegura ahantu hakorerwa ikiganiro.

- Akira abahugurwa, ubushyire ku ruziga. Hagati mu ruziga hashyire intebe z'abaza kugira uruhare mu kiganiro. Mu buryo bushoboka, saba abahugurwa kwicara iruhande rw'abagize ayandi matsinda.
- Fasha imigendekere y'ikiganiro ureba ko amabwiriza yubahirizwa. Abahagarariye amatsinda nibo nibo bonyine bemerewe gufata ijambo, abandi bahugurwa bagomba kugaragarizanya icyubahiro.
- Abandi bahugurwa batega amatwi neza bakanandika ibibazo byabo.
- Ubutumwa bw'amahoro butangwa ku musozo w'ikiganiro mu rwego rwo kubahiriza umuhango w'isoza ry'ikiganiro.

Isozwa ry'ikiganiro (iminota 15)

- Tegura umuhango wo gusoza, ugendanye n'imigenzo y'ahantu, ishushanya ubucuti, ubwumvikane n'umubano mwiza.
- Nyuma, buri wese ahereza ikiganza umwe mu bamwegereye bagasubira mu cyumba cy'inama (aho itsinda ry'ibiganiro rihurira) baganira ku mpamvu mbi cyangwa nziza zo kugarura ubumwe rusange mu gihugu.
- Gushyira ahagaragara impamvu z'ibanze zigira ingaruka ku buwe rusange mu gihugu.
- Mu kugaruka mu cyumba cy'inama buri wese asubira mu itsinda rye rya mbere akabasangiza ingingo zikurikira mu gihe cy'iminota 15:
 - Imyumvire ye ku migendekere y'ikiganiro.
 - Impamvu mbi cyangwa nziza zo kugarura ubumwe rusange yaganiriyeho na mugenzi we igihe yagarukaga mu cyumba cy'inama.
- Buri tsinda rihurira hamwe impamvu z'ingenzi:– Trois facteurs favorables
 - Impamvu eshatu ziza
 - Impamvu eshatu mbi
- Yobora gushyira hamwe uhitamo ibitekerezo byahuriweho.
- Mu gusoza, tumira abahugurwa kwemeranywa ku rutonde rw' impamvu zigira ingaruka ku bumwe rusange mu gihugu cyabo.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva bazabwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kizibanda na none ku "gusesengurira hamwe ubumwe rusange."
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Inyandiko igenewe abafashanyumvire:

- Wishingikirije iyi nzira yo guha imbaraga igitekerezo cyo kuba magirirane. Shimangira interuro: "Twese hamwe turi igisubizo."
- Mbere y'ikiganiro, banza umenye neza ko amatsinda azi gukoresha uburyo bwo gushimana nk'ishingiro ry'imikorere yabo.
- Ibutsa ko ubutumwa bw'amahoro bugomba bwise kujya umujyho umwe wo gushakishiriza hamwe ubumwe rusange.
- Niba abagize itsinda batazi gusoma no kwandika, bafashe ufata ibitekerezo byabo, ubyandike ku kibazho kizerekwa abandi bagize itsinda rinini.

Ikiganiro 7.3: Ikiganiro kivanze: gusesengurira hamwe ubumwe rusange

- **IGIHE CYAGENWE:** amasaha abiri n'iminota 30
- **ABO KIGENEWE:** abagore bakora ubucuruzi bucirirtse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gutegurira hamwe urutonde rw'impamvu zongera zikanagabanya ubumwe rusange mu bihugu byabo bwite n'ubutumwa bw'amahoro hagati y'abashakanye.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa bose hamwe nawe, abafashamyumvire, mukora uruziga runini.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciriritse mpuzamipaka cyangwa abagabo babo mu kiganiro gishya unabashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cy'ubushize usaba abahugurwa kuvuga mu ncamake ibyaganiriweho ubushize: "Séance 7. 2. Gusesengurira hamwe ubumwe rusange."
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu muni kiza kwibanda ku kungurana ibitekerezo ku "gusesengurira hamwe ubumwe rusange mu miryango yacu cyangwa mu ngo zacu."
- Bizaba ari kuganirira hamwe no gutanga ibitekerezo mu rwego rwo gutegurira hamwe urutonde rw'impamvu zongera cyangwa zigabanya ubumwe rusange mu miryango yacu no mu ngo zacu no gutegura ubutumwa bw'amahoro hagati y'abashakanye.

2. Gusesengurira hamwe ubumwe rusange

Iminota 130

Ibikoresho: impapuro, amakaramu yo guha abahugurwa, impapuro crafts, marikeri, ikibaho, ingwa, amakarita, ishusho.

Uburyo: gukorera hamwe, gukorera mu matsinda mato bikurikiwe n'inama mu ruhame.

Intego: Nyuma y'iki kiganiro, abahugurwa bagizwe n'abashakanye bazaba bakoreye hamwe urutonde rw'impamvu zongera cyangwa zigabanya ubumwe rusange mu bihugu byabo bwite, mu matsinda y'ibiganiro, mu ngo zabo banakoze ubutumwa bw'amahoro hagati y'amatsinda atandukanye bireba.

Imigendekere: ni ngombwa: kumanika urupapuro rwanditseho intego z'ikiganiro 7.3

Igice cya 1. Itegurwa ry'ikiganiro (iminota 30)

- Ereka buri wese mu bashakanye bahugurwa, agomba gushaka ibibazo/amakimbarane bibiri cyangwa bitatu bihora bigaruka bituma bahangana nk'abashakanye cyangwa urugo, kandi bituma habaho kugabanuka k'icyizere, kwihanganirana, umutuzo, amasano n'imiyoboro, ubufatanye n'ibyishimo byo kubana.
- Tegura amatsinda yo kukoreramo hakurikijwe umubare w'abashakanye bari guhungurwa. Ereka aho bari butegurire ikiganiro, ibyiza hakwiye kuba ari hanze y' icyumba cy'inama (aho itsinda ry'ikiganiro ribera).
- Buri mugore cyangwa umugabo arandikira ubutumwa bw'amahoro mugenzi we aze kubumushyikiriza nyuma y'ikiganiro mbere yo gutaha mu rugo.

Imigendekere y'ikiganiro (iminota 40)

- Tegura ahantu hakwiye ho gukorera ikiganiro (abashakanye bahimba iby'ingenzi mu gukora ikiganiro).
- Akira abahugurwa unabashyire ku ruziga, shaka intebe z'abari bugire uruhare mu kiganiro. Mu bishoboka, saba abahugurwa kwicara iruhande rw'abagize andi matsinda.
- Fasha abakora ibiganiro kubahiriza amabwiriza.
- Abagore n'abagabo baje bari kumwe bonyine nibo bemerewe gufata ijambo, abahugurwa bagomba kugaragariza-nye icyubahiro.
- Abandi bahugurwa batega amatwi neza bakanandika ibibazo byabo.
- Ubutumwa bw'amahoro butangwa ku musozo w'ikiganiro mu rwego rwo kubahiriza umuhango w'isoza ry'ikiganiro.

Isozwa ry'ikiganiro (iminota 60)

- Tegura umuhango wo gusoza, ugendanye n'imigenzo y'ahantu, ishushanya ubucuti, ubwumvikane n'umubano mwiza.
- Nyuma, buri wese ahereza ikiganza cyangwa agahobera uwo bashakanye bagasubira mu cyumba cy'inama (aho itsinda ry'ibiganiro rihurira) baganira ku mpamvu mbi cyangwa nziza zo kugarura ubumwe rusange muri bombi, muryango wabo cyangwa mu rugo.
- Kugaragaza impamvu z'ibanze zigira ingaruka ku bumwe rusange mu bashakanye.
- Mu kugaruka mu cyumba cy'inama buri wese asubira mu itsinda rye rya mbere akabasangiza ingingo zikurikira mu gihe cy'iminota 15:
 - Imyumvire ye ku migendekere y'ikiganiro.
 - Impamvu mbi cyangwa nziza zo kugarura ubumwe rusange yaganiriyeho na mugenzi we igihe yagarukaga mu cyumba cy'inama.
- Buri tsinda rihuriza hamwe impamvu z'ingenzi:
 - Impamvu eshatu ziza
 - Impamvu eshatu mbi
 - Yobora gushyira hamwe uhitamo ibitekerezo byahuriweho na bese.
- Mu gusoza, tumira abahugurwa kwemeranywa ku rutonde rw' impamvu zigira ingaruka ku bumwe rusange muri bo, mu rugo rwabo, mu muryango wabo.
- Tanga umukoro wo mu rugo kuri buri bashakanye: kubaho mu butumwa bw'amahoro bahanye. Bazasabwa kubikora mu kiganiro cy'ubutaha

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabore bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu munsi, icyo bumva bazabwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu munsi.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kiziba ari: "ikiganiro 7.4: Gukorera hamwe kugirango habeho bumwe rusange."
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona.

Inyandiko igenewe abafashamyumvire:

- Wishingikirije iyi nzira yo guha imbaraga igitekerezo cyo kuba magirirane. Shimangira interuro: "Twese hamwe turi igisubizo."
- Mbere y'ikiganiro, banza umenye neza ko abagize amatsinda, abashakanye, bazi gukoresha uburyo bwo gushimana nk'ishingiro ry'imikorere yabo.
- Ibutsa ko ubutumwa bw'amahoro bugomba bwise kujya umujyo umwe wo gushakishiriza hamwe ubumwe rusange.
- Niba abagize itsinda batazi gusoma no kwandika, bafashe ufata ibitekerezo byabo, ubandike ku kibazho kizerekwa abandi bagize itsinda rinini.

Ikiganiro 7.4: Gukorera hamwe kugirango habeho bumwe rusange

- **IGIHE CYAGENWE:** Amasaha abiri n'iminota 30
- **ABO KIGENEWE:** Labagore bakora ubucuruzi bucirirtse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** Abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gutegura gahunda y'ibikorwa kugira ngo amatsinda atandukanye akorere hamwe mu bijyanye n'ubumwe rusange aho batuye.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa bose hamwe nawe, abafashamyumvire, mukora uruziga runini.
- Akira abagore bakora ubucuruzi bucirirtse mpuzamipaka cyangwa abagabo babo mu kiganiro gishya unabashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibye.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cy'ubushize usaba abahugurwa kuvuga mu ncamake ibyaganiriweho ubushize: "Ikiganiro 7.3. Ikiganiro mixte: gusesengurira hamwe ubumwe rusange."
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu muni kibanda ku "gukorera hamwe kugirango habeho ubumwe rusange". Biraza kuba ari ukwibaza ku bikorwa byakorerwa hamwe mu kugarura umubano mwiza hagati y'abantu batandukanye ku rwego mpuzamitaka, abaturage, ingo n'abashakanye bafite amakimbirane.

2. Gukorera hamwe kugirango habeho ubumwe rusange

Iminota 100

Ibikoresho: impapuro, amakaramu yo guha abahugurwa, impapuro crafts, marikeri, ikibaho, ingwa, amakarita, ishusho.

Uburyo: gukorera hamwe, gukorera mu matsinda mato bikurikiwe n'inama mu ruhame.

Intego: Nyuma y'iki kiganiro, abahugurwa bagizwe n'abashakanye bazaba bakoreye hamwe gahunda y'ibikorwa ihuza amatsinda atandukanye ahanganye mu gukorera hamwe mu guteza imbere ubumwe rusange muri kominota zabo.

Imigendekere:

- (Ni ngombwa: kumanika urupapuro rwanditseho intego z'ikiganiro 7.4).
- Ibutsa impamvu z'ingenzi abashakanye bari bemeranyijweho mu kiganiro 7.2 (iminota 30) harimo impamvu eshatu nziza zituma habaho ubumwe rusange n'impamvu eshatu mbi zituma hataba ubumwe rusange, unakore urutonde rw'ibintu bitatu byagira uruhare mu bumwe rusange bwanyu nk'abashakanye (ku rwego mpuzamipaka, mu ngo, muri kominote) bitewe n'ubwoko bw'amakimbira ne cyangwa ikibazo.
- Fasha abahugurwa gushimangira ibitekerezo byabo bwite unayobore ishyirwa hamwe muhitamo ibitekerezo bihuriweho bisangiwe.
- Hanyuma, tumira abahugurwa kumvikana ku rutonde rw'impamvu ziruta izindi mu bumwe rusange mu itsinda ryabo, aho batuye, ubwabo hakurikijwe igihugu cyabo cyangwa itsinda ry'ibiganiro.
- Tumira abahugurwa kwitegereza ibitekerezo bibiri cyangwa bitatu byavuzwe mu gice cya mbere ubaza ibibazo bikurikira:
 - Ni iki kominote zacu zidutegerejeho mu rwego rwo kugarura no guteza imbere ubumwe rusange?
 - Ni iki twakorera hamwe kugirango icyitegererezo cyacu ku bumwe rusange kibe nyako muri kominote yacu?

- Guhuriza hamwe gahunda zitandukanye z'ibikorwa mu cyegeranyo kimwe rukumbi. (iminota 45):
 - *Erekana gahunda y'ibikorwa ya buri tsinda utangiriye ku ruhare rwatanzwe ku bandi bantu b'ingenzi.*
 - *Saba abahugurwa gutangaza ibyo babonye mu kazi kabo.*
 - *Sobanura ibikorwa by'abashakanye bishyigikira ubumwe rusange.*

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu munsi, icyo bumva bazabwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu munsi.
- Bamenyeshe ko ikiganiro gitaha kiziba ari: "Gukorera hamwe kugirango habeho bumwe rusange."
- Tumira abagize itsinda ry'ikiganiro gutegura umuhango muto w'ibirori mu kiganiro cy'ubutaha, kizaba ari icya nyuma cy'iyi mfashanyigisho.
- Hanyuma, bibutse itariki n'isaha ikiganiro cy'ubutaha kizaberaho no kubabwira ko muzishimira kongera kubabona

Ikiganiro 7.5: Ikiganiro kivanze: gukorera hamwe kugirango habeho ubumwe rusange

- **IGIHE CYAGENWE:** amasaha abiri n'iminota 30
- **ABO KIGENEWE:** abagore bakora ubucuruzi buciritse bwambukiranya imipaka n'abagabo babo (batandukanye)
- **UMUFASHAMYUMVIRE:** abafashamyumvire 2 babihuguriwe bavuye mu itsinda ry'ibiganiro, abakangurambaga bavuye mu bigo by'abafatanyabikorwa.
- **INTEGO Y'IKIGANIRO:**
 - Gutegura gahunda y'ibikorwa kugirango abashakanye batandukanye bakorere hamwe kugirango habeho ubumwe rusange aho batuye.
 - Gushishikariza amatsinda y'abagore bakora ubucuruzi buciritse hagati yabo no hagati y'abagabo babo ku bibazo by'uburinganire, ubumwe rusange no gushimangira amahoro.

1. Intangiriro

Iminota 10

- Tegura intebe ku buryo abahugurwa bose hamwe nawe, abafashamyumvire, mukora uruziga runini.
- Akira abagore bakora ubucuruzi buciritse mpuzamipaka cyangwa abagabo babo mu kiganiro gishya unabashimire ubwitabire bwabo.
- Saba amakuru ku bakererewe n'abasibyeye.
- Ibutsa ibyo mwabonye mu kiganiro cy'ubushize usaba abahugurwa kuvuga mu ncamake ibyaganiriweho ubushize: "Séance 7. 3: ikiganiro kivanze: Gusesengurira hamwe ubumwe rusange."
- Tangaza ko ikiganiro cy'uyu muni kiza kwibanda ku kungurana ibitekerezo ku "gukorera hamwe kugirango habeho ubumwe rusange."
- Bizaba ari kwibariza ku bikorwa byakorerwa hamwe mu rwego rwo kugarura ububano wuzuye hagati y'abantu ku rwego mpuzamipaka, za kominote, ingo n'abashakanye bafitanye amakimbarane. Bizasaba gutegura gahunda y'ibikorwa y'amatsinda atandukanye kugirango akorere hamwe mu guteza imbere ubumwe rusange muri kominote zabo.

2. Gukorera hamwe kugirango habeho ubumwe rusange

Iminota 100

Ibikoresho: impapuro, amakaramu agenewe abahugurwa, impapuro crafts, marikeri, ikibaho, ikayi, ingero za gahunda y'ibikorwa yo gutegura.

Uburyo: gukorera hamwe, gukorera mu matsinda mato bikurikiwe n'inama mu ruhame.

Objectifs:

- Nyuma y'ikiganiro, abahugurwa bagizwe n'abashakanye bazaba bafite gahunda y'ibikorwa yemeza abashakanye gukorera hamwe kugirango habeho ubumwe rusange muri kominote zabo.

Imigendekere:

- (Ni ngombwa: kumanika urupapuro rwanditseho intego y'ikiganiro 7.5).
- Kora ikiganiro gito ku ngingo zitera amahoro nk'uko gahunda ya Alerte International ibivuga.
- Ni izihe ngingo z'amahoro zatanze na Alerte International? Ububasha, icyo abantu bakora ngo babone imibereho; amategeko n'ubutabera, umutekano n'imibereho myiza.
- Ibutsa impamvu z'ingenzi abashakanye bari bumvikanyeho mu kiganiro 7.2. (iminota 20), harimo impamvu eshatu zituma habaho ubumwe rusange n'izindi eshatu zituma butabaho, noneho unakore urutonde rw'ibintu 3 byashobora kugira uruhare mu bumwe rusange ku rwego mpuzamipaka, ingo, za kominote hakurikijwe ubwoko bw'amakim-

birane/ ikibazo cyagaragaye.

- Fasha buri bashakanye gushimangira ibitekerezo byabo muri gahunda y'ibikorwa.
- Yobora ishyirwa hamwe ry'ibitekerezo, munahitamo ibya rusange bahuriyeho.
- Mu gusoza, tumira abahugurwa kwemeza urutonde rw'impamvu zigira ingaruka ku bumwe rusange mu itsinda ryabo/kominote/mu bashakanye/hakurikijwe igihugu cyangwa istinda ry'ibiganiro.
- Tumira abahugurwa gusuzuma, babiri babiri, ibitekerezo byakozwe mu gice cya mbere bibaza ibibazo bikurikira:
 - Ni iki kominote zacu zidutegerejeho mu rwego rwo kugarura no guteza imbere ubumwe rusange?
 - Ni iki twakorera hamwe kugirango icyitegererezo cyacu ku bumwe rusange kibe nyako muri kominote yacu?

Guhuriza hamwe gahunda zitandukanye z'ibikorwa mu cyegeranyo kimwe rukumbi. (iminota 40):

- Erekena gahunda y'ibikorwa ya buri tsinda utangiriye ku ruhare rwatanze ku bandi bantu b'ingenzi.
- Tumira abahugurwa gukora ubugororangingo muri buri tsinda uruhare rwahwe abandi bantu b'ingenzi.
- Mushyire ahagaragara ibikorwa bihuriweho n'amatsinda bijyane n'ubumwe rusange.
- Nk'uko byagenze mu kiganiro giheruka, baza buri wese ikintu yakunze kurusha ibindi mu biganiro no mu nsanganyamatsiko zabanje. Mufate igihe cyanyu, munishimishe. Kora ku buryo buri wese abigiramo uruhare.

3. Umwanzuro

Iminota 10

- Shimira abaje ubwitabire bwabo.
- Basabe kuvuga ikintu gishya bize uyu muni, icyo bumva bazabwira undi muntu n'icyo bumva bazihutira gukora kugeza mu kiganiro gitaha.
- Babaze na none niba hari ibibazo baba bagifite ku kiganiro cy'uyu muni.
- Bamenyeshe ko iki kiganiro cyari icya nyuma cy'imfashanyigisho.
- Mwishimire iki gikorwa kirangiye mu muhango w'ibyishimo, abagize amatsinda y'ibiganiro bashobora bateguye neza uwo muhango. Hanyuma mutegura itariki y'igikorwa cy'ubutaha.

International Alert

info@international-alert.org

www.international-alert.org



[/InternationalAlert](https://www.facebook.com/InternationalAlert)



[@intalert](https://twitter.com/intalert)



[/international-alert](https://www.linkedin.com/company/international-alert)

Registered charity no. 327553